

# AMAHUGURWA Y'ISANAMITIMA

## *Gukira ibikomere no Kwiyunga*

Iki gitabo gikoreshwa kw'isi yose, mu Cyongereza cyitwa 'Healing the Wounds of Ethnic Conflict.'  
(HWEC)

**Dr. Rhiannon Lloyd.**

Uwakoranye n'uwatangije uyu murimo, anamufasha kuvugurura iki gitabo – **Joseph Nyamutera**



Iki gitabo cyavuguruwe ubwa 4 cyasemuwe na Rabagirana Ministries

Uburenganzira bw'Umwanditsi © Ugushyingo 2014 bufitwe na Mercy Ministries International

CP 442, 1215 Geneva 15, Switzerland

Email: [reconciliation@lerucher.org](mailto:reconciliation@lerucher.org)

Uburenganzira bw'igitabo cy'ikinyarwanda bufitwe na Rabagirana Ministries [www.rabagirana.org](http://www.rabagirana.org)

All rights reserved.

Iyi mfashanyigisho ishobora gukoreshwa n'umuntu ku giti cye cyangwa ikaba yakoreshe mu mahugurwa y'Isanamitima n'ubwiyunge, mu gihe itagiye gukoreshwa mu nyungu bwite ashaka amaramuko cyangwa agicuruza.

Imirongo yose yakoreshejwe mu cyongereza yakuwe muri Bibliya Yera Nshya mpuzamahanga ® NIV®, Copyright ©1973, 1978, 1984 n'aho mu Kinyarwanda twakoreshe Bibliya Yera 93. All rights reserved.

Niba ushaka gushyira iyi mfashanyigisho mu rundi rurimi, twoherereze ubutumwa bwanditse kuri interineti kugira ngo uhabwe uruhushya.

# Gushimira

Nshimishijwe n'inkunga twahawe n'abantu benshi kugira ngo iyi mfashanyigisho ibashe gusubirwamo:

Past. Nyamutera Joseph (Rwanda), ku gihe kirekire yakoresheje yongeramo ibitekerezo bishya, avugurura inyigisho, ahereye ku murimo w'Isanamitima akora.

Past. Sabamungu Anastase (Rwanda), uri mu bafatanije na Dr Rhiannon mu gutangiza uyu murimo mu Rwanda, watanze inkunga ikomeye mu kwigisha no kuvugurura iki gitabo.

Catherine Froehlich (Geneva) wadufashije kwegeranya ibiri ku mugereka w'iki gitabo, wanadufashije gushyira iki gitabo mu rurimi rw'Igifaransa.

Kristine Bresser (USA, ubu akorera Geneva yanabaye mu Rwanda) watanze inkunda ntagereranywa mu gushyira kuri gahunda inyigisho Dr Rhiannon yatanze akigera mu Rwanda 94. Yagize uruhare rukomeye mu myandikire y'igitabo cya HWEC cya mbere cyifashishijwe nk'umusingi w'iyi mfashanyigisho.

George De Vust (USA ukorera muri Ukraine) winjiye muri uyu murimo mu gihe gishize ariko watanze ibitekerezo byiza mu kuvugurura iki gitabo.

Abayobora ibikorwa by'Isanamitima muri Kenya (Way of Peace), muri Kongo (OEIL), muri Afrika y'Epfo (MMSA), n'ahandi.

Les Roberts (Wales) na Madam Engelbrecht (Muri Afurika y'epfo) bafashije mu gukosora.

Inshuti nyinshi za Antioch church (Amajyaruguru ya Wales) bafashije mu kugenzura ko imirongo ya Bibiliya ihuye n'Inyigisho.

Christine Garbutt, Grit Kunig, John Wright, Eileen Dohrau na Chris Taylor badukoreye ibishushanyo byiza cyane.

Rev Hywel Rhys Edwards (Wales) yatanze inama z'ubuhanga muri Bibliya (teologiya), yafashije no kunoza ibitabo bya mbere.

Wayne Platt, Andy Leavers na David Coleman bafashije mu gukosora iki gitabo cya nyuma.

Rabagirana Ministries, Le Rucher Ministries, Geneva, n'inshuti zose badusengeye.

Turashimira abanyarwanda bose aribo ba mbere bakiriye izi nyigisho z'Isanamitima bagatanga ubuhamya n'ibitekerezo byagize uruhare mu kwegeranya iyi mfashanyigisho isigaye ifasha isi yose (Yesaya 60:3).

Ndabashimiye cyane mwese!

## **IBIRIMO**

Gushimira..... 4

Intangiriro ..... 6

**Igice rya 1: Gushyiraho Umusingi**..... 8

1. Umugambi w’Imana mu mibanire y’ abantu 9
2. Ingaruka mbi zo gushyira abantu mu gatebo kamwe: imizi yo gusharira 13
3. Ibituranga bishya: Ishyanga Ryera 19
4. Itorero rizana impinduka 25
5. Imibabaro y’ abantu, n’ Imana y’ urukundo 29
6. Kumenya Imana nk’umubyeyi udukunda 34

**Igice cya 2: Kubaka inkuta** ..... 40

7. Umujura 41
8. Umutima ukomeretse 45
9. Igisubizo cy’Imana ku mibabaro y’abantu 52
10. Igikorwa cy’umugaraba 57

**Icyiciro cya 3: Gushyiraho umukaba (lento)** ..... 59

11. Kubabarira uwaguhemukiye 60
12. Inyungu zo kwihana no Gusaba Imbabazi 65
13. Guhagarara mu cyuho 70

**Igice cya 4: Gushyiraho Isakaro!** .....75

14. kwatura umugisha 76
15. Icyo twakora nyuma y’aya mahugurwa 78

**Umugereka** 78

- A. Ibitekerezo byimbitse ku ‘mibabaro n’urukundo rw’Imana’ 82
- B. Kumenya Data wo mu ijuru utangaje 85
- C. Ibyerekeye ihungabana no gupfusha 87
- D. Gukiza ibikomere by’imbere mu mutima 91
- E. Gufasha imbabare z’umwihariko 98
- F. Ibyanditswe 101

## Intangiriro

Muri iyi minsi aho turebye hirya no hino muri iy’Isi yacu, tuhabona ubushyamirane/amakimbirane, cyane ashingiye ku matsinda (ubwoko, ibara, idini, igihugu). Uguhanga gukomeye gushingiye ku matsinda kuragenda kuboneka hagati y’amatsinda anyuranye, rimwe na rimwe bikagera ubwo bivamo ubwicanyi ndengakamere na Jenocide harimo iyakorewe Abatutsi muw’ 1994. Ndetse ibihugu nka Kenya, byatekerezwaga kuba bitekanye, mu buryo butunguranye igihe habayemo ubwicanyi bushingiye ku moko bwakurikiye ukutemeranywa kuvuye mu matora.

Uyu muni wumva ko muri Amerika hari ivangururu, muri Syria barapfa imyizerere na politiki, muri Afrika ho ivangura ryaratwokamye.

Haba hari igisubizo kuri uyu mwirya wose n’ingaruka zawo? Haba hari icyizere kuri iyi si yacu y’ibyaha n’umubabaro? Twizera ko hari icyizere kubera ko Imana ari Imana y’ibyiringiro! Ibyiringiro biri muri kamere y’Imana– Ntishobora guhinduka ngo itangire kwiheba. Imana ishaka gukoresha itorero umurimo w’Isanamitima n’Ubwiyunge mu mahanga atandukanye. Ariko mbere na mbere, nuko itorero rigomba gukira no kwiyunga ubwaryo.

Iyi mfashanyigisho yavukiye mu Rwanda nyuma gato y’igihe cy’umwijima ukabije wawe na Jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Ku ncuro ya mbere muri Nzeli 94, bayoboye na Dr Rhiannon, abayobozi b’ amatorero atandukanye muri Nyamata, bafashwa gukira ibikomere, banaganira ku kibazo abantu bibazaga: *‘Mu Gihugu aho abarenga 85% bajya mu rusengeru, ni uruhe ruhare Itorero ryagira mu rugendo rwo gukira kw’igihugu?’*

Mu gushaka igisubizo cy’iki kibazo, bo ubwabo bisanze barakomeretse, bafashwa gukira ibikomere no kwiyunga. Uhereye ubwo, amahugurwa y’Isanamitima yatangiye aho, akomeza mu gihugu hose.

Iyi mfashanyigisho yaje gukoreshwa muri Afurika y’Epfo mu gufasha gukira ingaruka z’amacakubiri hagati y’abazungu n’abirabura. Nyuma yakoreshejwe muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (Ituri, Kivu y’amajyaruguru n’iy’epfo), Burundi, Kenya, Uganda, Cote d’Ivoire, Sri Lanka, Nepal, Ubuhinde, Ukraine, na Hongrie. Aho niho twatangije amatsinda akomeye akora uyu murimo mu buryo buhoraho. Twaretse kuvuga ibindi bihugu byinshi aho izi nyigisho zatanzwe. Ibitangaza byo gukira n’ubwiyunge nk’ibyabaye mu Rwanda biracyakomeje.

Isengesho ryacu nuko iyi mfashanyigisho yakomeza gufasha mu bihugu byazahajwe n’intambara n’ubundi bwicanyi bushingiye ku matsinda. Tuyibahaye duciye bugufi dufite intego yo gushyira mu biganza byanyu igikoresho Imana yakoresheje henshi mu gukiza no kunga. Reka twongere gushimira n’abandi bakora umurimo w’Isanamitima mu bihugu byabo bakoresha ubundi buryo butandukanye n’iyi mfashanyigisho.

## Gusobanura ikigereranyo (incamake) cy'inzu

Mu myaka myinshi ishize twatahuye ko amahugurwa y'Isanamitima agira umumaro iyo yigishijwe mu buryo bw'uruhererekane ruteguye neza. Ntabwo dushobora kwihutira kujya mu masomo akomeye cyane yo kubabarira uwaguhemukiye, kwihana no kwiyunga, tutabanje gukuraho inzitizi no gushyiraho umusingi uhamye. Twasanze ikigereranyo cyo kubaka inzu gifasha gutanga igisobanuro mu ncamake y'urugendo rugera ku gukira n'ubwiyunge.

Gushyiraho umusingi



Twizera ko guhishurirwa umutima w'Imana ari wo musingi wonyine ushobora kugeza ku gukira kurambye. Dukeneye kumenya icyo Imana yagambiriye ubwo yaturemaga, ubwo yashyiragaho amatsinda atandukanye, uko byaje guhinduka, tukaba tugeze mu mwijima w'umwiryane, amacakuribi, ubwicanyi n'ingaruka zabyo. Dukeneye kongera kwakira urukundo rwayo n'imbabazi zayo mu gihe cy'umubabaro, bityo tugatangira kuyibona nk'Imana idukunda, tukabona Imana nk'umubyeyi udukunda.

### Kubaka Inkuta

Guhishurirwa umutima w'Imana bizafasha imitima yacu gushobora kwemera umubabaro wacu, nyuma tukemera kuwujyana ku musaraba (ivuriro) ngo dukire.

### Gushyiraho umukaba (Lento).

Iyo umutima ucyuzuye umubabaro, byaba bigoye cyane ko wababarira. Iyo duhishuriwe Yesu nk'utwikorerera imibabaro, hanyuma tugasuka iyo mibabaro mu mutima we, duhabwa imbaraga (ziva mu rukundo) zo kubabarira. K'uwahemutse, iyo azanye wa mutima umucira urubanza ku musaraba, abona imbabazi z'Imana zimuhesha imbaraga zo gusaba imbabazi abo yahemukiye.

### Kongeraho igisenge (Isakaro)

Ahantu hose hari ukwihana no kubabarira, ubwiyunge butangira gutemba nk'umugezi.

# Igice rya 1: Gushyiraho Umusingi

## Gusobanukirwa no guhishurirwa umutima w’Imana

Imirimo yose y’ubwubatsi itangirana no gushyiraho umusingi. Naho ubundi ntitwashobora kubaka ikintu icyo ari cyo cyose ngo gikomere kandi kirambe. Guhishurirwa umutima w’Imana ni umusingi wo gukira kose. Dukeneye kumenya icyari mu biterezo (umugambi) byayo ubwo yaturemaga kugeza uyu muni. Dukeneye guhishurirwa ibyari mu mutima w’Imana igihe twari mu mw’ijima w’umubabaro. Imana niyo ya mbere tugomba kwiyunga na yo. Abakristo nabo barabikeneye, kubera ko kunyura mu mubabaro w’akarengane bishobora kudutera kwivovotera Imana mu mutima, twumva ko itatwitayeho. Niba tuyibona nkaho ariyo nkomoko y’imibabaro yacu ntabwo twayigana dushaka gukira. Aha dukwiye gushakira ibisubizo bya bibazo bikomeye (ibirego) umuntu yibaza mu gihe cy’umubabaro. Abakristo bakeneye kuba bahabwa uburengenzira (urubuga) rwo kuvuga ibyo bashidikanya ku Mana, ibibazo n’umujinya bafitiye Imana, kandi ibi binashobora kuba itangiriro ryo gukira kwabo.

Hakenewe nanone guhangana n’ibyatubabaje byo mu bwana bishobora kuba byarahindanije ugusobanukirwa kwacu ko Imana ari Data. Ni tutumva ko Imana idukunda ntitwayegera ngo idukize. Biragoye gukira ibikomere by’ amateka y’igihugu, mu gihe ukuyemo gukira ibikomere twatewe n’umuryango. Ibikomere byo mu muryango ni bibi cyane, ubifite ntiyanamenya nuko ubwiyunge, cyangwa kubana neza kw’abantu bisa. Ikiyongeraho kuri ibi, nuko ntawagera kugukira kw’igihugu ngo akirinde amakimbirane ya hato na hato atabanje kwita ku gukira kw’imiryango. Abatarigeze bahabwa urukundo rwa kibyeyi nibo byorohera gufata intwari no kwica abandi, kuberako imico myiza yo kubaha no kubahiriza ubuzima bw’abandi umuntu ayikomora mu burere.



# 1. Umugambi w'Imana mu mibanire y' abantu

Kumenya icyo Imana yari ifite mu bitekerezo igihe yaturemaga


Mu gihe cyose habayeho amakimbirane ashingiye ku moko aho ari hose, habaho guseniyuka kw'imibanire. Abantu barakomereka, bakarakara, bagashaka gutongana, kuja impaka, gushinjanya cyangwa se kwisobanura. Mbere y'uko dutangira kureba ku gukira kwiyo mibanire yaseniyutse, ni ngombwa gufindura neza icyo Imana yifuza. Ubwiyunge ni iki? Ni gute tuzamenya ko twabugezeho? Reka tujye mu ntangiriro, mbere y'uko hagira uremwa n'umwe muri twe.

## 1) Ubutatu Bwera– Urugero rw'imibanire myiza ihebuje

Mbere y'uko Isi itangira kubaho, Imana Data, Imana Mwana n'Imana Mwuka Wera babayeho iteka mu ruziga rw'imibanire myiza ishimishije.

Dufate bimwe mu biranga uburyo basabana neza umwe ku wundi:

- Urukundo
- Kwizerana
- Kwiyumvanamo (Affection)
- Kwishimirana no kwizihizanya
- Ubumwe butajegajega (nyakuri, bwuzuye)
- Gufashanya
- Gukorera hamwe hagamijwe kugera ku ntego imwe
- Kugirirana icyizere
- Kugira inyungu zimwe
- Gukora nk'itsinda – Gukorana
- Guhana amakuru bisesuye
- Kubahishanya no gushyirana hejuru (esteeming)
- Guhora uhari ku bw'inyungu z'undi
- Imirimo itandukanye ariko m'ubwuzuzanye bwuzuye (busesuye)
- 



Icyo tubona aha ni urukundo rutajegajega aho buri wese yuzuzanya mugenzi we. Nubwo ari Bamwe mu bibagize, hari itandukaniro mu mimerere yabo. Ariko kuba hari itandukaniro ntabwo byigeze biba na rimwe ikibazo – nibyo bibagira Data, Mwana n'Umwuka Wera! Icyo tubona muri icyo miterere yabo ihebuje ni ubumwe mu budasa. Nta guhatana, nta kurwanira ubuyobozi, nta utera ubwoba undi, nta ushaka kwerekana ko ari we ushoboye kurusha abandi, nta ufiteye ishyari undi, nta makimbirane ashingiye ku nyungu. Aha hari urugero rw'imibanire myiza ihebuje irangwa kwishimirana by'iteka ryose.


Niba imibanire y'Ubutatu Bwera bw'Imana ari myiza bihebuje, ni iki cyatumye bafata icyemezo cyo kuturema?

Hari ikintu ku rukundo cy'uko buri gihe ruba rwifuza gusangirwa. Habayeho ugushaka gusangira n'abandi imibanire myiza izira amakemwa abagize ubutatu bari basanzwe bafitanye. Ibyo byiza bihebuje, bumvaga batabyigumanira bonyine. Ni nkaho Imana yavuze iti: “Reka dufungure uruziga. Reka tureme umuntu (umugabo n'umugore) mu ishusho yacu, kugira ngo bashobore gusangira natwe iyi mibanire ihebuje ndetse nabo bayigirane hagati yabo.”

Fata umwanya utekereze ku byiza bihebuje biri muri uku guhishurirwa. Twavukiye kuba mu mibanire myiza ihebuje!

Intego y'ubwiyunge ni iyihe? Si ukubangikanya abigeze gushyamirana, ahubwo ni ugufasha abantu gusubira mu mugambi w'Imana ku mibanire y'abantu nk'uko byari mw'itangiriro (kwishimirana mu budasa).

Turabizi neza ko abagize Ubutatu bwera bw'Imana bose bagize uruhare mu iremwa ryacu. Bumvise bamereye bate igihe baturemaga? Ni ayahe marangamutima bari bafite? Turabizi ko guhera mu gice cya mbere cyo mu Itangiriro ko bari bishimye; Bari biteze (anticipate) ibyishimo bidasanze bizava muri bwa busabane bwuzuye hagati yabo n'ibyaremwe. Dushingiye ku mibanire y'Ubutatu bwera, twemeza ko ishusho y'Imana igaragara neza iyo abizeye babanye neza, bakundanye, bamerana mu budasa.



## 2) Amatsinda (amoko, amabara, ibihugu) atandukanye – umugisha cyangwa umuvumo?

Kuki hariho amatsinda (amoko, amabara, ibihugu) atandukanye, nabyo byari mu mugambi w'Imana? Kubera ko benshi bahuye n'akaga gakomeye gaturuka ku mwirya ushingiyeye ku moko, cyane muri aka karere k'ibiyaga bigari, usanga benshi bavugaga ko ubudasa hagati y'amatsinda ari ishnyano, ari umuvumo. Muri macye, bavugaga ko ubudasa atari umugambi w'Imana, ahubwo ko ari ingaruka z'icyaha. Nyamara mu Byakozwe n'Intumwa 17:26 hatubwirako Imana yaremeye amatsinda y'amoko (amahanga, mu Rugiriki ni 'ethnos') atandukanye avuye ku muntu umwe cyangwa ku maraso amwe. Ubudasa hagati y'abantu byari igitekerezo cy'Imana.

Mu rwandiko Paulo yandikiye Abefeso 3:15, ijambo "Umuryango" rishobora gusobanura itsinda ry'abantu, abantu basangiye igihugu cyangwa ubwoko. Ibi ntibigomba kudutangaza, kuko Imana ikunda ubudasa. Turebye urusobe rw'ibyaremwe turabibona Abaroma (1:20). Imbwa ubwazo ziri amiko menshi. Ururabo bw'iroza rufite amoko utabara. Ntiwabara amoko y'amafi. Ubwiza (glory) bw'Imana ni bugari cyane ku buryo nta tsinda rimwe ry'abantu rishobora kubwerekana uko buri. Ibi bivugaga ko ubwoko bumwe bwerekana agaco gato gusa k'ubwiza n'imico y'Imana.

Ikibazo ni iki. None ubudasa bwatwe ni iki? Mu Itangiriro 1:28, Imana yabwiye umuntu ngo 'mwororoke, mugwire, mwuzure isi...' Iyo bumvira bakagenda ku neza, ugutandukana kw'abantu kwari kurema ubudasa byanze bikunze. Imico, amabara, indimi burya bihinduka bitewe n'aho abantu batuye, n'ibyo bakora. Nta gitangaza ko bamwe baje kugira uruhu rwirabura n'imisatsi yegeyeranye cyane bitewe no gutura ahari izuba ryinshi. Mu bwenge bwayo, Imana yateganyije ko bimwe mu biranga imiterere yacu yo ku mubiri, no mu myifatire bishobora guhinduka. Dushingiye kuri ibi ntiwakomeza kwitwaza ko ibyabereye ku munara w'I Babeli (Itangiriro 11) aribyo ntandaro y'ubudasa, ahubwo icyo Imana yakoze ni ukwihutisha umugambi wayo w'uko abantu batura mu bice byose bigize isi, bityo ubudasa yashakaga bukaboneka.

## **Turatandukanye (ntidusa)ariko nta ufite ugaciro kurusha undi**

Turatandukanye ariko dufite agaciro kangana mu maso y’Imana. Igihe yaremaga umuntu, Imana ntawe yarutishije undi (Ibyakozwe n’Intumwa 10:34-35). Dr. Rhiannon yakunze kuvuga ngo ‘byaba ari ibisazi kumva ko umuntu afite agaciro kurusha undi bitewe n’ibara ry’uruhu kandi ari ibintu umuntu avukana gusa.’ Imana yashyize ubutunzi bwihariye muri buri tsinda (ubwoko, igihugu, ibara) ry’ abantu. Yari yiteze (ikeneye) ko buri tsinda riteza imbere umwihariko waryo, ariko ukungura n’abandi.

Umugambi w’Imana wari uko twese dukundana, tukubahana, tukanishimirana, tukiga guha abandi (abo tudasa) agaciro (Abafilipi 2:3). Idushakaho ko buri wese abona mugenzi (cyangwa abo tudahuje) we nk’isoko y’umukiro (umugisha) ukomeye mu buzima bwacu. Subira ku rutonde ruri ku rupapuro rubanza. Uku niko Imana yashakaga ko abantu bava mu matsinda atandukanye babana.

Diyama igira agaciro kenshi kubera impande nyinshi ziyigize kurusha ikirahure cy’idirishya kugire impande 2. Irakomera cyane kurusha ikirahure. Uko umubare w’imigongo wiyongera, niko ubwiza bwiyongera, kuko buri ruhande rugarura urumuri mw’ibara ridasa n’urundi. Ibyo rero ni kimwe n’uko Imana yifuzaga ko buri tsinda ry’abantu rimera nk’agahande kamwe ka diyama nini, kakerekana icyubahiro n’ubwiza by’Imana mu buryo butandukanye n’abandi. Mu Byahishuwe 21:24-26, hatubwira ko Imana yashyize icyubahiro n’ubwiza ntagereranywa mu buri shyamba (ubwoko), ikaba ishaka ko ibyihariye byiza bya buri shyamba bizaseruka muri muri Yerusalemu Nshya.

### **3) Ni iki kitagenze neza? (Ibintu byapfiriye he?)**

Muburyo bubabaje, icyaha cyinjiye mu byiza Imana yaremye. Abo Imana yaremye bagiye kure yayo, bata umugambi wayo, nabo ubwabo basubiranamo. Mu itangiriro 11, abantu bivumbuye ku itegeko ry’Imana ryo gukwira mw’isi no kuyitegeka. Ahubwo bishyira hamwe bigira ibyigomeke kugira ngo bubake umunara, bagere mu ijuru (umurongo wa 4), byabaye ngombwa ko Imana ibatanyanga, kugira ngo umugambi wayo ugerweho.

Guhera icyo gihe, aho kugira ngo tunezeze n’ubudasa bw’ amatsinda tubarwamo, twiyumvamo guterwa ubwoba n’abandi (kutigirira icyizere). Turahangana hagati yacu. Duteshanya agaciro duhakana igitekerezo cy’Imana ko twese tureshya, duhora dushaka kurushanwa bamwe bashaka kwemeza abanda ko babaruta, abumva ko bari hejuru y’abandi bakaranga no gusuzugura abandi. Bamwe batangira kumvikanisha ko imico yabo iri hejuru y’indi bijyana gukandamiza abo mu yindi mico.

Aho kugira ngo ubudasa bube isoko y'umukiro n'umugisha, bamwe bakoreshje ubwoko/ibara nk'igikoresho cyo gukomeretsa abandi. Ibi ntibyigeze na rimwe biba muri gahunda y'Imana. Bishavuzwa cyane Umwuka w'Imana. Imana yanga amacakubiri ayo ariyo yose no gucirana imanza aho biva bikagera.

Tubonye ko umugambi w'Imana ku mibanire y'abantu wari ukubana neza mu kuzuzanya hagati y'amatsinda atandukanye nk'uko twabibonye mu mibanire iri mu Butatu bwera. Ikibabaje ni uko umuntu (amatsinda y'abantu) yananiwe kubahiriza uwo mugambi w'Imana ku mibanire. Niyo mpamvu Imana ubwayo yinjiye mu isi yacu nyuze muri Yesu kugira ngo aduhuze Nayo ndetse ahuze abantu n'abandi.

### **Kubyigaruraho**

- Ni ibiki bikubuzwa kwizera ko ari Umubumbyi Usumbabose wakuremye kandi akaba We yaranejejwe n'uwo murimo yakoze?
- Ni iki cyagufasha kubona abantu mutandukanyenk'umugisha w'inyamibwa (udasanzwe) aho kubabona nk'ikibazo?

### **Incamake**

- Ubutatu Bwera nirwo rugero rwiza ruhebuje rw'imibanire ya muntu.
- Amatsinda y'amoko yaremwe n'Imana kugira ngo agaragaze ibice binyuranye by'imiterere y'icyubahiro Cyayo.
- Umuteguro Wayo wari uko habaho ubumwe mu budasa, twubahana, kandi twizihiza itandukaniro ry'imico inyuranye, ariko icyaha cyinjiye mu mutima w'umuntu gisenya ubwiza bw'Umugambi w'Imana.

## **2. Ingaruka mbi zo gushyira abantu mu gatebo kamwe: imizi yo gusharira**

***Gufasha abantu kumva ububi bwo gushyira abantu mu gatebo kamwe ngo babireke***

Iyo abantu babajijwe impamvu hariho amakimbirane ashingiye ku matsinda (amoko, amadini, ibihugu), abenshi bavuga izishingiye ku butaka, kutabona ibintu kimwe, impamvu ziva hanze zitanya abantu (inyungu z'ibihugu bikomeye), politiki mbi n'ibindi. icyo benshi badatekereza kandi gikomeye ni imitekerereze mibi ku yandi matsinda (prejuge-prejudice). Ufatiye ku Rwanda, jenocide yakorewe Abatutsi, nubwo impamvu nyamukuru ari politiki mbi, yitabiriwe n'urubyiruko rwinsi rwari rwibitsemu ibitekerezo bibi bishyira Abatutsi mu gatebo kamwe (umwe yavuze ngo ni ibitekerano). Ibyo bitekerezo byari bimeze nk'igisasu gitabye gitegereje ugikandagiraho. Mu bihugu nka Kenya, u Burundi, Sudani y'Efpo, na Kongo, ubona ibi bitekerezo byarakoreshejwe cyane mu guhembera amacakubiri rimwe bikagera ku bwicanyi bushingiye ku moko. I Burayi, abantu batinya abimukira b'Abayisumu batekereza ko bese ari intangondwa (idini).

### **1) Igisobanuro– Gucira abandi urubanza ubashyira mu gatebo kamwe**

Gucira abandi urubanza ubashyira mu gatebo kamwe ni ugutekereza ibibi ku muntu umufatanyaga n'itsinda aturukamo. Ibyo bitekerezo bishobora gutuma umwima uburenganzira bwe, utamwakira, umutinye, cyangwa umukorera ibibi, rimwe ntiwumve ko wanakosheje. Iyo mitekerereze ikunze kugira imbaraga ahantu habaye amakimbirane, bityo amakuru y'inzangano agahererekanywa mu nkuru, mu migani cyangwa mu rwenya. Ni ngombwa ko tumenya ko iyo mitekerereze ishobora kuzana akaga.

Ububi bw'iyi mitekerereze ni uko umuntu ashobora gukora nabi, ibibi bye bigashyirwa kw'itsinda (ubwoko, idini, igihugu) ryose. Kabone naho benshi muri iryo tsinda bagaragaraho ikintu kibi, si ngombwa kubishyira kuri bese. Hari aho usanga abantu batakimenya gutandukanyaga ugushyira abantu mu gatebo kamwe, n'ukuri. Iyi mitekerereze ituma dufata itsinda twe tubarwamo tukarishyira aheza, irindi tukarishyira habi (identity by comparison, abandi babyita identity of conflict). Ibi binyuranye n'ihame rya Bibliya rivuga ko dufata ko abandi baturuta (Abafilipi 2:3). Ikindi nuko gucira abantu urubanza ari icyaha gikomeye (Matayo 7:1). Ubundi Bibliya itwigisha kugirira abandi ibyo twifuza ko batugirira (Matayo 7:12). Ni nde wifuza ko abandi bamutekereza nabi?

### **2) Kugaragaza iyi ndwara yo gucirana imanza dushyira abantu mu gatebo kamwe**

Niba turi abanyakuri, twemere ko iyi ndwara iri hose. Muri buri gihugu, usanga hari amatsinda yitwa ko ari hejuru, ayandi hasi, hakaba n'itsinda abandi babona ko ari nta kigenda! Kuri wowe, ibi bikwibukije iki? Hari amazina akujemo se?

Inzenya tuvuga ku yandi matsinda ni ikimenyetso cy'ivangura. Hari amazina mabi ahabwa abantu

baturuka mu matsinda abasuzuguza. Mu myaka mike mbere ya jenocide yakorewe Abatutsi, babanje kwitwa ‘inzoka n’inyenzi.’ Umwe we yavuze ko yakiriye ko abo igihugu cyitaga abanzi icyo gihe bari bafite imirizo. Mu bwicanyi bwabaye muri Kenya hari aho bitaga Abakikuyu ‘Madowadowa’ (udusimba tw’ amabara). Muri Sudani y’Epfo, bamwe bahimbye inkuru ivuga ko Aba-Dinka bataremwe n’Imana ahubwo ko satani yacunze Imana yananiwe apfa kubahanga uko yiboneye! Muri Afrika y’Epfo, abazungu bose biswe ba mpatsibihugu, abirabura bose bitwa injiji cyangwa ibigoryi by’abanebwe, nho abavanze bitwaga ‘ikizira gikomoka ku kurindagira kwa muzungu.’ Ibi ntaho bitari. Abadage baracyitwa ba Rutwitsi (fascist) mu bindi bihugu by’I Burayi, naho muri Amerika abazungu n’abirabura usanga bitana amazina adashobotse.

Mu Rwanda rwa mbere ya jenocide yakorewe Abatutsi, buri tsinda ryari rifite ibirivugwaho bibi cyane. Ntitwavuga ko byashize, hari ibindi byiyongeyeho ku byiswe amoko, n’ibihugu abantu bagiye baturukamo!

Ivangura rimaze igihe kuva isi yaremwa, no muri Bibliya ryabagamo. Yesu nawe yashyizwe mu gatebo kabi cyane. Igihe Natanayeli yumvaga ko ari uw’i Nazareti, yagize ati : ‘Mbese i Nazareti hari icyiza cyahaturuka ? (Yohana 1 :46). Ahandi Umusamariyakazi yamufashe nk’ umwirasi kuko ari Umuyuda kuko Abayuda banenaga Abasamariya (Yohana 4 :9).


### **3) Imizi– nihe tuvoma imitekerereze mibi ishyira abantu mu gatebo kabi ?**

Wari wibaza ikigutera gutekereza uko utekereza no kwitwara uko witwara ? Birashoboka ko waba uvangura abantu. Byo waba warabikuye he ?

## Dufate ishusho y'igiti, yerekana ubuzima bwacu:

Bibiliya ikoresha ishusho y'igiti kugira ngo igaragaze ubuzima bwacu (Zaburi 1:3, 92:12; Izayi 61:3b; Yeremiya 11:16, 17:8). Reka dukoreshe iyo ishusho kugira ngo twumve byisumbuyeho imvano (amavomo) y'ivangura n'imbuto ritanga.

### IGITI CY'IMITEKEREREZE YANDUYE



Twese tuva ku muntu umwe no ku maraso amwe. Turemye mw' ishusho y'Imana. Imitekerereze yacu ishobora kugira uruhare mu byo twifuza, ishobora kugena amahitamo yacu. Turemye mu buryo dushobora gukunda no kugirana umubano n'Imana. Ibi byiza ni umurage dukomora kuri Adamu. Imana ishaka ko tumera nk'igiti gitanga imbuto nziza. Nk'uko twabibonye mw'isomo rya mbere, Imana yadushakagaho kwishimira abo turibo, kubahana no kwishimira ubudasa. Ariko Adamu yaracumuye umugambi mwiza w'Imana ukomwa mu nkokora. Mu mwanya wo kwera imbuto nziza, tweze imbuto zisharira. Twisanze dufite imyitwarire ituganisha ku ivangura, urwikekwe ndetse n'urwango.

Buri giti kigira imizi yacyo. Kugira ngo tubashe kumva impamvu twera imbuto zisharira, tugomba kujya mu mizi. Imana yari ifite umugambi w'uko iyo mizi yose iba myiza, ikavamo ibyo ikeneye byiza mu butaka bwiza. Ariko ku bw'icyaha cya Adamu, Bibiliya itubwira ko twarazwe kamere mbi ya Adamu yihutira kugwa mu bicumuro (Abaroma 5:12-21). Satani yahereye ubwo afatanyaga na kamere y'umuntu kwangiza no guhumanya amasoko yose tuvomaho. Uko kwangirika kwafashe cyane imitekerereze y'umuntu (Itangiriro 6:5).

Dufate urugero nk'ivangura riba hagati y'imigabane, ibihugu n'amoko. Imigabane (Afrika-Uburayi): abazungu batekereza ko abirabura ari abanebwe, abajura n'abanyakavuyo mu gihe abirabura babona abazungu nk'abagome, ba mpatsibihugu b'ibisambo na ba gateranya. Hagai y'ibihugu bituranye (Rwanda na DRC): Mu gihe abanyekongo batekereza abanyarwanda nk'abagome b'abicanyi, abanyarwanda bamwe babona abanyekongo nk'abatekamutwe b'abasongalele. Tugeze mu moko, twamaze kubona mbere ya jenocide yakorewe Abatutsi uko bamwe bitaga abandi. Twasanze nko mu muri Congo Ababembe n'abanyamulenge bibiteseho ibintu bibi cyane bamwe bavugaga ku bandi, muri Kenya Abakikuyu na Abaluwo nabo ntibyoroshye.

Iyo mizi y'aba sogokoruzi, n'imiryango irerekana abagiye batambutsa ubutumwa buhembera iyo mitekerereze mibi ishyira abantu mu gatebo kamwe.

Ibyo twanyuzemo, urugero nko kwicirwa imiryango, kurenganwa n'abo mw'itsinda runaka byongerera imbaraga iyo mitekerereze mibi ishyira abantu mu gatebo kamwe.

Umuzi w'itorero/idini wagiye udutungura. Twabajije abantu niba ugushyira abantu mu gatebo kamwe wabyigira mw'itorero/idini usengeramo. Bose bavuze ko iyo mitkerereze mibi ihari cyane, ko uyibona mu buryo bwinshi!

Ugushyira abantu mu gatego kamwe byera imbuto zikurikira: urwango, ubwumvikane buke, urwikekwe, n'ibindi- ni ikinyuranyo cy'imbuto z'Umwuka. Iyo ibyo bitekerezo bikuze cyane, bivamo kwigizayo abandi, guha itsinda runaka kato, kwica no kumaraho;

Mu Gutegeka kwa kabiri 29: 18 havuga ku busharire buba mu mizi bugatera imbuto kurura. Ibi tubibona no mu Rwandiko rwandikiwe Abaheburayo 12; 15: 'kandi hatagira umuzi umera ukabahagiraka imitima abenshi bagahumana.' Nta gitangaza ko mwalimu wuzuye amacakubiri yanduza abanyeshuri, umunyapolitiki akanduza abo abamukurikira, umubyeyi akanduza abana, umuyobozi w'idini nawe akanduza abayoboke.


Iyi mitekerereze ni mibi cyane, kuko itera akaga:

*Imitekerereze ihinduka imyemerere, imyemerere akagaragarira mu bikorwa-ibikorwa byasubiwemo kenshi bihinduka imyitwarire-iyoyitwarire niyo igena ejo hazaza hacu.*

#### 4) Yesu- nta vangura agira

Reka turebe ikindi giti- umuntu utagira ivangura, n'ubuzima bwe bukaba bwera imbuto z'urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana n'izindi mbuto z'Umwuka.

### YESU IMIZI IRI MU MANA



Nta vangura cyangwa urwango biba muri Yesu kuko yashoye imizi mu Mana yaturemye ikaduha agaciro kangana, kandi twise itwifuriza ibyiza gusa. Muri Yohana 4, tuhabona Yesu aganira n'Umusamariyakazi. Ibi byerekana ko we nta atanenaga Abasamariya kandi ko atasuzuguraga abagore nk'uko abandi Bayuda babigenzaga. Muri Luka 7, Umwami Yesu yakijije umugaragu w'Umuroma, nubwo Abaroma bari abanzi b'Abayuda. Mu kiganiro cye n'umugore w'Umugiriki wo mu bwoko bw'Abasirofoyinike muri Mariko 7, bigaragara nk'aho Umwami Yesu yamuvanguye. icyo Yesu yari arimo gukora kwari ukugerageza ukwizera kwe. Amaze kubona ko afite ukwizera ko kurata ukw'Abayuda benshi, yahise amukiriza umwana.


#### 5) icyizere cyo guhinduka binyuze muri Yesu

Nubwo dufite urwango mu mizi yacu, rutuma twera imbuto zisharira, ntabwo bivuga ko tubomba kuguma uko twakabaye. Intumwa Paulo yandikiye Abaroma (Abroma 12:2), yavuze ko tugomba guhinduka,

imitekerereze yacu ikaba mishya (renewal of our mind). Ntitugomba gukurikiza imitekerereze y'umuryango tubamo, ahubwo tugomba kugira imitekerereze ya Kristo (Abafilipi 2:5; 1 Abakorinto 2:16).

Haracyariho ibyiringiro! Yesu aduhamagarira kwinjira muri we, tukemerera Umwuka Wera akaduhindura, buri muni tukagenda turushaho gusa na we. Mu gishushanyo cya gatatu (ku rupapuro rukurikira), tuhabona igiti gito cyerekana wowe na nje mu giti kinini aricyo Yesu. Cyerekana ubuzima bwacu muri Yesu. Iyo twemeye kuba ishami ry' igiti cyiza dutangira kwera imbuto nziza (Yohana 15:4-5). Imizi yacu ishobora guhumanuka, bityo dushobora kugira imitekerereze n' imyitwarire mishya.

Akenshi ntitujya dutekereza ko tugomba guhinduka mu mitekerereze. Tugomba gusuzuma ibyo dutekereza ku bandi bibi, tukemerera Umwuka Wera kuduhumanura no kutuvugurura, akatugira bashya. Tugomba kwakira imitekerereze ya Kristo (2 Abakorinto igice 5:16). Gushorera imizi mu rukundo bizaduhishurira ubunini bw'urukundo rw'Imana (Abefeso 3:14-20; Abakolosayi 2:7). Ibi bituma tugira imitekerereze mishya iganisha ku mibanire myiza ihumanutse.



Aho kugira ngo twuzure urwango, dushobora kubaha no guha agaciro andi matsinda (amoko, uturere, amadini, ibihugu) tudahuje bibyo ibyo gushyira abantu mu gatebo kamwe kandi kabi, tukabisezerera.

Inshuro nyinshi, ntitujya twiyumvisha icyo kuba muri Kiristo bivuze. Yesu yavuze ko ari umuzabibu, twe turi amashami. Kwinjira muri Yesu bivuga kubona abo dusanzemo nk'abavandimwe dusangiye umuryango w'Imana, ariwo Shyanga ryera. Muri abo, hari abo duhuje inkomoko, amateka, ibara, igihugu, ariko hari n'abandi tudahuje ibyo byose, ariko ntibibabujije kuba bene Data.

Uku guhinduka ntiguhita kuba uwo mwanya ngo birangire. Nubwo Pawulo avuga ko iyo umuntu ari muri Kristo byose biba bibaye bishya (2 Abakorinto 5:17), ntabwo tujya tubona byose byahindutse ako kanya kuko benshi bakomeza gushorera imizi imwe mu masoko ya kera (Abaroma 7:22-25). Ukuri ni uko iyo tubaye Abakristo binyuze mu kwihana no mu kwizera Yesu, tuba twinjiye mw'Isyanga ryera (Petero wa 1 igice 2:9). Ikibabaje, ibi sibyo twigishwa

mu nsengeru. Twumva twisangiye Yesu, uwo mubano tukawuha imbaraga, ariko abandi dusangiye ukwizera nta mwanya tubataho. Iby'iri Shyanga, nibyo tuza kurebera hamwe mw' isomo rikurikira.

### **Kubyigaruraho**

Fata umwanya utekereze ku mizi itandukanye hanyuma usubize ibi bibazo:

- Ni ibiki wumvise, wabonye, cyangwa byakubayeho byagize uruhare ku mitekerereze no ku mibanire yawe n'abandi?
- Haba hari ubusharire mu mizi yawe ? Niba ari byo, ni izihe mbuto wera?
- Saba Umwuka Wera ahumanure, avugurure imitekerereze yawe aho usanga ugifite ubusharire.

### **Incamake**

- **Imitekerereze mibi kw'itsinda ituma ushyira abantu bose mu gatebo kamwe.**
- **Tuvoma iyo mitekerereze mibi ahantu hatandukanye.**
- **Gushyira abantu mu gatebo kamwe bisenya imibanire hagati y'amatsinda, bitera umwiryane. cyane kandi ni intangiriro y'intambara zose n'amacakubiri yose.**

### 3. Ibituranga bishya: Ishyanga Ryera

#### **Kubona ibituranga bishya mw'ishyanga ryera, guha agaciro abo turibo mu Mana kuruta abo turibo muri za kavukire n'amatsinda dukomokamo.**

Nubwo amatorero n'amadini ya Gikristo yo muri Afurika ari menshi mu mubare, abantu benshi bayinenaga kubura imbaraga mu guhangana n'irondakoko, ivangura cyangwa amacakubiri ayo ariyo yose. Umuntu yibaza aho byapfiriye? Igihe kirageze ko amatorero ya Gikristo atahura umugambi w'Imana kuri iki kibazo gikomereye uyu mugabane. Amatorero ya Gikristo yayobewe icyo yakoresha ibiranga abantu by'akavukire cyane ikibazo cy'amoko. Iyo tubaye Abakristo, ubwo dusabwa kwibagirwa cyangwa tujugunya kure amatsinda dukomokamo? Iri somo ribereyeho kudufasha kumenya uko tubana n'ibituranga byombi: Ibya kavukire (natural), n'ibishya tubonera muri Kristo.

#### **1) Ivangura mu matorero**

Imana yaturemye mu ishusho yayo kugira ngo twishimire ubumwe mu budasa. Ishaka ko twishimira abo tudahuje amatsinda dukomokamo (amako, amabara, igihugu, ...). Amatorero ntaho ataniye n'abo hanze. Hari amatorero menshi ashingiye kw'istinda ry'abantu rimwe (ubwoko, ibara, aho baturutse). Abadafite inkomoko muri iryo tsinda baribwiriza, bamenya ko batahawe ikaze. Mu bindi bihugu, usanga basenga mu rurimi rwa kavukire (urugero Zande, Dinka, Kikuyu, ikibembe,..) kandi ari mu muji (Juba, Nakuru, Bukavu)! N'aho usanga hateranira abakomoka mu matsinda atandukanye, iyo bagiye gushyiraho abayobozi, iyo utari uwo mu bwoko bumwe n'umuyobozi mukuru, ntushobora kurenga urwego rwo hasi ngo uzamuke. Ugushyingiranwa hagati y'abakomoka mu matsinda/amoko atandukanye bikorwa habayeho intambara nyinshi, ubundi bamwe bakabirwanya, rimwe bikarangira abari bagiye kubana batandukanye. Mu gihe habaye ubushyamirane hagati y'amatsinda/amoko mu gihugu, usanga abanyetorero babogamira kubo bahuje, aho kugira ngo babe igisubizo, amatorero/amadini akaba ikibazo! Ugasanga abo mu matorero basanga ukubogama kwabo ntacyo gutwaye! Nk'uko twabibonye mw'isomo rya mbere uyu mwifato mubi unyuranye n'umugambi w'Imana.

Igisubizo cy'Imana ku kibazo cy'amacakubiri mw'itorero, ni uko abizera Yesu batahura ukuri kw'Ishyanga ryera, iryo shyanga rigizwe n'abantu Imana ihamagara ibakuye mu bandi, ikabagira igihugu kidasanze!

#### **2) Ishyanga Ryera- Abantu Imana yatoranije**

##### ***Mu Isezerano rya Kera***

Gahunda y'Imana yatangiranye n'Aburahamu. Imana yamuhamagariye kuva mu gihugu cye, kuva muri bene wabo no mu nzu ya se, kugira ngo abe itangiriro ry'Ishyanga ryera. Iri shyanga ryari kuzagirwa n'abantu Imana itoranije, bayikunda kandi bakayubaha, basabwaga bakagaragaza urugero rw'imibanire myiza Imana ishaka (Itangiriro 12-13). Ibi byemejwe no mu butayu (Kuva 19:5-6), igihe ubwoko bw'Isiraeli bwavaga muri Egiputa.

Bibliya igaragaza ko umugambi w’Imana wari uko ubwoko bw’Israeli bwatoranirijwe kuba umugisha ku yandi mahanga yose. Urugero, muri Yesaya 51:4 haravugaga ngo: ‘Bwoko bwanyije munyumve, shyanga ryanjye muntegere amatwi kuko ari jye itegeko rizaturukaho, kandi nzashyiraho amategeko yanjye abe umucyo uvira amahanga.’ Yesaya 42:6 na 49:6, harimo ubuhanuzi kuri Mesiya nabwo bwemeza uwo mugambi w’Imana ko wagombaga guhera kuri Israeli ukagera ku mahanga yose.

### **Mu Isezerano Rishya**

Nkuko tubisoma Petero arandika ati: ‘Muri ubwoko bwatoranyijwe, muri abatambyi bw’ubwami, muri ishyanga ryera (I Petero 2:9).’ Aya magambo Petero yayanditse asubira mu magambo yavuzwe mu Kuva 19:5-6. Muri iki gice yabwiraga abizera bo mu mahanga menshi atandukanye (1 Petero 1:1). Abizera Yesu bose baturuka ahantu hose bagize ‘umubiri wa Kristo.’ Nibo bagize itorerero, ishyanga ryera, ubwoko bw’Imana. Mu buryo bw’Umwuka, twese turi abana b’Aburahamu (Abagalatiya 3:28-29; Abaroma 4:16).

Mu rupfu rwe, Umwami Yesu yakuyeho urukuta rwadutandukanyaga Abayuda n’abanyamahanga. Paulo atwerekaga ko igikorwa Yesu yakoze ku musaraba cyari gifite intego yo gukuraho amacakubiri ashingiye ku moko, agakuraho urukuta rw’ubwanzi, akaturemamo umuntu mushya (Abefeso 2:14-22). Kuva mu Bisraeli no mu Banyamahanga bizeye Yesu, Imana yaturemyemo Ishyanga ryera.

Umuryango wa Paulo (Ababenyamini), amashuri yize, umwanya ukomeye mu buyobozi bw’idini byatumye afatwa nk’umuntu w’igitangaza. Ariko mu Bafilipi 3:4-11 yavuze ko ibyo yabihinduye ubusa kubwo kuronka ikintu cy’agaciro, aricyo kwizera Kristo. Ntibyatumye Paulo atakaza umuryango n’igisekuruza cye, ntibyatumye amashuri ye avaho, ntibyatumye atakaza ubufarisayo bwe. icyahindutse ni uko ibyo atari byo yashyiraga imbere. Paulo yabonye ko igifite agaciro ari ukumenya Kristo (primary identity).

Ni gute Itorerero ryahushije ibi? Twabonye mu gice cya nyuma cy’isomo rya 2, ko kwinjira muri Yesu, ari no kwinjira mw’ Ishyanga ryera, aho bese bakundana kandi bakubahana. Inzira imwe ishobora kugaragaza ko dukunda Imana, ni ugukunda bene Data, tutitaye ku bwoko, umuryango cyangwa igihugu bavamo (1Yohana 4:19-21). Ntitureba ku muntu dukuriye amasekuruza (2 Abakorinto 5:16-19). Tuba abubatsi b’amahoro, tukaba abaserukira Ishyanga ryera, tukerekana indangagaciro z’Ubwami bw’Imana. Nk’abakomoka kuri Aburahamu, tubereyeho kumurikira amahanga (abatarizera Yesu by’ukuri aho dutuye).

Iyo tugiranye imibanire myiza Imana itwifuzaho, tuba twerekana igisubizo Imana ifitiye isi imaze kuyogozwa n’amacakubiri. Satani yatwibye igice gikomeye cy’ubutumwa bwiza.

### **Ibi bireba buri tsinda**

Iri shyanga ryera ni umuryango udasanzwe ugizwe n’abantu bakunda Imana bava mu moko yose (Ibyahishuwe 5 :9-10). Ni ishyanga mpuza-mahanga, mpuza-moko, mpuza-mico n’indimi. Imico itandukanye irahagarariwe, buri tsinda ry’abantu rizana umwihariko waryo (Ibyahishuwe 21 :24-27).

Ntabwo duta umwihariko wacu iyo twinjiye mw'ishyanga ryera, ahubwo ibyacu byinjizwa mu by 'andi mahanga, bigahabwa agaciro kabyo kandi bikubahirizwa.

Dr Rhiannon yerekana agakino yambaye agakoti gato kanditseho ibendera ry'aba Galua. Iryo bendera ni rinini kandi iri hafi y'umutima. Ibyo byerekana uburyo yafataga ubwoko bwe nk'ikigirwamana. Ashingiye ku byanditswe muri I Petero 2 :9, asobanura uko Imana ishaka kutwambura ako gakoti, gasobanura kwimika itsinda (ubwoko) tubarwamo. Agakuramo akambara ikanzu ndende nziza iriho amabendera menshi mato, ari hasi. Ibi bisobanurwa ko ubwoko butakidutwarwa, ngo butubere ikigirwamana. Muri ayo mabendera harimo akabendera k'Abagalua kari iruhande rw'akandi k'Abongereza, aribwo bwoko yangaga.

Iyo twinjiye mw'Ishyanga ntidutakaza ko turi Abanyarwanda, iyo turi mu bindi bihugu aho amoko azwi ari, twumvisha abantu ko no kuba mu moko yabo ntacyo bitwaye Imana, ikibazo ni ukuyimika ukumva ko akubereye ikintu gikomeye cya mbere. Mu Rwanda, nta moko nyakuri dufite, ariko na none kuva amateka yagiye ashyira abantu mu byiswe 'amoko' ntibibuza ko bamwe biyumvamo ayo moko cyane kurusha kwiyumvamo ko ari abo mw'Ishyanga ryera. Ibi byabaye intandaro y'amakimbirane menshi mu matorero.

### **Buri wese afite agaciro kangana n'ak'undi**

Twabonye mw'isomo rya mbere ko Imana yaturemye ku buryo nta uruta undi. Ishyanga ryera niho icyifuzo cy'imibanire Imana ishaka gishyirwa mu bikorwa. Mu Ishyanga ryera nta uruta undi. Ntawuhangana n'undi. Ntawukanga undi. Aha hari umwanya wa buri wese. Mw'Ishyanga ryera amacakubiri ateshwa agaciro, kwishimira ubudasa bihabwa agaciro. Ishyanga Ryera rya mbere (Israeli) ryari rifite inshingano yo kwereka andi mahanga uko Imana ishaka ko tubaho, uko ishaka ko tubana. Uyu muni, ni twe Torero, Ishyanga ryera muri iki gihe, dufite inshingano yo kwerekana imibanire myiza mu gihugu, cyane mu bihugu by'Afurika bikunze kurangwa n'umwiriyane n'amacakubiri.

Uko Israeli, Ishyanga ryera rya mbere, ryasuraga Itorero ariryo Shyanga ryera mw'Isezerano risha ni nako Itorero naryo ari igicucu cya Yerusalemu nshya !

### **3) Ni iki gihindurwa gishya (gicungurwa) mu Ishyanga ryera ?**

Hari ibyinshi twavugaga kw'ijambo gucungura, turibanda ku bintu bigirwa bishya iyo twinjiye mw'Ishyanga ryera.

#### **Ibituranga bishya (bihinduwe bishya)**

Kugira ibikuranga wishimira ni kimwe mu bikenerwa-shingiro. Umuntu akenera kumenya uwo ariwe mu mwihariko w'ibimuranga, kugira ngo ashobore kubana n'abandi. Duhabwa amakuru y'ibituranga tuyakomoye mu muryango, aho twize, idini no mu gihugu. Uko twumva ibituranga n'uko tubyakira birahindagurika bitewe n'ibyo tugenda tunyuramo. Mu gihe Abanyaburayi bakunze gufata umuntu ku giti cye (individual), bakamwitirira ibyo akora (dogiteri, mwalimu, umushakashatsi...), Abanyafurika bakunze kurebera umuntu mw'itsinda abarwamo : Umuryango, ubwoko, akarere...Iyo habaye ikibazo mu gihugu gituma itsinda ubwarwamo rigibwaho n'umugayo, bishobora gutera abaririmo kugendana ipfunwe, bamwe bikabatera kwiyanga.

Muri Kristo ibituranga byose bihindurwa bishya. Duhabwa ibituranga bishya nk'abahungu n'abakobwa b'Imana, tukinjizwa mu muryango wayo (Abaroma 8 :14-17, 29 ; Abagalatiya 4 :6-7 ; Abaheburayo 2 :11-12). Twishimira ko Yesu yikoreye ipfunwe (isoni) zacu ku musaraba. Aho gutsikamirwa n'ibituranga bidutera isoni, no kumva twanzwe, twakira kwemerwa kuko Umwami Yesu yatanze igitambo kugira ngo aducungure. Muri Kristo, dushobora kugenda twemye, tukigirira icyizere.

### **Ubwoko buhinduwe bushya (bwacunguwe)**

Ubwoko bugize igice kinini cy'ibituranga. Ku bantu benshi baba mu bihugu byabayemo amakimbirane ashingiye ku moko, usanga ubwoko bwarahindutse intandaro y'akaga n'ibikomere. Iyo dufashe ibihugu nka Kongo, Sudani y'Epfo na Kenya, hari abantu bakomerekeye mu moko yabo. Mu Rwanda ibikomere bishingiye kuri jenocide byatumye hari abisanga mw'itsinda ryahemutse (perpetrator) cyangwa ryahemukiwe (victim). Aho wakwishyira hose, ubarwa nk'umugome cyangwa magorwa. Abavuka ku babyeyi badahuje bo barakomereka kurushaho.

Imana ishaka ko twishimira amoko (aho ari) /amatsinda dukomokamo, kuko ari igice kinini kigize ibituranga. Kuba mu Ishyanga ryera ntibikuraho ko dukomoka mu matsinda tubarwamo. Iyo tugeze mw'Ishyanga ryera, amoko aravugururwa (akurwamo ibibi byose). Dukwiye kwemera abo turibo. Dukwiye kandi kwinjira mu mugambi (umuhamagaro) w'Imana ku moko tubarwamo. Iyahishuwe 22 : 2 hatubwira ko 'amababi y'ibyo biti ari umuti uvura amahanga (ethnos).'

Intego y'Imana ni ugukiza amoko, si ukuyakuraho. Buri bwoko bufite impamvu Imana yaburemye, bufite umwihariko wo kugaragaza kamere y'Imana abandi badafite. Satani ahora ashaka kwangiza umugambi w'Imana. Aho kugira ngo amoko abe umugisha yahindutse isoko y'akaga. Twemerere Imana guhumanura amatsinda/amoko tubarwamo, dusobanukirwe umugambi w'Imana kw'itsinda/ubwoko tubarwamo, maze dusabe Imana idufashe kuwugenderamo kugira ngo tuyiheshe icyubahiro.

### **Umuco uhinduwe mushya (wacunguwe)**

Umugambi w'Imana wari uko Ishyanga ryera rihuza imico itandukanye, kandi buri muco ugahabwa urubuga. Buri muco wagombaga kuzana ibyiza byawo mw'Ishyanga ryera. Mu gihe cyashize, Abazungu bashatse kumvikanisha ko umuco wabo ariwo Imana yemera, ko kuba Umukristo ugomba no kureka umuco wawe ugafata uwabo, ko imico y'Abanyafrika yuzuyemo abadayimoni. Muri iyi minsi, birashimishije ko benshi batangiyeye gutahura ko buri muco ushobora gukoreshwa mu guhesha Imana icyubahiro.

Ntitwirengangiza ko Satani yagiye yanduza imico yacu nkuko yagiye ahindanya n'ibindi byose. Mw'Ishyanga ryera, dusaba Imana kudufasha gutoranya ibyiza gusa. Muri Yeremiya 12 : 15, Imana yatanze isezerano : 'Nzongera mbagirire imbabazi, buri wese asubire mu mwandu we.' Dukwiye gushishoza tugatoranya ibyo mu muco wacu bihuye n'Ijambo ry'Imana akaba aribyo tuzana mw'Ishyanga ryera. Urugero : kuraguza, guterekera, ubuharike n'ibindi byemerwa mu muco ariko ntitwabizana mw'Ishyanga ryera, ahubwo tubisiga ku musaraba (Iyahishuwe 21 :26-27). Icyo tuzirikana kandi twibukiranya, ni uko ubwoko bwawe butagombye kuruta ubukristo (kuba mw'ishyanga ryera).

#### **4) Ingorane ziterwa no kudasobunukirwa ukuri kw'Ishyanga ryera**

#### 4) Ingorane ziterwa no kudasobunukirwa ukuri kw' Ishyanga ryera

Niba tutumva igitekerezo cy'Imana ku mibanire ikwiye nk'iyi twavuze mw'ishyanga ryera, tuba tureba hafi. Dutwarwa n'amoko yacu bigatuma atugira imbata. Ibi bikurikira bishobora kutubaho :

- Dukomeza kwibera mu biranga amoko yacu birimo ibikomere, kwishyira hejuru, cyangwa ipfunwe aho kugaragaza imibanire mishya yo mw'Ishyanga ryera irangwa n'urukundo, kubahana, no kwemerana mu budasa. Yesaya 54:2 hadukangurira kuva mu mfunganwa, tukaguka (bivuze kwakira n'abandi).
- Twishimira itsinda tubarwamo, tukanatekereza ko ari ryo ryiza kurusha abandi. Dushaka kwishyira hejuru y'abandi.
- Tuba impumyi, tukananirwa kubona ibibi biri mu mw'itsinda tubarwamo (ubundi tukabishyigikira cyangwa tukabishakira ibisobanuro), ntiwishimira ibyiza by'andi matsinda.
- Turayobantidusobanukirwe Ibyanditswe byera. Dutangira kubikoresha mu gushyigikira ibibi by'abacu (Hari abakoresheje Ijambo ry'Imana gushyigikira ubucakara, irondu-ruhu muri Afrika y'Epfo na jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda).
- Niba twarakuriye mu itsinda ryakandamijwe, dushobora guhura n'ingaruka imwe muri izi zikurikira:
  - Kwisuzugura. Ibi byerekanwa no kwiburira icyizere no kunanirwa kwishakira ibisubizo no kwihangira ibishya. Ibi byatuma abantu bumva ko ibyabo byarangiye, ko abo mw'itsinda ryabo bazahora bari hasi, inyuma y'abandi.
  - Kwisumbukuruza: Hari abanga kwipfobya bakagaragaza imbaraga zidasanzwe bashaka kwemerwa ku ngufu. Abo bavuga ko bashaka kuringanira n'abandi.
  - Kwisanga twabaye abakandamiza abandi: Hatabayeho ubuntu bw'Imana, abantu bakandamijwe cyane, bashobora kugwa mu mutego wo kwitura abandi nk'ibyo bagiriwe.

#### 5) Kuba uw'Ishyanga ryera bizana kubohoka gushya

Kugeza ubu ibihumbi by'Abakristo bakiriye kubohoka binyuze mu gusobanukirwa no kwakira ibituranga byo mw'Ishyanga ryera. Bagize ubufatanye n'abo babonaga ko ari abanzi, bakerekana imibanire myiza ihebuje aho batuye. Mu mwanya w'amacakubiri, urwikekwe, kutizerana, urwango, ubusumbane, babaye umwe, batangira kubahana, kwemerana no kwishimirana mu budasa nk'uko umugambi w'Imana ari umeze na mbere hose.

## Kubyigaruraho

- Ni ibiki byo mu muco wawe bikwiriye kuvugururwa bigakoreshwa mu guhimbaza Imana?
- Ni ibihe biboneka mu muco wanyu bidahuye n'Ijambo ry'Imana?  
(Urugero: kwishyira hejuru, kwisuzugura, kugaya abandi, .....)
- Byasa gute Abakristo bose bo mu gihugu cyawe batangiye kugaragaza imibanire myiza yo mw'Ishyanga ryera?
- Ni iki wakora kugira ngo ibi bigerweho?

## Incamake

- **Mu bituranga, ubwoko tubarwamo bwagiye butubera umutwaro uturemereye. Bukeneye kuvugururwa, bagahumanurwa.**
- **Mw'ishyanga ryera nimwo dushobora kwakira ibituranga nyabyo, bitunyuze.**
- **Muri Kristo, twese tunganya agaciro, dushobora kwemerana, tukanuzuzanya, nubwo tuva mu moko atandukanye.**

## 4. Itorero rizana impinduka

**Gufasha Itorero kuva mu ipfunwe no gusobanukirwa/kwakira inshingano yo gukoreshwa n’Imana mu kuzana impinduka mu gihugu.**

Nk’uko Imana yifuzaga ko Itorero riba umurinzi w’igihugu (1 Timoteyo 3:15), abantu bashyira amakosa ku itorero/amadini iyo ibintu bigenze nabi. Ubundi itorero/amadini nayo avuga ko ibibazo by’igihugu bireba abayobozi ba politiki, bityo ko ataribo babibazwa. Twizera ko Itorero (aha turavuga abizera Umwami Yesu bose) ariryo Imana ikoresha mu kuzana ugukira kw’igihugu. Itorero ryakize kandi rikaniyunga niryoye ritahura ndetse rikakira umugambi w’Imana kuri ryo. Nubwo Itorero ryagaragaje intege nke bikabije mu gihugu, riracyari ibyiringiro byo gukira kw’igihugu icyo aricyo cyose.

### 1) Umugambi w’Imana ku Itorero

Imana ifite umuteguro wahishwe uhereye kera n’ibihe byose, ariko none ikaba yarawuhishuriye abera bayo iryo banga. Iryo banga nta rindi: ‘ni Kristo muri twe,’ aribyo byiringiro by’ubwiza. Paulo yaranditse: ‘Niwe twamamaza tuburira umuntu wese, tumwigisha ubwenge bwose kugira ngo tumurikire Imana umuntu wese, amaze gutunganirizwa rwose muri Kristo’ (Abakolosayi 1:26-28). Ugushaka kw’Imana ni uko Itorero rigaragariza abakomeye n’aboroheje, abo mw’isi igaragara no mw’isi y’Umwuka ko muri Kristo, arimwo tubonera ibisubizo by’ibibazo byose isi ifite (Abefeso 3:8-11). Umwami Yesu yaje mw’isi ngo acungure isi, yerekane umutima w’Imana. Yamaze igihe kigufi mw’isi, nyuma aya mw’ijuru, asigira itorero umurimo wo kwerekana ubwenge, imiterere, imico, na gahunda y’Imana.

Ijambo ry’Imana rigereranya abizera nk’amabuye, naho Itorero rikaba inzu. Itorero ni ubuturo Imana ituramo (Abefeso 2:21-22). Yesu ntakiri mu isi, ariko Umwuka w’Imana atuye mw’Itorero kugira ngo arikoreremo. Niyo mpamvu twemera ko Itorero ariryo Imana ikoreramo mu kuzanira igihugu agakiza no komorwa ibikomere. Twe abizera Kristo, nitwe tugomba guhishura ubwiza bw’Imana mw’isi.

### ***Abana b’Imana bagomba kuba umunyu n’umucyo w’isi***

Umwami Yesu yaravuze ati: ‘Ndi umucyo w’isi’ (Yohana 8:12), ariko mu butumwa bwiza bwanditswe na Matayo 5:14-16, yagize ati: ‘Muri umucyo w’isi.’ Iyo Yesu atuye mu bantu, baba imuri zimurikira abandi (Abafilipi 2:14-16). Urumuri rwirukana umwijima. Umwijima n’umucyo ntibishobora kubangikana.

### ***Ni gute twaba urumuri rukuraho umwijima?***


Kugira ngo dutandukane n’umwijima, tugomba kubanza guhinduka tukaba bashya mu mitekerereze yacu (Abaroma 12:2). Ntidukwiye kugira imico nk’iy’abandi irimo ivangura, urwango, kutizera abandi, gushyigikira akarengane, n’ibindi. Ahubwo dukwiye kugira umutima nk’uwari muri Kristo, tukiga gutekereza no kubona ibintu kimwe n’Imana. Iyo imitekerereze ihindutse, imico n’ibikorwa birahinduka.

Duhereye kucyho umunyu umaze mu buzima busanzwe byadufasha kubona icyo Abizera Yesu bahamagarirwa gukora. Iyo tubajije abantu akamaro k'umunyu, batanga ibisubizo bikurikira: Uromora, ukomeza amagufka, urinda kubora, utera inyota, uryoshya indyo,... Tubigaruye mu nshingano z'abanyetorero, ibi nibyo dusabwa gukora:

- Tugomba kurinda isi gukomeza kwangirika, tukagaragaza indagagaciro Imana yishimira.
- Tugomba guhindura abo dutuyemo, tubabera urugero mu mico n'ibikorwa byiza.
- Tugomba kurema inyota mu bandi yo gukunda Imana no gukiranuka.
- Tugomba guha isi uburyohe, bigatuma ubuzima bugira igisobanuro (meaning).
- Nk'uko Yesu adusabira, tugomba gusengera imiryango n'igihugu.
- Dufasha abafite ibikomere gukira, tukaba abubatsi b'amahoro.
- Itorero rigomba kugaragaza ibitagenda n'akarengane mu gihugu (mu nzira y'ituze) kandi rigakumira, rigaca intege/rikarwanya ikibi.

### **Itorero nk'ijwi ry'ubuhanuzi**

'Kera Imana yavuganiye na ba sogokuru mu kanwa k'abahanuzi mu bihe byinshi no mu buryo bwinshi, naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye natwe mu kanwa k'Umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose ari we yeremesheje isi' (Abaheburayo 1:1-2). Uko byagendaga



mw'Isezerano rya kera, Imana yabonaga ikibi, ikavugana n'umuhanuzi, nawe akakibwira Umwami n'abaturage.

Mu Befeso 3:10: '... kugira ngo muri iki gihe abatware n'abafite ubushobozi bwo mw'ijuru mu buryo bw'Umwuka, bamenyeshwe n'Itorero ubwenge bw'Imana bw'uburyo bwinshi...' Ibi byerekana ko mw'Isezerano rishya, Imana yahaye Itorero umurimo wo kugaragaza umutima wayo. Abahanuzi, n'abatambyi, rimwe na rimwe abami na rubanda bari mw'itorero kandi Kristo niwe mutwe w'Itorero (Abefeso 5:23). Mu yandi magambo Itorero ni umuhanuzi n'umutambyi w'igihugu.

Isezerano rya Kera →  
Isezerano Rishya →

Ubushake bw'Imana ni uko Itorero ryeraka igihugu ubuzima, imibereho, imibanire Imana

ishaka. Ibi byakorwa mu kuba urugero, uko abanyetorero babayeho, uko bakora, n'uburyo babana. Iyo itorero rihagaze neza, biriha imbaraga zo kwerekana ibitagenda, no gutanga inama y'ibikwiriye gukorwa. Niko kuba ijwi rihanurira igihugu.

## 2) Umugambi wa Satani

Mu Bihugu byinshi aharangwa amakimbirane ashingiye ku matsinda/amoko, Itorero ryagiye rinanirwa kuba igisubizo. Bamwe babyivangamo, abandi bakagaragaza ko batabirimo, bakitarura bavuga ko ikibashishikaje ari ukujya mw'ijuru. Ahandi usanga no mu matorero imbere hahora intambara, amatiku, n'ibindi byaha.

Satani ahora ashaka kuzimya urumuri rw'Itorero. Uburyo akoresha ni ukwanduza itorero, no kuritesha agaciro, arisiga ubuhamya bubi. Satani ashaka ko hatagaragara itandukaniro hagati y'abanyetorero n'abandi, bityo Itorero rikabura ijamba, ntiribe ryazana impinduka mu gihugu.

Satani akoresha uburyo butandukanye mu bihugu bitandukanye, ariko ihame ni rimwe. Mu Bihugu byabayemo umwiryane, aho kugira ngo Itorero ribe umuhuza, usanga abayobozi n'abanyetorero nabo baguye mu mutego w'amacakubiri n'inzangano. I Burayi, usanga abantu baratakaje kwizera Imana ikora ibitangaza kuko ibintu byose bishingije ku bwenge bw'isi. icyatuma Itorero rigira imbaraga zo guhindura aho rikorera n'uko rigirana ubusabane n'Imana (connection), bityo ubuzima buturuka ku Mana bukaribonekamo.

Ikigereranyo twatanga n'itara ryo mu nzu (rikoreshwa amashanyarazi). Kugira ngo ryake, rigomba kuba rihujwe n'isoko y'amashanyarazi binyuze mu masinga. Ntirishobora gutanga urumuri ubwaryo. Ushaka wagura amatara y'amabara atandukanye kandi meza (twagereranya n'amadini) ariko igituma atanga umucyo, ni uguhuzwa n'isoko y'amashanyarazi. Satani akoresha uburyo bwose kugirango atandukanye Itorero n'isoko y'ubuzima cyangwa Imana ubwayo, kugira ngo ritagira imbaraga zihindura abandi.

## 3) Imana iracyafitiye icyizere Itorero ryayo

Ni abigishwa bameze bate Yesu yiyeretse amaze kuzuka ? Ugira ngo bari abanyembaraga batsinze urugamba ? Oya, ryari itsinda ry'abantu bacitse intege, buzuye ubwoba, batakaje intumbero. Yesu akimara kubabonekera, ntiyabacyuriye agira ati ' Muri ibigwari, nabatayeho imyaka itatu yose none dore ibyo munyituye !' Ahubwo yabakomeje ati : 'amahoro abe muri mwe. Nk'uko Data yantumye, na nje niko mbatumwe (Yohana 20 :21). Akora ibi yerekanaga ko Imana itahinduye umugambi wayo. Imana iracyafitiye ikizere Itorero ryayo, nicyo cyatumye ibahumekeremo Umwuka wayo. Nyuma, yaje kubabatiza mu Mwuka Wera. Iri tsinda ry'abantu batari bafite imbaraga ni ryo ryaje guhindura isi!

- Imana ihorana ibyiringiro mu gihe cyose. Niyo mpamvu twakagombye kugira ibyiringiro naho ibintu byaba bigeze habi cyane (Abaroma 15:13).
- Kristo uri muri wowe no mw'itorero ni ibyiringiro by'uko ubwiza bw'Imana bukiraragara aho utuye (Abakorosayi 1:27)!
- Kuki Imana igifitiye icyizere itorero? Ni uko Kristo yarangiye byose ku musaraba. Ikibazo icyo aricyo cyose, Yesu yagitangiye igisubizo. Imana yari izi ko umurimo Yesu yakoreye ku musaraba wari uhagije kugira ngo abantu bongere kugaruka ku mugambi wayo uhebuje (Abaheburayo 2:10).

- Imana yasezeraniye itorero ko ritazatsindwa burundu (Matayo 16:18).

Imana iba ifite abo yisigariye mu bihe byose batemeranywa n'ikibi (Nowa, cyangwa abantu 7,000 mu bihe bya Eliya). Imana ihera kuri abo bakiranutsi, ikongera ikagura umuryango w'abizera. Ntitwabura gushimira intwari zo kwizera zagiye ziboneka mu mateka y'isi. Muri jenocide yakorewe Abatutsi, nubwo benshi mu banyetorero bagiyeye bifatanyaga n'abagome, ntitwabura gushimira n'intwari zo kwizera zagize umutima wo gutabara, gufasha abahigwaga, zibitewe no kwangwa guhemukira Imana no kunyuranya nibyo Ijambo ry'Imana ryigisha. Bamwe bahasize ubuzima!

Imana irihangana, ntizigera na rimwe ireka itorero ryayo. Ni iyo kwizerwa kandi ishobora gusohoza umurimo yatangiye muri twe (Abafilipi 1 :6). Yishimira itorero ryayo (Zefaniya 3:17). Ibi ni byo itubwira:

- 'Muri umucyo w'isi!'
- 'Muri ibyiringiro by'igihugu cyanyu!'
- 'Mbafitiye icyizere!'

Isomo rya 15 ryabaha ibitekerezo by' ukuntu itorero ryakize ibikomere rishobora guhindura abandi. Mu masomo akurikira, turarushaho gusobanukirwa uko Imana ishobora gukiza Itorero.

### **Kubyigaruraho**

- Fata akanya ko kwakira ibyiringiro by' Imana bigufasha kwizera ko hari ibyiza biri imbere.
- Reka Imana igukomeze, iguhishurire ko igiye gukiza (komora) no kuzana impinduka nziza ikoresheje abantu bayo!
- Ni ibihe bimenyetso bikwereka ko itorero rikwiye kubanza gukiza mbere yuko rihindura abandi?

### **Incamake**

- Umugambi w'Imana ku itorero ni ukuba umuyoboro wo gukiza kw'igihugu no kugifasha gusubira mu mugambi wayo.
- Satani arwanya umugambi w'Imana, ariko Imana iracyafitiye icyizere itorero.
- Mbere y'uko itorero riba umuyoboro wo gukiza, rigomba gukiza amacakubiri n'ibikomere byo mu mutima.

## 5. Imibabaro y' abantu, n' Imana y' urukundo

*Kugirira icyizere Imana: itabera, itarobanura ku butoni, yuzuye urukundo hagati mu makuba yacu, no guhishurirwa ko Imana atari yo soko y'icyaha, akarengane, n'imibabaro yacu*

Mbere y'uko abantu baza ku Mana ngo ibomere ibikomere, bakeneye kumenya ko Imana atari yo soko y' imibabaro yabo. Mu bihugu byinshi by' Afurika aho abantu bemera ko ibiba byose byateguwe kera, ko ntacyo ushobora kubihinduraho (fatalism), abenshi barega Imana ko ntacyo yitaho. Kenshi, Imana yitirirwa ikibi cyose cyabaye. Abandi bakavuga ko imibabaro yose iterwa ni uko tugomba kwikorera umusaraba, bikamera nkaho tugomba kuyishimira. Aha tugomba kwitonda kuko kwikorera umusaraba umuntu abihitamo, aba afite n'uburenganzira bwo kwanga!

Iri somo rifasha benshi kugaragaza ugushidikanya cyangwa uburakari baba bahishe mu mutima, benshi bakongera kubona ko Imana yari kumwe nabo no mibabaro no mu kaga. Guhishurirwa ibi byorohereza benshi gutura Imana umubabaro wabo.

### 1) Ingaruka z'imibabaro ku mibanire yacu n' Imana

Iyo abantu bahuye n'ibintu bibabaza, bashobora kwibaza ibibazo mu mitima: 'Koko, Imana irankunda? Niba Inkunda kuki ireka ibibi bikambaho?', 'Ese yaba irwanya itsinda nkomokamo?' Dushobora kuririmba indirimbo zivuga ko Imana ari urukundo kandi ari nziza, igira neza, ariko mu mitima dutekereza ibinyuranye n'ibyo. N'ubwo iminwa yacu iririmba, imitima yacu iba icecetse cyangwa se inarakaye. Nyamara tugira ubwoba bwo kuvuga ko dufite ugushyidikanya ku Mana, dutinya ko baducyaha, batwita abanyantege nke, bakatwihanisha, cyangwa tugatinya ko Imana yaduhagurukira ikatumaraho.

Iyo tudashoboye kugaragaza bya bibazo, bwa burakari na kwa gushyidikanya ko mu mutima, bituma twambara 'mask' (kwishyushanya) kugira ngo twerekane ko byose bigenda neza, nubwo imbere hari umubabaro mwinshi. Ibi bituma umuntu yigunga, akaba mw'isi ya wenyine imbere mu mutima. Iyi ntambara yo mu mutima ituma umuntu amererwa nabi, n'uwabaza, tumubwira ko nta kibazo dufite. Iyo urebye usanga abantu benshi b'Imana muri Bibliya barabaye muri izi ntambara zo mu mutima no kwibaza byinshi. Soma Zaburi 22:1; 74:1,10-11; Habakuki 1:2.

Abantu bose kw'isi, bagerageza kumva impamvu (meaning) y'imibabaro, bagerageza kubihuza n'ibyo babwirizwa ko Imana ari nziza kandi ko idukunda. Muri uku kwibaza, abantu bagira ibitekerezo n'imyitwarire itandukanye. Hari abavugaga ngo, 'nyine nta kundi nibyo twandikiwe, akaje karemerwa.' Abandi babishyira mu Mwuka bagashaka gusobanura ibintu byose babyerekeza ku Mana, bananirwa bakagwa mu bwihebe. Ariko ahanini, nk'ingaruka zo guca imibabaro no kurenganwa, imitima yacu ishobora gutangira gushinja Imana, 'Yateguye ibi byose, ni ubushake bwayo? Niba itarabiteguye, kuki yabiretse bikatugeraho? Mu by'ukuri, niba yaradukundaga iba yarabihagaritse ntibibe.' Tuzengeruka mu mwijima wo kwibaza ibyo tutabonera ibisubizo, bityo umubabaro ukarushaho kwiyongera.

Hari ukuntu twumva ko ari inshingano y'Imana koroshya ubuzima no kuturinda imihangayiko n'ibitubabaza. Iyo akaga katugezeho twumva Imana yadutengushye, yadutereranye. Mw'ibanga ry'umutima dutangira gushyira ibirego ku Mana, twemeza ko itita ku mibabaro yacu.

Ahanini usanga ibi tutabivuga. Tugerageza kwitwara nk'Abakristo beza cyane b'abanyamwuka. Hari aho dusoma muri Yeremiya 31:3 ko Imana yadukunze kera bituma itwiyegereza. Uwibereye mu gihe cyo kwibaza ku Mana hari igihe atekereza mu mutima: 'Hatagira umpatira kwemera ko iki cyanditswe, mfite ibimenyetso bifatika binyereka ibitandukanye n'ibyo!' Uri mu kaga, ashobora gutekereza ko Imana ariyo yateguye ikanashyira mu bikorwa ibibi byamubayeho, n'imibabaro ye. Itorero rikwiye kuba urubuga, aho ufite ugushyidikanya Imana, ubwoba, ukwiheba, n'uburakari mu mutima ashobora kwisanzura akabigaragaza, nubwo atahabonera ibisubizo. Twibuke ko tutazasobanukirwa byose tukiri muri ubu buzima. Ubundi se, uwibaza ibyo, ugira ngo hari ibisubizo aba akeneye? Akenshi aba akeneye uwamwumva atamuciriye urubanza.

## **2) Ibirego byihishe bishobora kuba mu mitima yacu**

- a. Imana irobanura ku butoni. Hari abo ikunda kurusha abandi.**
- b. Imana ni ingome. Ni yo Nyirabayazana w'imibabaro yacu. Bishobora kuba ari ubushake bwayo. Iraturwanya kandi inezezwa no kubabazwa kwacu.**
- c. Imana si inyembaraga, yibereye kure. Ntihagarika abagome. Satani ashobora kuba ayirusha imbaraga.**
- d. Imana ntigira impuhwe, ntacyo biyibwiye iyo inzirakarengane zibabazwa.**

Ibi byaba byarakubayeho, aho wageze ugire ibirego ushyira ku Mana ? Ibi birego byatewe n'umubabaro, byaturutse mu mutima ukomeretse. Niyo mpamvu ubifite atagereranywa n'umuntu urikwishakira ubumenyi ku Mana (theological responses), akeneye ibisubizo bigera no mu mutima. Ibisubizo by'ibi bibazo, biva mu guhishurirwa n'Umwuka Wera, udufasha gusobanukirwa imiterere/kamere y'Imana.

Dukeneye kwemererwa gushyira ahabona ibyo bibazo n'uko gushyidikanya, tugasuka akababaro kacu mu mutima w'Imana. Mu masomo ari imbere uziga ibirenze ibi uko uwakomeretse yakira. Muri iri somo, twemeza ko gushakira ibisubizo (ukuri kwa Bibliya) ibi bibazo bifasha uwakomeretse.

## **3) Aya ni amahame ya Bibliya yadufasha**

- a. Imana Irakiranuka kandi yanga ikibi**

Imirongo yo muri Bibliya irabyemeza neza. 'Icyo Gitare, umurimo wacyo uratunganye rwose, ingeso zacyo zose ni izo gukiranuka. Ni Imana y'inyamurava itarimo gukirwanirwa, ica imanza zitabera' (Gutegeka kwa kabiri 32:4).

'Ibyo muzajya mukora ni ibi: umuntu wese aje avugana iby'ukuri na mugenzi we, mujye muca imanza zitabera z'amahoro muri mu miharuro yanyu. Kandi ntimukagambanirane mu mitima yanyu, ntimukemere indahiro z'ibinyoma zose kuko ibyo byose ari byo nanga,' ni ko Uwiteka avuga.' (Zekariya 8:16-17).

Nuko rero Imana ntishobora kuba isoko y'ikibi icyo aricyo cyose. Kubera iyo mpamvu, ntawavuga ko ibikorwa bibi by'akarengane byabayeye mu gihugu bikomoka ku Mana kuko bihabanye n'imiterere/Kamere/Imico yayo.

Ariko se, kuki isi yuzuye akarengane ?

Ni gute twavugaga ko Imana ari inyakuri/ikiranuka mw'isi yuzuye ibibi ? Reka tuvuge gato k'Ubushake bw'Imana.

- b. **Imana ni nziza kandi yuzuye kugira neza. Ibibaho byose si ubushake bwayo kubera ko:**

**Imwe mu mpano Imana yahaye umuntu ni uburenganzira (umudendezo) bwo guhitamo:**

Iyi mpano yerekana uburyo Imana yaduhaye agaciro. Ntituri utumashani (robot). Muri ubwo burenganzira yaduhaye, Imana ishaka ko duhitamo icyiza n'ubugingo (Gutegeka kwa kabiri 30:15-19). Kuki Imana yishyize mu kaga ko kuduha ubwo burenganzira, kandi izi ko twabukoresha nabi?

Tudafite uburenganzira bwo guhitamo ntitwashobora gukunda. Uburenganzira bwo guhitamo busobanura urukundo. Iyo tuba utumashini (robot), ntibyari gushoboka ko twagira imibanire ishingiye ku rukundo. Nta n'agaciro ubuzima bwacu bwari kugira. Dutandukanye kure na twa dupupe abana bakinisha bakurura utugozi (kagozi)! Imana ishimwe.

**Imana yanga icyaha (Imigani 6 :16-19)**

Icyaha si ubushake bw'Imana. Kuvuga ko ikintu cyose ari ubushake bw'Imana byatuma Imana yitirirwa icyaha ! Yakobo 1 :13-17 avugaga ko umuntu atatwerera Imana icyaha, ko aba agitewe n'ibyo ararikiye. Akomeza avugaga ko impano yose nziza ariyo Imana itanga, muri yo nta kibi kibamo.

Guhitamo kutumvira Imana bifite ingaruka zikomeye. Bibliya yuzuyemo ingero z'aho abantu banze kumvira Imana, bibazanira akaga gakomeye. Icyanditswe muri Yakobo 1, kuvugaga ko icyaha kibyara urupfu.

**Icyitonderwa :** Ntidushatse kuvugaga ko imibabaro yose ari ingaruka z'amahitamo yacu mabi. Dushobora no guhura n'imibabaro iyo abandi bantu bahisemo nabi. Urugero : Hari umubyeyi usambana akaza indwara mu rugo, agapfa abana bagasigira ari impfubyi. Hari umuganga urangara umurwayi agapfa umuryango we ukababara. Hari umushori usinda agatera ingorane imiryango myinshi iyo habaye impanuka. Iyo abayobozi bahisemo nabi, byo bizana akaga gakomeye. Mwibuke abumviye abayobozi babi bica abaturanye muri jenoside yakorewe Abatutsi. Uyu muni ingaruka ziracyari nyinshi. Niyo mpamvu Paulo aduhamagarira gusengera abayobozi (I Tim 2 : 1-2).

**Imana ibabazwa n'amahitamo yacu mabi (Itangiriro 6 :5-6)**

Umutima wayo wuzuye umubabaro. Muri iki cyanditswe twumva kurira k'umutima w'Imana:

- Zaburi 81:10- 14 Iyaba bumvaga! Byatuma babona umugisha.
- Yesaya 48:17-18 Iyaba warumviye! Amahoro yawe yari gutemba nk'umugezi.

### ***Kuba Imana izi ko ikintu kigiye kuba no kwemera ko kiba ntibivuze ko aba ari ubushake bwayo***

Yesu yarabyerekanye muri Luka 13:34 na Luka 19:41-44, ubushake bwe bwari kugaragaza urukundo no kurinda abantu be, ariko bo banze kumwumvira. Ni yo mpamvu yabereye ingaruka zari imbere bimutera kurira. Sibyo yashakaga ko bibageraho.

### ***Mu isengesho Umwami Yesu yadusigiye, yigishije abigishwa be gusenga***

‘Ibyo ushaka bibeho mw’isi nkuko biba mw’ijuru’ (Matayo 6:10). Nta gukiranirwa, nta cyaha, nta mubabaro cyangwa imibabaro biba mu ijuru. Ibi byerekana ko byinshi mu bibera mw’isi uyu munsi bihabanye n’ubushake bw’Imana.

#### **c. Imana ni inyembaraga, ariko :**

### ***Ntabwo izigera yaka umuntu uburenganzira/ umudendezo wo guhitamo***

Iyaba yakorehaga imbaraga mu kutubuzza gukora ibibi (urugero : ikica cyangwa igatera abicanyi uburwayi bwo kugagara, cyangwa ikabahindura ibitekerezo ku ngufu) nta bwo twaba tukiri abaremwe mw’ishusho yayo.

### ***Nta bwo izashyira iherezo ku banyabyaha bese aka kanya***

2 Petero 3:7-13 hatwigisha ko Imana itinza urubanza rwayo. Ibyanditswe byinshi mu Isezerano rya kera n’Irishya bitubwira ko Imana ihana abatayumvira, ariko kandi itinda kurakara kandi ikihanganira abanyabyaha. Imana yacu ni Imana idashimishwa no kurimbura abanyabyaha, ahubwo ishaka ko bihana (Ezekiyeri 18:23). Ishimishwa no guha imbabazi abahindukira bakihana (Mika 7:18).

Ntizahora itegereje, hazabaho umunsi w’urubanza. ‘Kuko twese tuzahagarara imbere y’intebe y’ imanza ya Kristo, kugira ngo buri wese ahabwe ibihwanye n’ibyo yakoze akiri mu mubiri, byaba byiza cyangwa bibi.’ (2 Abakorinto 5:10). Abihanye bazahabwa imbabazi, abatarihanye bazacirwaho iteka. Kugeza ubu turi mu gihe cy’imbabazi z’Imana. Haracyariho imbabazi z’Imana, abanyabyaha baracyahamagarirwa kwihana.

Nubwo bimeze bityo, icyaha kigira ingaruka. ‘Ntimuyobe: Imana ntinegurizwa izuru, kuko ibyo umuntu abiba aribyo azasarura. Ubibira mu mubiri we muri uwo mubiri azasaruramo kubora, ariko ubibira Umwuka, muri uwo Mwuka azasaruramo ubugingo buharoho’ (Abagalatiya 6:7-8). Nubwo twihana, tukakira imbabazi z’Imana, tugahabwa impano y’ubugingo bw’iteka, dukomeza guhura n’ingaruka z’ibyo twakoze.

### ***Imana idahinduka, ikiranuka, igira urukundo no kugira neza, igira ubuntu n’imbabazi, yahaye itorerero umurimo wo kuyihagararira mu isi***

Nubwo twavuze ko Imana ireka ibibi bikaba, hari igihe yigaragaza igahindura ibintu mu mbaraga zayo n’ibitangaza (reba ku mugereka). Ubundi ubushake bwayo ni ugukorerwa mw’itorero, ariryo riyitwama umubiri wa Kristo, bigatuma ibintu bihinduka, ibibi bikarwanywa (mw’ituze), yaba mw’itorero cyangwa mu gihugu. Abakunda Imana (abayizera) basabwa gufata izi nshingano:

- Kwerekana uko Imana ishaka ko tubaho.

- Gusengera igihugu.
- Kwamagana akarengane, nubwo byatuviramo urupfu.
- Gukunda abaturanyi bacu nk'uko twikunda, tutitaye ku moko cyangwa ibindi.
- Kurenganura abarengana.
- Gukora ibikorwa by'urukundo buri gihe.
- Gufasha abakomeretse gukira n'abagiranye amakimbirane kwiyunga.

c. **Imana ni urukundo kandi yuzuye imbabazi. Yita cyane ku kubabazwa kw'inzirakarengane**

**Imana irababara** iyo ibona abana bayo bababazwa (Kuva 3:7) maze ikohereza abakozi bayo gufasha mu cyimbo cyayo (Yesaya 6:8). Ni henshi tubona muri Bibliya Yesu agirira abantu impuhwe, bigatuma atabara, cyangwa akiza (si ukwerekana imbaraga). Imana yitwa 'Data w'imbabazi' n'Imana ihumuriza, yihutira guhumuriza abababaye (2 Abakorinto 1:3-4).

**Imana igira umubabaro** igihe nta wutabara ngo arengere abantu bababazwa bazira akarangane (Yesaya 59:15-16; Ezekiyeli 22:30).

**Imana ibabarana natwe.** Tureke kumva ko itatwitaho, ahubwo ibabarana natwe (Yesaya 63: 9; Yesaya 43:2; Zaburi 139: 7-8). Nubwo itadutabara ngo ikore ibyo twifuzaga, ntibisobanuye ko idakorwa ku mutima n'ibitubaho.

**Yifuzaga gucungura igihombo.** Ni Imana ishobora gufata umuvumo, ikawuhindura umugisha. Ibyo abantu bakoze bagambiriye kutugirira nabi, Imana ibasha kubihindura inzira yo kutwigisha, kudutabara, kudukoresha mu buryo butangaje (From our most painful experiences ministries are born).

**Kubyigaruraho**

**Incamake**

- |  |  |
|--|--|
| <ul style="list-style-type: none"> <li>➤ Ese ni mu buhe buryo waba warigeze gushidikanya ku rukundo Imana? Hari habaye iki?</li> <li>➤ Ni ibiki waba ushinje Imana byaba byihishe mu mutima wawe?</li> <li>➤ Ni ibihe bibazo bikomeye wigeze uhura nabyo? Andika ibisubizo wabiboneye byatumye ugira amahoro.</li> </ul> | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Imana ni nziza kandi ntirobanura ku butoni, siyo nyirabayazana w'akarengane.</li> <li>• Imana ifite umutima w'urukundo n'impuhwe, ibabarana natwe.</li> </ul> |
|--|--|

## 6. Kumenya Imana nk'umubyeyi udukunda

*Gusobanukirwa uburyo Imana ishaka komora ibikomere twakuye mu muryango, bityo Imana ikadusana (ikatwuzuzza)*

Nubwo Imana yifuza ko buri wese yakurira mu muryango uyubaha kandi ugaragaza urukundo rwayo, abantu bake nibo bagize ayo mahirwe. Abenshi ntibazi umutima wa kibyeyi w'Imana Data kubera ibibi byababayeho. Ibi bituma bananirwa kwegera Imana ngo ibomere ibindi bikomere bahura nabyo mu buzima.

Ibyo tudahabwa mu muryango (ku mubiri no mu mutima) bigira ingaruka nyinshi ku muntu, umuryango n'igihugu. Mbere y'uko igihugu gikira umuryango ugomba kubanza gufashwa gukira. Ubwiyunge buhera mu muryango.

### 1) Yesu aduhishurira Data (Umutima wa kibyeyi w'Imana)

Ibyanditswe byinshi bitubwira ko Imana ari Data. Bimwe biri mu Isezerano rya kera (Zaburi 68:5; Yesaya 63:16; 64:8; Yereimiya 3:19) ariko ibyinshi biri mu Isezerano rishya. Niho aduhishurira mu buryo burambuye Imana nka Data. Muri Yohana 1: 18 hatubwira ko Yesu yaje ava mu 'gituza cya se,' ni ho yiberaga, mu rukundo rwa Se. Muri Yohana 17: 24 Yesu avuga ko yifuza ko tuba aho ari, bisobanuye ko yifuza ko tuba mu gituza cya Se. Iyi niyo mpamvu yaje ku isi. Yavuze nta ujya kwa Data atamujyanye. Ni we nzira ariko aho ashaka kutugeza, ni mu gituza (mu rukundo) cya Data. Yesu yadutangiyeye ikiguzi gikomeye kugira ngo atukingurira inzira ijya kwa Data. Yatwijeje ko umubonye, aba abonye Imana Data, bivuga ko bahuje imico.

### 2) Ni iki kitubuza kuba mu gituza (mu rukundo) cya Data?

Yesu yifuza ko dusobanukirwa ko tugirana ubusabane bwuzuye urukundo n'Imana, tukabana nayo nk'umubyeyi udukunda. None ni iki gituma abantu 'batinya' kwegera Imana, ntibayisange ngo bayisanzureho ngo banezererwe mu rukundo rwayo. Hari ikibitera:

- a) Kwigishwa kenshi ko Imana ikarishye (bamwe babyigisha batagambiriye kudutera ubwoba)
- b) Kubona Imana nk'isoko y'ibyago n'ingorane zacu
- c) Umubano udashimishije (ushaririye) twagiranye n'ababyeyi ku mubiri

Uku kutegera Imana nk'umubyeyi udukunda, ubisanga mu bihugu hafi ya byose. Muri iri somo, turibanda ku mpamvu ya gatatu Ibi niko bimeze mu mico itandukanye ku isi. Muri iri somo, tugiye kurebera hamwe imbogamizi ya gatatu-ariyo imibanire y'umwana n'ababeyi (cyane Data). Kugira ngo twemeza ko umubyeyi ari mwiza, twita ku buryo asubiza ibikenerwa by'umwana. Tubanze turebere hamwe ibikenerwa-shingiro:

### 3) Ibikenererwa-shingiro

Umwana wese avukana ibikenerwa by'ibanze. Hari iby'umubiri birimo ibyokurya, imyenda, aho kuba, n'ibindi. Hari iby'ubwenge birimo kwiga, iby'Umwuka bimarwa no gusenga Imana (abandi basimbuza Imana ibindi). Ibi Imana ibiha agaciro nk'uko natwe twagombye kubyitaho. Hari ibindi umwana wese akenera byo mu mutima. Nabyo n'ingenzi nkuko iby'umubiri ari ngombwa ariko kenshi abantu barabyirengagiza cyangwa ntibabimenye.

#### Umutekano

Buri mwana akeneye kumenya ko isi yavukiyemo ari ahantu heza ho kuba. Abana bumva babuze umutekano iyo ibi bibi bibaye:

- Nta rukundo hagati y'ababyeyi babo.
- Bahohotewe n'ababyeyi babo, cyangwa ababyeyi babashyiragaho amananiza (imirimo y'ingufu, kudakina, kubyuka kare cyane n'ibindi)
- Habaye ikibazo cy'uburwayi cyangwa urupfu mu muryango.
- Bahuye n'ikibazo cy'ubukene gikabije.
- Habaye amakimbirane mu muryango cyangwa aho batuye.

Yehova-Shalom, Imana y'amahoro, itwaturaho amahoro ku buzima bwacu buri muni (zaburi 91, Yesaya 41:10).

#### Agaciro n'intego

Agaciro n'intego ni byo umutima w'umuntu wese uhora wifuzaga. Buri wese yifuze kumenya ko ubuzima bwe bufite agaciro n'intego. Umwana wese yifuza kumenya ko kubaho kwe hari icyo kumariye isi, hari icyo yihariye gifitiye abandi umumaro, ko iyi si yari kuba ihombye iyo atavuka. Ibi byagombye kugaragarizwa cyane abana bavukanye ubumuga. Agaciro kacu gaturuka kuba Imana yaraturemeye kuba abo turibo (uko Imana itubona, nuko itubara), aho kugira ngo abandi banyumvishe ko agaciro kanjye gaterwa n'ibyo nshoboye gukora cyangwa ibyo ntashoboye. Imana ifitiye umugambi buri muntu ubayeho kuri iyi si, naho yavuka mu buryo butishimiwe.

##### a. Abana bahabwa agaciro mu buhe buryo?

Iyo bumvise amagambo abashima, abereka ko bafite agaciro. Iyo bahamagawe mu mazina yabo, bagahabwa uburenganzira bwo guhitamo, bagahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo, ...

##### b. Abana bateshwa agaciro mu buhe buryo?

Iyo batukwa, guhanirwa mu ruhame, kwangirwa gukina, kubapfobya no kubacunaguza, babwirwa ko abo bavukana babaruta. Iyo basohowe igihe abashyitsi babonetse, kutemererwa gusangira n'abakuru, .....

**c. Imana iduha agaciro gute?**

- d. Kuba yaraturemye mu ishusho yayo, yaraduhaye uburenganzira bwo guhitamo (2 Abakorinto 6:1), yaradutangiyeye ikiguzi gihanitse mu kuducungura (1 Petero 1: 18-19), itwita inshuti (Yohana 15:15).

**Urukundo**

Buri wese akenera gukundwa. Urukundo Imana itwerekana ni urudasaba ikiguzi, ntirudusaba kugira ibyo tubanza gukora cyangwa imyitwarire y'abamalayika. Imana yavuze iby'urukundo rwayo, bitandukanye n'abavugaga ko baruhishe mu mutima (Yesaya 49:15; Yereimiya 31:3), kandi yarwerekanye ubwo yoherezaga umwana wayo tukiri abanyabyaha (Abaroma 5:8; Abefeso 2:4). icyifuzo cy'Imana cyari uko ababyeyi cyangwa abatureze batugaragariza urukundo nk'urwayo.

Ingorane dufite, ababyeyi benshi ntibigeze babona urwo rukundo ubwabo. Usibye no kunanirwa kurutanga, ntibanashobora kubona ko bikenewe. Ntibamenya ko ari inshingano yabo kurutanga kubana babo. Akenshi bashakira kurugaragaza baha abana ibyo bakeneye ku mubiri, nyamara ibyo byonyine ntibyagaragaza urukundo Imana yifuzako duhabwa. Kugira urukundo rwerekanwe mu buryo budashidikanywaho, urukundo nyarwo rugomba kugaragazwa mu mvugo no mu marangamutima, hanyuma rugashimangirwa n' ibikorwa birimo kwita ku bikenerwa byo ku mubiri n'umutima.

Hari uburyo bwinshi bwo kwerekana urukundo.

**a. Mu magambo**

Abana barushaho kumva ko bakunzwe igihe babwiwe amagambo y' ubugwaneza, bagashimagizwa, bakagaragarizwa ko bitaweho. Mu mico myinshi biragoye kumva umubyeyi abwira umwana ati: 'Ndagukunda', 'Uranezeza'. Batekereza ko byakwangiza abana. *Ingaruka zo kudakoresha amagambo meza zingana n'izo gukoresha amabi* (Imigani 12: 18; 15:4; 18:21). Imana ntitinya kutubwira iti: 'Ndagukunda!' 'Uri imboni y'ijisho ryanjye' Ufite agaciro gakomeye (Gutegeka kwa kabiri 7:6).

**b. Mu kutwerekana ko twitaweho (affection/ 'amakeya')**

Imana yaturemye ku buryo twumva bidushimishije iyo umuntu atweretse ko atwitayeho. Imico myinshi yihanganira ko umuntu aha umwana muto 'amakeya' (amwerekana ubugwaneza budasanze), ariko iyo akuze benshi barabitinye kuko kenshi abantu babyitiranyaga no 'gutereta' cyangwa n'umwifato uganisha mu busambanyi. Ibi rero birababaje kubera ko twese dukenera guhoberwa no kwerekana urugwiro.

**c. Mu gihe gihagije tumarana**

Umubyeyi w'umugabo cyangwa w'umugore afata igihe agatega abana amatwi, bagakina cyangwa bagatemberana. Ibyo bitanga ubutumwa buvuga: 'Muri ab'igiciro kuri njye, mukwiriye ko mbatangaho igihe cyanjye.' Ubu butumwa ababyeyi babugeza ku bana babo igihe babereka ko nta kindi kibarangaje uretse bo gusa. Ubu usanga ababyeyi bicaranye n'abana ariko bibereye muri telefone na mudasobwa. Ni iby'igiciro ko abayobozi b'itorero bereka urukundo abana babo. Akenshi usanga abana ba pasitori basuzugurwa n'abanyetorero, hakitabwaho umushumba gusa. Mu gihe umushumba w'itorero yita cyane kuby'itorero ntaboneke mu rugo, umuryango we wakira ubutumwa buvuga: 'ab'itorero niba bafite agaciro, mwe muza nyuma.'

#### **4) Iyo tudahawe ibyo twari dukeneye**

Wari umugambi w’Imana ko abana bose bavukira muri iyi si babona ibyo bakenera byose, babihawe n’ababyeyi babo. Ikibabaje ni uko abenshi muri twe, siko byagenze ahubwo benshi babonye ibihabanye n’uwo mugambi. Dore uko byagenze:

- Bamwe bapfushije ababyeyi
- Bamwe bakuriye mu miryango itabitayeho
- Bamwe mu babyeyi ntibasobanukiwe n’ibyo abana bakeneye, ntibyashobotse ku babyitaho
- Bamwe mu babyeyi nta rukundo bari barahawe mu miryango yabo (nta kintu bari bafite cyo gutanga)

Tugira ngo ntacyo bitwaye kuko uko nagiriwe mu muryango ari urusange, kuko umuco twakuriye wemeraga iyo myitwarire idahwitse y’ababyeyi ku bana babo. Imana yo ntivuga ngo ntacyo bitwaye, kuko byica umugambi kandi ingaruka ni nyinshi !

#### **Ibikomere twakomeje kwakira**

Biratworohera gutahura ko iyo ababyeyi barera umwana bakoresha inkoni n’ibindi bikorwa by’urugomo, bitera umwana gukomereka. icyo benshi batazi, nuko iyo umwana akuze adahabwa ibyo yari akeneye by’ibanze cyangwa atitaweho igihe kirekire, nabwo agira igikomere n’ihungabana. Kudahabwa urukundo rwa kibyeyi ku mpamvu iyo ariyo yose, bigira ingaruka mbi ku buzima bwacu. Bituma umuntu yitakariza icyizere (ishema). Ibikomere ni inzira yoroshye umwanzi Satani anyuramo kugira ngo atuyobye akoresheje ibinyoma. Atwongorera mu bitekerezo ati : ‘Ntunakunzwe, nta gaciro ufite, ntacyo uzageraho mu buzima’ n’ibindi. Ibi bigira ingaruka ku myifatire yacu, twisanga dukomeretsa abandi mu magambo, imyitwarire n’ibikorwa. Ibi bikomeza kutumunga kugeza igihe tuzubaka urugo, tukagira n’abana, nabo tukazanirwa kubereka urukundo no kubaha ibyo imitima yabo ikeneye.

#### **Ibikomere biba uruhererekane ku bana bacu n’imiryango**

Nitutagira umugisha wo guhura n’ubuntu bw’Imana ngo dukire ibyo bikomere, nitwashobora guha abana bacu ibyo bakeneye (cyane mu mutima), natwe ubwacu tutabonye. Ahubwo ibibi twagiriwe nibyo tugirira imiryango yacu, bityo igikomere kikaba uruhererekane mu badukomokaho n’abazabakomokaho.

#### **Ingaruka ku gihugu cyacu**

Umuryango wagombye aho twigira uko batanga n’uko bakira urukundo, no twigira kubaha abandi. Iyo umuryango utabanye neza, ukabamo ibibi byinshi bikomeretsa, bigira ingaruka mbi ku buzima bw’igihugu. Iyo abana babuze urukundo, ahubwo bagakurira mu ntonganya n’umwiryane mu muryango, biraborohera gufata intwari no gukora ibikorwa by’urugomo mu gihe habaye intambara cyangwa ubwicanyi mu gihugu. Ikindi, utarahawe ibikenerwa-shingiro mu muryango, mu gihe ahuye n’ibimukomeretsa mu gihugu, gukira ihungabana no kubabarira kwe biva kure.

## **Ingaruka z'imyizerere yacu ku Mana**

Iki ni ikintu gikomeye cyane. Ibyo ababyeyi badukoreye (byiza cyangwa bibi), usanga aribyo duteruye tukabishyira ku Mana. Niba data yari agoye kandi akaba umunyagitugu, dutangira gutekereza ko n'Imana ari inyagitugu. Utarishimiraga kubana na se wo mw'isi, ngo baseke basabane, biramugora gusabana n'Imana. Iyo dusomye aho Imana igira iti: 'Nijye ubwanjye, ni jye ubahumuriza' (Yesaya 51:12), tunanirwa kubyizera. Niba tutarigeze twumva ko dukunzwe mu muryango, bizatugora kumva ko Imana idukunda.

Ibyo twaburiye mu bwana bwacu bihinduka inzitizi ku gusabana n'Imana nka Data wo mu ijuru, kugira ngo aduhe ibyo dukeneye byose. Bigereranywa n'umuntu usabwa kuvuga ururimi atigeze yiga kuvuga. Dushobora kwipakiramo imirongo ivuga ko Imana ari Umubyeyi, idukunda, itwishimira ariko mu mutima tukanirwa kwakira urukundo rwayo rutangaje.

## **5) Imana irashaka kuduha urukundo rwa Data mwiza uhebuje**

### ***'Nzababera Data' (2Abakorinto 6:18)***


Imana yifuzza kudushumbusha ibyo twabuze mu buzima twakuriyemo. Imana iravugaga iti: 'Ndashaka kubabera umubyeyi, ibyo mwabuze byose, ndifuzza kubibasubiza. Niba nta n'umwe urakubwira ati: 'ndagukunda', 'urananezeza', ndabikubwiye.' Guhishurirwa umutima utangaje wa Data wo mu ijuru, byomora ibikomere byacu. Ni data uhebuje uruta bese. (Ushobora kubona bimwe mu bimuranga bitangaje ku mugereka.)

### **Aduha urukundo rwa kibyeyi (Zaburi 27:10; Yesaya 49: 15-16; Yesaya 66:13)**

Nta n'umwe wakwishimira kuguma mu gihombo guterwa n'umuryango. Dukwiye kubabarira ababyeyi bacu kuba batarashoboye kuduha ibyo twari dukeneye bityo tukegera uwabiduha! Data wo mu ijuru ashobora kuzuzanya umutima wawe, ukabona ibyo twanyazwe byose.

### **Urukundo rw'Imana ruhoraho kandi ntirusaba ingurane**

Imana iduha urukundo rudasaba ingurane. Bimeze nk'ibintu bitabaho ariko nibwo butumwa bwa Bibliya. Imana itubwira ko yadukunze urukundo ruhoraho (Yeremiya 31:3). Ntacyo twakora cyangwa twareka gukora ngo duhindure urukundo udufitiye. Ubu ni ubutumwa butwibutsa ubuntu bwayo. Birashoboka ko waba warakiriye inyigisho zihengamiye uruhande rumwe, zerekana ugukiranuka no kwera kw'Imana, ko yanga icyaha, ihana abanyabaha. Nubwo ibyo ari ukuri, uburakari Imana yari ifitiye abanyabyaha yabushyize kuri Kristo ku musaraba. Hari indi mirongo myinshi ivuga ku rukundo, imbabazi, impuhwe z'Imana no kugira neza kwayo ukeneye guha umwanya mu buzima bwawe.



Mu gihe habaye ibicu byinshi bibanziriza imvura, ntibivuze ko izuba ryavuyeho. Uramutse ufashe indege ukajya hejuru ya bya bicu, wabona neza ko rya zuba rigihari. Ibicu ntibyabuza izuba kwaka, ahubwo bibuza abantu bari ku isi kugerwaho n’umucyo ndetse n’ubushyuhe byaryo. Twagereranya ibicu n’icyaha ndetse no kutizera bikunze kutwizingiraho. Izuba rihora ricanye, twarigereranya n’urukundo rw’Imana. Ruhoraho, ariko ukutizera n’ibyaha byacu nibyo bituzitira kurwakira.

### **Kugaragarizanya urukundo rw’Imana**

Bumwe mu buryo Imana yerekaniramo urukundo rwayo, ibinyuza muri twe. Mu itorero biroroshye kubera ababyeyi imfubyi zabuze kirera, cyangwa tukabera ababyeyi abatarigeza bahabwa urukundo, amahoro n’agaciro n’ababyeyi babo. Kugira ngo bishoboke, imitima yacu igomba kuzuzwa urukundo rw’Imana. Bitabaye ibyo, ntacyo twabona dusangiza abandi.

### **Kubyigaruraho**

Inzira yo gukira:

- |  |   |
|--|---|
| <ul style="list-style-type: none"> <li>➤ Fata igihe utekereze kubyo wahuriye nabyo mu muryango wawe.</li> <li>➤ Ni iki waba waraburiye ku babyeyi bawe kandi wari ukibatezeho?</li> <li>➤ Ese ibyo byaba byaragize izihe ngaruka ku buryo utekereza Imana? Cyangwa se byagize izihe ngaruka ku mibanire yawe n’abandi?</li> <li>➤ Tekereza cyane ku 2 Abakorinto 6:18; Zaburi 103:1-6,13</li> <li>➤ Emerera Imana kuba Umubyeyi wawe, bityo wakire urukundo, amahoro n’agaciro iguha.</li> <li>➤ Babarira ababyeyi batagukoreye ibikwiye.</li> <li>➤ Ihane ku byo waba warakoze bikagira ingaruka ku bandi bitewe n’ibyo utahawe mu muryango</li> <li>➤ Hari abo ushaka kugaragariza urukundo? Baza Imana uko wabigenza</li> </ul> | <p style="text-align: center;">Incamake</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Gusana igihugu cyasenye n’umwiryane bihera ku gusana umuryango.</li> <li>• Twaremanywe gukenere urukundo rwa kibyeyi, rudutegurira kwakira urukundo Imana idufitiye, ariko ababyeyi bananiwe kutugaragariza urwo rukundo.</li> <li>• Ibi bishobora gutuma tunanirwa gusabana n’Imana nk’umubyeyi, ariko imana niyo Data w’ukuri uhaza ibyo imitima yacu yifuza byose.</li> </ul> |
|--|---|

## Igice cya 2: Kubaka inkuta

Muri Yohana 10:10, hatugaragariza uburyo ari iby'ingenzi gufata umwanya uhagije tugakora urutonde rw'ibyo twatakaje, bityo tugasobanukirwa neza ibikomere byacu, tugasobanukirwa ko hari umwanzu w'ikirenga udutera icyo gihombo twese. Dukeneye kandi kumenya neza ko Bibiliya ivuga ku mutima ukomeretse. Ni ikintu Imana yitaho cyane. Abenshi bizera ko Yesu yaje ku isi kubera ibyaha byacu gusa, yari afite n'umugambi wo komora ibikomere byacu. Byombi byabonewe ibisubizo ku musaraba.

Mbere yo gukira ibikomere, tugomba kubanza kwemera ku tubifite, tukabitekerezaho, tukabigaragaza. Tugomba kuvanaho inzitizi zose zitubuza gukira. Kumva akababaro k' abagenzi bacu no gusengerana hagati y'amatsinda atandukanye, byadufasha gukira ibikomere. Ikiruta byose ni ukwikoreza Yesu imibabaro yacu yose, tukizera ko afite ubushobozi bwo gucungura igihombo twagize.



## 7. Umujura

### Gufasha abantu gusobanukirwa no kwemera igihombo bagize bakabona icyizere cyo gukira no gushumbushwa

Icyanditswe gikunze kumvikana cyane muri uyu murimo w'isanamitima, ni Yohana 10:10: 'Umujura ntazanwa n'ikindi keretse kwiba, kwica no kurimbura ariko jyweweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo ndetse ngo zibone bwinshi.'

Umujura yatwibye umuntu ku giti cye, ariko yiba n'amatsinda tubarwamo. Muri ibi bihugu byacu byahuye n'intambara nyinshi, twibanda ku kurebera hamwe igihombo cy'itsinda (Umugabane, igihugu, ubwoko). Ibihugu byose twagiyemo, usanga buri tsinda ritumva ibyo abandi banyuzemo, n'ibyo bahombye, bityo ntibababazwe nabyo. Iri somo ridufasha ko kumva ko hari umujura kabuhariwe, uhora ashaka kutuvutsa (umuntu, itsinda) umugisha w'ibyiza Imana yaduteguriye.

#### 1) Umujura yiba isi yose

Iyo twitegereje isi yuzuye ibyaha n'imibabaro, tubona ko umujura Satani ari ku murimo ubudasinzira. Nyuma yo gutakaza ubwiza yari afite mw'ijuru kubera ubwibone no kwigomeka, Satani yamanukiye isi afite intego yo kutuvutsa ibyo Imana yatugeneye. Ntawe yasize, yaba umuntu ku giti cye, imiryango, amoko, ibihugu, n'imigabane bese yabagezemo. Ingaruka ni nyinshi haba kuri twe, ku miryango yacu ndetse no ku gihugu. Ibihugu by'ibihangange nibyo bishaka kwerekana ko nta kibazo bifite ariko iyo wumva ubuhamya bw'abiyahura n'abari mu biyobyabwenge benshi, ubona ko nabo bagezweho n'umujura. Kwemera ko twibwe ndetse n'icyo byadutwaye, tukemera ko twizeye ibinyoma bya Satani, ni intambwe ikomeye yo gukira ibikomere.

Nubwo twaba tuzi umuntu cyangwa itsinda ryatugiriye nabi, ni byiza no kwiga kubona ko umwanzi wacu mukuru ari Satani, ushaka kwangiza ibyo Imana yaremeye byose, ntatume tugera ku muteguro w'Imana. Ibi ntibivuze ko abakoze ibibi bahanaguweho icyaha, ko byose tugiye kubishyira kuri Satani, kuko Imana sibyo yakoze ubwo Adamu na Eva batwereraga Satani uguteshuka kwabo.

#### 2) Kwemera igihombo

Turifuza kugaragaza uburyo abasangiye itsinda bashobora gukora icyegeranyo cy'ibyo batakaje:

##### a. Kwibanda ku byiciro bitandukanye, n'amatsinda atandukanye

Dushobora kurebera hamwe ibyo Afrika yatakaje, nyuma tukareba icyo u Rwanda rwatakaje, mu bihugu bifite amoko nyayo (DRC, Kenya, Sudani y'Epfo), dushyira abantu mu matsinda y'amoko yabo nabo bakarebera hamwe ibyo batakaje.

##### b. Gukora urutonde rw'ibyo twatakaje n'ingaruka zabyo

- Twandika ibyo twahombye bigaragara/bifatika. Ibi biroroshye kubitahura. Abenshi bavuga abantu, amatungo, amazu, amavuriro, ...

- Twandika ibyo twahombye mu mutima: urukundo, icyizere, agaciro, umudendezo urubenganzira, amahoro, ...
- Ingaruka byatugizeho: ubukene, ihungabana
- Imyemerere igoranye twakuyemo ku Mana, kuri twe ubwacu nk'itsinda, no ku bandi

### **c. Kwemera igihombo (kugaragaza)**

Itsinda risabwa kwandika ibyo babuze, byashoboka bakabigabanya bakurikije amateka. Nko mu Rwanda twavugaga: Mu gihe cy'abakoloni, mbere ya jenocide yakorewe Abatutsi, muri jenocide yakorewe Abatutsi na nyma yayo. Ku mpera za buri rutonde byaba byiza hagaragajwe ingaruka n'imyemerere igoranye. Urugero: muri Afurika y'epfo mu gihe cy'ubutegetsi bw'abazungu bari bafite imyemerere ivuga ko Imana ari umuzungu, ko irabanura ku butoni, ko yanga abirabura. Ibi byerakana ko Satani yaduteye igihombo gikomeye.

### **3) Bimwe mu bihombi rusange twagiye dusanga mu bihugu byinshi Ukuri**

Ikintu cy'ibanze twariganijwe ni ukuri, akaba ari yo mpamvu Yesu yise uwo mujura 'Se w'ibinyoma' (Yohana 8:44). Ibi bituma twizera ibinyoma, bikagira ingaruka ku buzima bwacu bwose. Mwibuke ibyo twavuze byo gushyira abantu mu gatebo kamwe n'ingaruka zabyo. Satani agera naho atwiba ijamba ry'Imana mu mitima yacu (Matayo 13:19). Ahora ashaka kudushyira mu bubata no kwangiza imitekerereze yacu ariko ntiyigeze anesha Yesu (Yohana 14:30).

#### **Ukwizerana**

Ahatari ukwizerana nta busabane bwaboneka. Duhinduka abanyabwoba, buri wese yihugiyeho cyangwa akeka abandi amababa. N'ubufatanye hagati yacu nk'abana b'Imana burabura tukarangwa n'uburyarya. Ubwoba butera ukwigunga, bityo n'abafite ibibabaje bakabyigumanira ntibabababangira n'abandi ngo bakire.

#### **urukundo**

Ahatari urukundo habaho ukuba nyamwigendaho. Tureba inyungu zacu ntitwite kubyo abandi bakeneye. Gutekereza nabi ku bandi bihembera urwango. Ibi bitera ibikorwa by'ubugome.

#### **Amahoro n'umutekano**

Kubura amahoro aho uri ndetse no muri wowe bitera guhora uhagaritse umutima no guhangayika. Iyo umuntu afite ubwoba, ananirwa gutuza no gusinzira.

#### **Ibyiringiro**

Gutakaza icyizere bikuraho kugira intumbero no kumva ko Imana ifite umuteguro ku buzima bwacu. Ahazaza hacu tukahabona nk'ahateye agahinda gusa. Nta kintu kidushishikaza, nta mbaraga zo gukora ngo duhindure ubuzima bwacu, nta kizere cy'uko twatera imbere. Iyo ibyiringiro byashize, ni nk'urumuri rwazimye.

### ***Ishema***

Yaba uwagize nabi n'uwayigiriwe, bombi batakaza kwiyumvamo agaciro Imana yabahaye. Satani aba ashaka gutesha agaciro abo Imana yaremye. Ntiyifuzza ko tugera ku buzima Imana yaduteguriye, ahubwo yifuza ko tumanuka tujya hasi.

### ***Ugukiranuka***

Iyo twatakaje indangagaciro Imana ishaka ko tugenderaho, bidukururira ibyaha byose. Umutima nama wacu urarindagira nk'uwaguye ikinya (1 Timoteyo 4:2), bigera n'aho tudashobora gutandukanya icyiza n'ikibi. Abandi bananirwa kwirinda no kurwanya ikibi. Bagwa mu kurwanya ikibi. Barangwa n'ubwoba cyangwa ubwibone.

### ***Ubutabera***

Akarengane gatera uburakari no kwivumbura mu mitima yacu. Imana yanga akarengane iyo kava kakagera. Akarengane karambye gatuma abantu batakaza ubumuntu, ni ikibi gikomeye iyo tukimitse mu gihugu. Gatera imitima y'abantu kumera nk'ikirunga kandi aho gatinze, kabyara amahane.

### ***Kwizera***

Ikintu cy'agaciro dufite ni ukwizera. Kwizera kurusha agaciro zahabu (1 Petero 1 :7). Ku Bakristo, kwizera ni urufunguzo rwa byose- ni urufunguzo rw'agakiza, urukundo rw'Imana, ibyiringiro by'ejo hazaza. Satani ashaka kutunyaga ukwizera. Iyo dutakaje ukwizera ko Imana idukunda, ni ukunyagwa zigahera.

Ibi byose tumaze kubona hejuru bikomeretsa imitima yacu haba ku giti cyacu cyangwa se nk'igihugu. Ariko igihombo kirusha ibindi ni ugutakaza ukwizera ko Imana idukunda kuko ariwo musingi w'ibindi byose. Niba Satani yaratwibye ukwizera ko Imana ari nziza kandi ikaba idukunda, ibyacu biba ari bibi cyane kuko tuba dutandukanye n'isoko yo gukira ibikomere no kongera gusubira mu buzima.

## **4) Icyizere cyo gukira**

Reka dushime Imana kuko muri Yohana 10:10; igice cya kabiri handitswe: 'Ariko jyweweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.' Umujura si we ufite ijamba rya nyuma! Yesu agira ati: 'Dore ndabagarurira ibyo mwanyazwe byose ndetse mbahe n'inyongera! Dore ndabaha ubuzima busendereye.'

Ntidushaka kwemeza ko ibyo umuntu yatakaje byose byagaruka. Abo twabuze tubakunda ntibashobora kutugarurirwa, ariko Imana ishobora kuturemera indi miryango, ikaduha inshuti n'abandi badukunda cyane bahagarara mu cyuhu cy'abo twabuze. Ndetse byanashoboka ko imitungo twanyazwe tutakongera kuyibona. Iby'ingenzi twavuze byo mu mutima (ukuri, imibanire, n'ibindi) nibyo Imana ishaka no kudusubiza. Ibi nibyo bigize ubutunzi bukomeye bwo mu mutima.

Muri Matayo 12:29 haratubwira uburyo ntawakwinjira mu nzu y'umunyamaboko ngo amusahure atabanje kumuboha. Ku musaraba Yesu yaboshye umunyamaboko. Ubu rero ni inshingano y'Itorero kugarura (gusubiza abantu) ibyo umujura yatunyaze.

Muri Matayo 16: 18 haratubwira ko Yesu azubaka itorero rye ‘kandi amarembo y’ikuzimu atazaribasha.’ Abenshi bumva ko aya magambo avuze ko Satani aramutse arwanyije itorero adashobora kurinesha. Siko aya magambo avuga. Ese hari uwo amarembo (imiryango) yigeze arwanya? Ese ntibyaba bishatse kuvuga ko igihe itorero ryatera imiryango y’ikuzimu (ubwami bwa Satani), kugarurira abantu ibyo Satani yatunyaze, ayo marembo abibwiriza agakinguka? None nk’Itorero dukore iki? Twicare tuboroge nk’abo mu gihe cya Dawidi banyazwe ibyabo? Tugomba guhaguruka, twisunze intsinzi Umwami Yesu yatuboneye ku musaraba, tujye kugaruza ibyo Satani yatunyaze.

### **Kubyigaruraho**

- Mu mateka y’igihugu cyanyu, ni iki Satani yaba yarabanyaze?
- Ni iki umujura yaba yarakunyaze ku giti cyawe?
- Ni izihe ngaruka zatewe n’icyo gihombo ku byo wizera ku Mana n’ibyo utekereza ku bandi?
- Ese ni iki utekereza ko Yesu yakugarurira cyangwa yagarurira abandi?

### **Incamake**

- **Ikintu kiruta ibindi Satani, umujura, yatunyaze ni ukuri ku Mana, ku bandi, no kuri twe.**
- **Satani yatunyaze imibanire myiza hagati yacu n’abandi no hagati yacu n’Imana.**
- **Yesu yazanywe no kutugarurira ibyo twanyazwe.**

## 8. Umutima ukomeretse

### *Gusobanukirwa ugukomereka, ikibitera, n'ingaruka zako*

Mw'isomo ribanza twabonye ko umujura yadutwaye byinshi. Byatumye abantu badashyikira ubugingo bwuzuye nkuko Imana yabubateguriye. Nubwo dukunze kwigisha ku cyaha, sicyo kibazo abatuye isi bafite cyonyine. Ahari icyaha hose habaho no gukomereka. Ibyaha byacu biradukomeretsa, no guhemukirwa nabyo bikadukomeretsa. Twibuke ko no kudahabwa ibyo twari dukeneye mu buzima bidukomeretsa. Birangira duhindutse inkomere, maze muri uko gukomereka natwe tugakomeretsa abandi.

### 1) Gusobanukirwa ugukomereka

Kugira ngo twumve neza urwego tugezeho rwo gukomereka, turebere hamwe umugambi mwiza Imana yari ifitiye isi n'abayituye.

#### **Umugambi w'Imana:**

##### a. *Umuryango dukuriramo*

Umugambi w'Imana kugira ibyangombwa byose byatuma tugera ku buzima bwiza wari uko:

- Ababyeyi batwereka (abana) umutima (imico) w'Imana.
- Abana bagombaga kurerwa, bagaragarizwa urukundo, bitaweho kandi bakumva batekanye mu mitima mu buryo bukurikira:
  - Kumva bishimiye abo baribo (Identity)
  - Kugira icyizere ko bazaba ibyo bifuzwa kuba byo (destiny)
  - Kwishimira kugira itsinda babarwamo (belonging)

##### b. *Aho dutuye (community, nation)*

- Imibanire irangwa n'urukundo, kutikunda, kubahana, no guhana agaciro. Nta busambo, nta gusuzugurana.
- Abatuye hamwe basabana, bakundana, bamwe bita ku bandi, buri wese aharanira ibyiza by'abandi.
- Ubuyobozi bukoreshwa no gukunda abaturage, buzira ruswa no kurenganya, ahubwo bureberera abaturage bose. Nta kurwanira imyanya y'ubuyobozi, nta buriganya, nta kwikakaza, nta karengane.

##### c. *Ibyaremwe muri rusange*

- Ibintu byose ari byiza, byubahiriza gahunda Imana Umuremyi yabihaye.
- Nta biza, nta ndwara.

## **Ariko umuntu yaracumuye, umugambi w’Imana urangirika**

Icyaha cyangije bikomeye umugambi w’Imana, yaba ku muryango, igihugu no ku byaremwe. Byatumye habaho ugukomereka muri ibi bice 3 twavuze. Si umuntu ku giti cye gusa ukomereka, n’amatsinda y’abantu (umuryango, igihugu, ubwoko, umugabane) bishobora kubabaho. Ndetse ibyaremwe bindi bigerwaho n’akaga (Hoseya 4:1-3). Kuko tuba mu isi yuzuye ibyaha, ntawe wabona utarigeze gukomereka mu buryo bumwe cyangwa mu bundi. Hari ibikomere bitandukanye biterewa n’izi mpamvu: gutabwa, guhemukirwa, kudahabwa ibyo twari dukeneye cyangwa twari dufitiye uburenganzira.

## **Kwigizwayo, guhezwa, kwangwa (rejection) uzira itsinda ubarwamo**

Muri iri somo, turibanda ku bikomere n’ubushyamirane n’inzangano hagati y’amatsinda tubona muri ibi bihugu byacu. Kwigizwayo uzira uko wavutse birakomeretsa ku rwego rwo hejuru. Mu Rwanda, indunduro yo kwanga, guheza no kwigizayo itsinda ry’abantu, ni jenocide yakorewe Abatutsi. Ukwigizwayo kurababaza bikomeye kubera ko kurimo ubutumwa bugira buti: ‘nta gaciro ufite, ntukunzwe, isi yaba nziza ari uko utayirimo ....’

Amoko agira uruhare runini mu kutumenyeshya abo turi bo, bityo rero uwendereje undi yitwaje amoko abifata nk’aho amusagariye ahereye ku muzi. Niba umuntu yigijweyo kubw’imyifatire ye, ashobora kuyihindura, niba ahawe akato kubera ubwoko bwe, ese murumva yakora iki? Bituma yiheba gusa. Ibikomere bitewe n’ihezwa rishingiye ku moko birababaza cyane.

## **2) Icyo Bibiliya ivuga ku gukomereka**

Mu Migani 18: 14 hagira hati: ‘Umutima wihanganye ukomeza umuntu mu ndwara ye, ariko umutima wihebye ninde wawihanganira?’ Ugukomereka k’umutima kugira ingaruka ku bushobozi bwacu bwo guhangana n’ibibazo by’ubuzima. ‘Umutima unezerewe ni umuti mwiza, ariko umutima ubabaye umutera konda’ (Imigani 17:22). Uyu murongo werekana ko iyo umuntu akomeretse, amera nk’amagufka adafite umusokoro, kandi mu ngingo ntihahe hagihinika (dry joints). Iyi ni ishusho idufasha kumva umuntu ufite umutima ukomeretse, ukuntu aba agowe.

Imana yita ku bafite ibikomere ku mutima: ‘Abakiranutsi baratatse Uwiteka arabumva, abakiza amakuba n’ibyago byose.’ (Zaburi 34:18). Muri yesaya 42:3, ibyavugaga kuri Mesiya uzaza, haragira hati: ‘Urubingo rusadutse ntazaruvuna –n’urumuri rucumba ntazaruzimya ahubwo azazana gukiranuka by’ukuri.’ Urubingo rusadutse ruba rwihinye, ruhetamye. Uku niko ufite ukomeretse amera mu mutima, aba yunamye imbere muri we.

Ahandi hati: ‘Umwuka w’umuntu ni urumuri yahawe n’uwiteka, rusesengura ibihishwe mu mutima’ (Imigani 20:27). Tugereranya umwuka w’umuntu n’urumuri rwaka. Imibabaro y’umutima ishobora gutuma rwa rumuri rugabanuka, ubundi rukanyenyereza nk’agatadowa kenda kuzima.

Yesu ntazigera ahutaza urubingo rusadutse. Ahubwo ’Uwiteka aramira abagwa bose’ (Zaburi 145:14; 146:8). Ahandi hati: ‘Uri icyubahiro cyanjye, ni wowe ushyira hejuru umutwe wanjye’ (Zaburi 3:3). Ahandi: ‘Nabatuye umutwaro wabahetamishaga mbagendesha mwemye (Abalewi 26: 13). Ntazigera azimya rwa rumuri n’ubwo rwagabanuka hafi kuzima ahubwo asubiza intege mu bugingo bwacitse intege.

Imana igarurira imbaraga abacitse intege: ‘...Mwana n’ufite umitima umenetse wicisha bugufi, kugira ngo mpembure imyuka y’abicisha bugufi’ (Yesaya 57:15).

### 3) Ugukomereka kutugiraho ingaruka

#### *Ihungabana*

Birashoka ko twahungabana. Ihungabana ni ijamba rigaragaza impinduka ku mubiri, mu bwenge no mu mutima, iba ku muntu wahuye n’ibintu bidasanze, bikomeye, biremereye, biteye ubwoba. Ingaruka z’ihungabana zishobora gutuma tudashobora gukomeza ubuzima bwacu nkuko bisanzwe. Hari ibimenyetso bizwi ku rwego mpuzamahanga. Ibi biri ku mugereka.

#### *Imitekerereze yacu*

Dushobora kumenya urwego rwo gukomereka tugezemo turebeye ku buryo imitekerereze yacu yahindutse. Iyo dukomeretse cyane, tubitewe no kwangwa (guhezwa), twakira ubutumwa (mu bitekerezo), bugira ibyo butwemeza, buhindura uko tubona abandi n’Imana. Satani ni se w’ibinyoma, kandi intwari ikomeye akoresha ni uguhindanya imitekerereze yacu ayuzuzamo ibinyoma bye.

Hari abantu bacye mu kaga gakomeye ariko babisohokamo imitekerereze yabo itangiritse. Bashikamye ku kwizera ko Imana ibakunda, ibaha agaciro kandi izabakiza imibabaro. Nubwo batabura kubabara kubera ko hari ababo babuze, ntibibabuza gukomeza kugirana umubano mwiza n’Imana, n’ abandi ndetse nabo ubwabo. Tukaba twakwanzura ko bakomeretse ariko bidakabije.

Hari abandi bacye mu bihe bikomeye, birangira bakubititse birenze urugero, bakageraho bizinukwa, bumva nta mahoro, nta mutekano na mucye, kandi batakaza ibyiringiro. Bageze aho bumva ko Imana itabakunda. Hari n’abagera aho bayihanagura mu mitwe yabo. Twanzura ko aba, bashengabayeye bikomeye, bakeneye ubujyanama bwihariye.

#### *Uko twitwara kutari kwiza (iyo twakomeretse)*

Nubwo Yesu yahemukiwe bikabije, ntabwo yigeze asubizanya inabi (1 Petero 2:22-23). Iyo bigeze kuri twe, turakomereka tukarakara, tugasharira, aho kwishyira mu maboko y’Imana idaca urwa kibera.

##### *a. Duca urubanza (duciraho abantu iteka)*

Ducira abandi imanza mu mitima yacu, tubaciraho iteka, nta cyiza tubifuriza. Bibiliya igaragaza neza ko ucira abandi imanza nawe azazicirwa (Matayo 7:1-5).

##### *b. Dufata ibyemezo mu mutima, nubwo rimwe tubikora tutabizi (tutabigambiriye)*

Ibi byemezo byo mw’ibanga nibyo bigena uko tubona ibintu bikayobora imyitwarire yacu yose. Ingero:

- Nta muntu nzongera kwizera!
- Sinzigera na rimwe nemera ko hagira umbonerana.
- Nta cyiza nzategereza ku bantu, ntibizantungura nihagira ungarira nabi.

c. *Tugira imitekerereze igoramye*

Iyi mitekerereze ifite imbaraga. Niyo igenga amarangamutima yacu n'ibikorwa. Urugero rw'imatekerereze igoramye:

- Njye n'abanjye tuzahora dutotezwa, tugirirwa nabi
- Nta muntu unyitayeho
- Abantu bazima (batari abanyamafuti) ntibakibaho.
- Nta witaye ku byanjye (Ndimenya; ndatera nkiyikiriza)

Gushyira abantu mu gatebo kamwe ni kimwe mu byerekana iyi mitekerereze igoramye.

d. *Twitarura abandi, tukibera mu bacu*

Iyo dukomeretse twikura mu bandi, tugahitamo kutagira undi twakizera uretse abo duhuje.

Mu Bagalatiya 6:7 hatubwira ko umuntu azasarura ibyo yabibye. Iryo hame rigera no kubyo tubiba mu bitekerezo. Umwami Yesu ati: 'Bibabere nk'uko mwizeye' (Matayo 9:29). Nk'uko kwizera bikingurira Imana umuryango igakora imirimo n'ibitangaza, ni nako kwizera ko abantu bazatugirira nabi bigera igihe bikaba (Yobu 3:25).

#### **4) Ingaruka z'ibikomere bitakize**

Twese tuzi uko bigenda iyo igisebe kitomowe. Kirabora kikaba umufunzo. Iyo bitinze byangiza umubiri wose bikaba byatera urupfu. Ibisebe bitomowe kandi bidapfutswe bikurura amasazi. Rimwe mu mazina ya Satani ni Belzebuli, risobanurwa 'umwami w'isazi' (Matayo 10:25; 12:24-27). Nk'uko tubona ibisebe bikurura isazi ni na ko ibyo dufite mu mutima bishobora guhinduka inzira abadayimoni banyuramo gukorera mu muntu ndetse no mu gihugu. icyitonderwa: Ibi ntibivuze ko umuntu ukomeretse aba arwaye abadayimoni.

Muri buri gihugu twakoreyemo, twashoboye kubona ko ibisebe bitomowe ndetse n'amakimbirane adashira bifite inkomoko mu mateka ya kera yuzuye ibikomere. Niyo mpamvu Imana yababajwe no kubona abantu bayo batakize ibikomere. Muri Yeremiya 6:14; 8:11 Imana iravuga: 'uruguma rw'abantu banjye barwomoye baruca hejuru bavuga bati "ni amahoro ni amahoro", nyamara nta mahoro ahari.'


Ni byiza kuba Imana ifata ugukomereka nk'ikibazo gikomeye ku rwego rumwe no gucumura kwacu. Imana itahura neza umutima ukomeretse ndetse ikawugirira impuhwe. Imana izi neza ko ibikomere byo mu mutima bigira ingaruka ku buzima bwacu bityo yiteguye kubitwomora. Dusoma muri Yeremiya 30:12-13 ko uruguma rwacu rudateze gukira, ariko tukishimira ko mu yindi mirongo (Yeremiya30:17), Imana idusezeranya kudushumbusha ibyo twabuze kandi ikadukiza ibikomere. Ibi tuzabyigaho cyane mw'isomo rya 9.

## 5) Kwemera ko dufite ibikomere ni yo ntangiriro yo kubikira

Byemezwa na benshi ko kugira ngo umuntu akire, akwiye gufashwa kugaragaza umubabaro, agahinda cyangwa uburakari afite. Ariko kuri benshi, ibi ntibyoroshye gukora.

### Ni izihe nzitizi tubona ku guragaza umubabaro ?

- Ishema no kwihagararaho.
- Kutagira uwo twizera.
- Kumva ko kuvuga imibabaro ufite birushaho kuyongera.
- Gutinya ingaruka mu gihe abantu:
  - batagira icyo babikoraho ahubwo bakisekera
  - batahura aho mfite intege nke bakabikoresha ibindi (birimo no kundwanya)
  - badufata ukundi, bakaducira urubanza
- Gutinya ko byatuma uta umutwe, ukaba wasara: ‘Ndamutse ntangiye kurira bishobora kudahagarara!’
- Imyemerere ishingiye ku mucu (Nk’urugero: abanyarwanda bavuga ko kuba umugabo ari kuryumaho no kwiga gushinyiriza. Bavuga ko imfura ishenjagira ishira, ubundi ngo amarira y’umugabo atemba ajya mu nda).
- Hari aho wavuga akababaro kawe, bikaba byakuviramo akaga.
- Kudatahura neza icyo Ijambo ry’Imana rivuga. Amatorero amwe yigisha ko Umukristo agomba guhora mu Mwuka, bityo agahora anezerewe. Ikibabaje ni uko ibi bishobora gutuma abantu batangira kwambara ‘mask’ (bishushanya), berekana ko bishimye kandi mu mitima bicika!



Si byiza gupfukirana umubabaro, uburakari, intimba n’ibindi. Gukomeza gutwikira bishobora gutera indwara zo mu mutwe, kandi bituma abantu bananirwa gukomeza urugendo rubaganisha ku gukira. Ukudakira gutuma amakimbirane aba agatereranzamba (akomeza).

### *Ni gute twanesha izi nzitizi?*

Imico inyuranye yemera kandi ikigisha abayirimo ibitandukanye. Ese twamenya gute umuco wigisha ukuri? Ni ngombwa rero ko tugaruka mu Byanditswe byera. Imico yose ishobora kwigira kuri Bibiliya – ni isoko y’ukuri iruta imico yose. Ese Bibliya yigisha iki ku byerekeye kwerekana amarangamutima? Tuzi ingero nyinshi z’aho amarangamutima yagaragajwe muri Bibiliya:

- Hana yagaragaje umubabaro kubwo kutagira umwana no gushinyagurirwa (1 Samweli 1:10, 15-16).
- Ahenshi muri Zaburi Dawidi agaragaza umubabaro kubw'akarengane agirirwa (Zaburi 5, 7, 12, 13,22,31,69 n'ahandi).
- Yeremiya ababazwa cyane n'uburyo ubwoko bwabo bwari bumeze (Yeremiya 8:18; 9:11).

Yesu yari intangarugero, ariko nawe ubwe ntiyigize aterwa ipfunwe no mu kugaragaza amarangamutima ye kandi mu buryo bukwiye (Yohana 11:35, Luka 19:41; Abaheburayo 5:7). Nta na kimwe yahishaga ngo yishushanye. Ntiyigeze aterwa ubwoba n'uko abandi bamutekerezaho. Natwe twakagombye kumwigiraho. Imitwaro yacu n'ubwo yaba iremereye cyane, tuyikoreze Yesu ku musaraba maze turuhuke. Imana iradutegereje, yiteguye kudukiza. Itorero ryakagombye kuba aho twemerera kuvuga ibikomere byacu tugakira.

Mu gihe hakigaragara akarengane, Abakiristu bagomba gufasha abandi kumva ko Imana ariyo mucamanza utabera, maze bakabashishikariza kuyikoreza akarengane kabo nk'uko Yesu yabigenje ku musaraba (1 Petero 2:23). Ubundi buryo bwo gufasha abandi gukira ibikomere, ni uguhagarara mu cyuho. Abakristo basabwa kubikora kuko ari abatambyi b'ubwami. Ibi tuzabibona mw'isomo rya 13.

Ishusho y'ibumoso hasi iratwerekana umuntu ukomeretse ariko akitwara nk'aho ntacyo bimutwawe (nk'uwambaye mask). Ishusho iri iburyo itwigisha ko umuntu yagombye kugaragaza uko amerewe; akemera ko ababaye cyane (utambaye masike). Iyi shusho iratwerekana ikiganza cy'Imana kimutwikiriye, bityo akumva atekanye kandi yemerewe kwiyerekana uko ari.



## Kubyigaruraho

- Ni ibihe bintu byaguteye gukomereka?
- Ese ni iyihe mitekerereze igoranye iri mu mutima wawe, waba waratewe no gukomereka?
- Ni iyihe myemerere y'umuco wawe (n'uwo umuryango uturukamo) ufite ku byerekeye kugaragaza amarangamutima?
- Iyo myemerere yaba ikugiraho izihe ngaruka?

## Incamake

- Ugukomereka ni ingaruka z'icyaha cyagwiririye isi. Kwangwa uzira uko usa cyangwa abo ukomakamo ni igikomere gikomeye.
- Iyo dukomeretse, dutangira kwizera ibinyoma bya Satani kuri twe, ku bandi, no ku Mana, bigira ingaruka ku mitereze n'ibikorwa byacu.
- Imana iha uburemere bumwe ugukomereka no gucumura kwacu, yifuza ko twakwemera ko dufite ibikomere kugira ngo dukire.



## 9. Igisubizo cy'Imana ku mibabaro y'abantu

### *Kumva neza ko Yesu atwikorerera imibabaro n'ibyaha*

Ni ikihe gisubizo Imana yatanze ku bibi byose n'akarengane kabera hano mw'isi? Yaje mu isi muri Yesu, arababazwa, yishyiraho ibibi byose nubwo nta cyaha yakoze. Ibi ntibikuraho ko iyo ducumuye, tubarwaho icyaha kandi ko aritwe tugomba kwihana no gusaba imbabazi. Yemeye kwishyiraho ibyaha byose, abijyana ku musaraba kugira ngo atubere igitambo. Uku niko yikoreye ibyaha byacu, ariko yikorera n'imibabaro yacu.

### **1) Yesu yikoreye ibyaha byacu, yishyiraho n'imibabaro yacu**

Yohana Umubatiza yabanje kuvuga Yesu: 'Nguyu umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi' (Yohana 1:29). Umwami Yesu yivugaho yigisha i Nazareti ubwa mbere, yasomye muri Yesaya 61, ibyo tubisoma muri Luka 4: 14-21: 'Yansigiye kuvura abafite imvune mu mutima.' Niba twigisha gusa ko Yesu yaje mu isi gukuraho ibyaha, ubutumwa dutanga buba ari igice. Icyaha si cyo kibazo dufite cyonyine. Ibikomere nabyo ni ikindi kibazo gikomeye. Ntidukomeretswa n'ibyaha byacu gusa, ahubwo n'abandi bashobora kudukemurira, tugakomereka. Ese niba Yesu yaraje kubera ibyaha byacu gusa, ese imibabaro yacu turayigira dute?

Ibyanditswe bitwigisha ko ku musaraba, Yesu yikoreye ibyaha, yikorera n'imibabaro ku musaraba. Muri Yesaya 53:4 hagira hati: 'ni ukuri intimba zacu nizo yishyizeho, imibabaro yacu niyo yikoreye.' Amagambo y'igiheburayo yakoreshejwe hano asobanura umubabaro n'intimba ikabije. Yesu ntiyikoreye ibyaha byacu gusa ku musaraba ahubwo yanikoreye ingaruka zose z'icyaha ku isi. Ni nkaho ku musaraba Yesu yagize ati: 'Mumbare nk'umuyabyaha, munyikoreze imibabaro n'intimba byo mw'isi yose. Reka mbabare mu cyimbo cyanyu.'

### *Yesu azi icyo ukubabara bivuze kuko nawe yababajwe*

Hano ku isi Yesu yahuye n'imibabaro myinshi. Byarahanuwe ko 'yari umunyamibabaro, wamenyereye intimba.' Hakomeza havuga hati: 'yarasuzugurwaga, akangwa n'abantu' (Yesaya 53:3). Ubwo yazaga mu Isi yabuze aho kuvukira, byabaye ngombwa ko avukira mu kiraro cy'inca (kwangwa). Ubwo yari akiri muto we n'ababyeyi be bahungiyeye muri Egiputa (ubuhunzi). Abantu bo mu mudugudu yavukiyemo i Nazareti bamufataga nk'ikinyendaro (kuvugwa nabi), nuko akurira mu bukene akora akazi gaciriritse k'ububaji (ubukene). Agitangira umurimo wo kwigisha, abo mu muryango we n'ab' iwabo ntibamwemeye neza (kwitwa umutekamutwe n'umusazi). Abayobozi b'idini na leta baramurwanije, kugeza aho bamwiciye (kugambanirwa, kuremerwa ibyaha no gukatirwa urengana).

Ibi biragaragaza ko Yesu nawe yanyuze mu mibabaro! Nubwo Imana yakundaga umwana wayo ntiyigeze imurinda kugerwaho n'imibabaro. Mu Baheburayo 2:10 hagira hati: 'kuko byari bikwiye ko Imana, byose byaremwe ikabibeshaho, iyobora abana benshi itunganishije rwose umugaba w'agakiza kabo kubabazwa.'

### ***Imwe mu mibabaro Yesu yanyuzemo:***

- Yagambaniwe n'inshuti
- Yanzwe n'abantu be
- Yarakubiswe, arasekwa, bamucira amacandwe
- Yambitswe ubusa
- Yikoreye umusaraba uremereye
- Yarabambwe
- Se wo mu ijuru yamuteye umugongo

Hari abibaza bati: ni gute Yesu yakumva imibabaro yanjye? Ntiyigeze aburira umuryango we muri Jenoside! Ntashobora kumva akababaro k'umugore wafashwe ku ngufu! Nibyo ko hari imibabaro imwe atahuye nayo mu buzima bwe, cyangwa ajya no ku musaraba, ariko ku musaraba, Yesu yakoze ikintu gikomeye kirengeje 'kwifatanya' (gusangira) natwe mu kababaro.

### **2) Kuri Yesu, umusaraba si igikorwa cyo kwisanisha natwe ahubwo ni ahantu imibabaro yimuriwe muri we**

Ibyabereye ku musaraba birahambaye kuruta uko tubitekereza. Mu 2 Bakorinto 5:21 tubwirwa ko Yesu atigeze amenya icyaha ahubwo 'yahinduwe icyaha ku bwacu'. Biragoye kumva ukuntu ibyaha by'isi yose byamushyizweho. Ni muri ubwo buryo n' imibabaro yacu yose yamushyizweho. Intimba waba ufite iyo ariyo yose yarayikoreye! Ubwo Yesu yari amanitswe ku musaraba yari yikoreye icyaha cy'uwafashe ku ngufu ari nako yikoreye umubabaro w'uwafashwe ku ngufu; yahindutse icyarimwe umwicanyi ndetse n'uwicwiwe. Yabereye icyarimwe uwibye n'uwiwewe. Yabereye icyarimwe. Yesu yumvise umubabaro wose. Bamuhaye vino igabanya ububabare aranga.

### **3) Uko dutandukana n'umubabaro**

Tuzi gufasha abaremerewe n'ibyaha – tubabwira kubyihana bakabyikoreza Yesu ku musaraba. Ntitubabwira ngo: 'mubyibagirwe mutekereze ikindi,' kuko tuzi ko baba bakeneye kubyihana no kubireka. Iyo bigeze ku mubabaro, tubura icyo dukora, tukabwira abantu ngo bibagirwe ibyababaje, babyihore-re. Twirengagije ntitwakira. Iyo twikoreye imibabaro n'agahinda byacu Yesu aratubwira ati: 'Mureke mbabare mu cyimbo cyawe.' Iyo duhishe imibabaro n'ibikomere mu mutima wacu, byaguma muri twe, aho kugira ngo tubihe Yesu adukize.

Reka turebe inkuru ya Lazaro, musaza wa Mariya na Marita, wapfuye agashyirwa mu gituro (Yohana 11:1-44). Yesu akihagera yasabye ko bakuraho igitare. Marita asubiza ahakana ati: 'Ariko Lazaro amazemo iminsi ine, ubwo nimukuraho igitare aranuka!' Ariko Yesu akomeza kubahata, bagikuraho. Yesu ahamagara Lazaro ava mu gituro. Yesu yari azi neza iby'umunuko ariko ntibyarigushoboka ko Lazaro azuka igitare kidakuweho. Ni muri ubwo buryo Yesu azi imibabaro twahishe mu mitima yacu

ndetse, azi neza ko hari ‘umunuko’ uterwa n’ibikomere bimaze igihe bitavuwe. Arifuza gukiza imiti-ma yacu, ariko igihe cyose tutamwemereye ngo agere ku bikomere byacu no ku mibabaro yacu, ntib-yashoboka ko adukiza.

Ku musaraba Yesu yishyuriye ibyaha byacu n’imibabaro, kubw’ amaraso ye. Yatanze ubuzima bwe kugirango tubohoke dukire. Muri Yesaya 53:3 havuga ko twaba twasuzuguye (tutamuhaye agaciro) Yesu, turamutse twanze kumuha intimba zacu, bityo akaba yarapfiriye ubusa. Ni nk’uko twabwira Yesu, ‘sinkeneye igitambo cyawe. Nshoboye kwikorera ibyanjye nanjye ubwanjye.’ Duhe agaciro Umwami wacu, tumwikoreza ibyakagomba kuba ibye– ibyaha byacu n’imibabaro yacu.

### ***Gusuka imbere y’Imana ibiri mu mitima yacu biri mu Byanditswe***

Inzira yo gukira ibikomere byose ni ukwikoreza imibabaro yacu yose Umwana w’intama w’Imana, maze yose akayidukuraho. Zaburi zidushishikariza gusuka imbere y’Imana ibiri mu mitima yacu:

- Zaburi 142:1 -3      Dawidi yari umunyakuri, ntiyigeze agira ibyo ahisha mu mutima we.
- Zaburi 62:8              Abantu bose bagomba gusuka ibiri mu mitima imbere y’Imana.
- Zaburi 56:8              Nidusuka agahinda kacu, Uwiteka azakira amarira yacu. Imibabaro yacu ni iy’igiciro cyinshi imbere yayo (Zaburi 72:14; 116:15). Imana ikuraho amarira n’ imibabaro byacu byose.

Amaganya ya Yeremiya 2:19, hagira hati: ‘Usuke umutima wawe nk’amazi imbere y’Uwiteka.’



yesaya 53:4

Kugirango umubabaro ushyirwe ku musaraba, ni ngombwa ko twiyambura ibinyoma byose twatwe n’ibikomere, Bityo tukakira ubuzima bushya. Ariko haracyari ibindi byiza Imana yaduteguriye ku musaraba!

Nk’abakirisitu, twishime bihebuje ko dufite aho Imana yaduteguriye, aho gushyira imbabaro yacu. Ku batizera aho bagarukira, ni ukuvuga ibyababaje bakarekera aho.

Nk’abizera, dufite amahirwe yo kumenya ko Yesu ariwe utwikorerera imibabaro. Dushobora guturwa umubabaro twikoreye. Iyo tuzanye ibyaha ku musaraba dukenera kwihana ariko nta mpamvu yo kwihana kubwo gukomereka. Dushobora kwihana kubera ubusharire, kubw’ibitekerezo byo kwihorera, ariko nta mpamvu yo kwihana kubera ko umuntu yumva ababaye. Umutima w’Imana wuzuye agahinda (Itangiriro 6:6), na none mu mutima w’Imana hari umwanya uhagije wakuzuramo akababaro k’igihugu cy-

#### **4. Ni gute imibabaro yacu yaduhindukirira inyungu**

##### ***Dushobora kuyiboneramo impuhwe (imbabazi) z’Imana***

Hari imbabazi z’Imana, n’impuhwe zayo dutahura iyo twanyuze mu mibabaro, tutari kuzamenya iyo tudahura n’ibitubabaza. Abahuye n’imibabaro bagahumurizwa, nibo Imana ishobora gukoresha mu guhumuriza abandi. Imana iramutse irinze Abakristo kubabara, ni gute bafasha abahuye n’imibabaro. Nta n’uwabataho umwanya, ariko guhumurizwa n’Imana iyo duhuye n’imibabaro, bihinduka impano ikomeye natwe dushobora guha abandi.

##### ***Ukwizera kwacu kurageragezwa, kugakomezwa***


Kubabazwa gusuzuma niba ukwizera kwacu kugikomeye, bigatuma turushaho kwiyeze gukurikira Kristo, icyo byadusaba cyose. Nta n’uwakwibeshya ngo avuge ko dukunda Imana kubera ko ibyacu byose ari amahoro. Niba Imana yarindaga Abizera bese kubabara, abantu batangira gukizwa batabitewe no kwizera no dukunda Imana ahubwo babitewe no kwishakira ‘ubuhungiro.’

Mu mibabaro, dushobora kwiga kwiringira Imana no kuyizera. Bifasha ukwizera kwacu gukura, tugatahura intege nke zacu, bityo tukazishakira umuti. Nubwo bibabaje, usanga twirukira ku Mana iyo ibintu byadukomeranye, imibabaro yadutsikamiye.

Ibi ntibivuga ko tugomba gushimagiza imibabaro cyangwa ngo tuyihe ikaze kandi haricyo twakora kuyirinda. Imana ishaka ko turwanya cyangwa tugabanya imibabaro n’ibiyitera birimo n’akarengane. Ariko iyo nta kundi twayihunga, tuyiha Umwami Yesu akayicungura. Umwami Yesu yadusezeranije intsinzi muri Yohana: 16:33.

##### ***Imana ishobora gucungura imibabaro yacu***

Iyo turebye mu Byanditswe, dusanga hari imikorere y’Imana igaruka henshi. Nibyo Satani ahora atwiba ibyo Imana yagambiriye ko tubona, ariko Imana ifite ubushobozi bwo kutwubaka, tukaba twarenga aho twari tugeze tutaribwa. Isi ya mbere iremwa yari nziza, iza kwangizwa n’icyaha. Aho Imana yadutegurirye kuba ni heza cyane kurusha uko isi yarimeze Adamu ataracumura. Yosefu ni urugero rw’umuntu wababajwe no kugirirwa nabi kenshi, ariko biza kurangira Imana yamushyize hejuru mu rugo rwa Farawo, bituma afasha abavandimwe n’ubwoko bwe. Naomi yagiye i Moabu kubera inzara, apfusha umugabo n’abahungu be. Nyuma agaruka i Betelehemu n’umukazana we, yunguka Bowazi n’umwuzukuru waje gukomokwaho na Kristo. Hari ingero nyinshi zerekana ko Imana icungura imibabaro yacu.



Imana ishobora gucungura imibabaro yose itugeraho. Aho kugirango tugume mu gihombo gihoraho, dushobora guhabwa inyungu y'igicro kinini kandi ihoraho. Nta kibi cyakugeraho (nubwo cyaba gisa gute), Imana itakoresha mu kukuzanira ibyiza bihebuje. Iyi ni inkuru nziza. Uko gucungura kw'Imana kuba ari uko duhamagaye Imana ngo yinjire mu mibabaro yacu ngo iyihindure (Abaroma 8:28).

## 5) Ku musaraba niho tubonera ingurane

Ntidusiga imibabaro yacu ku musaraba ko birangirire aho. Ku musaraba Yesu atugenera ingurane (exchange at the cross). Mu mwanya w'ibyaha yaduhaye ugukiranuka kwe; mu mwanya w'imibabaro aduha ibyishimo bye; mu mwanya wo kwangwa aduha kwemerwa; Mu mwanya w'ubwoba aduha amahoro ye; mu mwanya wo kwiheba aduha ibyiringiro; mu mwanya w'uburakari aduha imbaraga zo kubabarira; mu mwanya w'ikimwaro aduha icyubahiro.

### Kubyigaruraho

- Ni ryari wigeze wumva umutima uremerewe n'icyaha cyangwa umubabaro, bigatuma ugana Yesu ngo akwikorere ibyaha n'umubabaro?
- Ese hari ibyaha bikuruhije mu mutima wawe wumva wakwikoreza Yesu?
- Ni iki wumva cyagufasha ngo usuke ibiri mu mutima wawe imbere y'Imana? Ni iki kikuzitira?
- Utekereza ko Yesu yagushumbusha iki

### Incamake

- **Yesu atwikorerera imibabaro n'ibyaha.**
- **Kwikoreza imibabaro yacu Yesu mu kwizera biruhura imitima yacu tukumva tubohotse.**

## 10. Igikorwa cy'umugaraba

### *Guha abantu amahirwe yo gushyira imibabaro yabo ku musaraba mu bikorwa*

Kumenya ko yatwikorerewe ibyaha byacu n'imibabaro ku musaraba ni ikintu kimwe. Kubishyira mu bikorwa, tukikoreza Yesu iyo mibabaro n'ibyaha, nacyo ni ikindi. Dushimishwa no kubona umugisha uva mu gushyira mu bikorwa icyo Bibliya itwigisha. Hari abo Yesu yasabye ko bagira icyo bakora kugirango bizamure ukwizera kwabo. Yashyize icyondo ku maso y'utabona, hanyuma amutegeka kujya kwiyuhagira mu kidendezi cy'i Silowamu (Yohana 9:1 -7). Nta kintu kidasanzwe cyari muri icyo cyondo cyangwa icyo kidendezi. Ariko Yesu yari azi ko uwo mugabo nakora ibyo, byari kuzamura ukwizera kwe bigatuma akira. Namani nawe yoherejwe kwiyuhagira inshuro ndwi muri Yorodani ( 2 Abami 5:10). Reka dukore iki gikorwa mu kwizera kugirango bidufashe gukora ibikomere byo mu mutima.

Kwandika ibyatubabaje kurusha ibindi n'icyo byadutwaye ku rupapuro bishobora kudufasha kwemera ko tubabaye. Kuganira n'undi cyangwa mw'itsinda rito ku mibabaro yacu bishobora kudufasha gukora, cyane iyo tubwira abo mw'itsinda ryadukomerekeje (iyo batweretse ko bakozwe ku mutima n'ibyatubayeho). Gusuka imibabaro yacu kuri Yesu, nk'uko twabibonye mu gice cyabanje, nayo ni indi ntambwe yo gukora iyo twizeye ko Yesu ayitwikorerera. Gushyira rwa rupapuro ku musaraba w'imbaho, tugafata inyundo tukarubamba, dushyira mu bikorwa ibyo twizeye mu mutima, bidufasha gutandukana n'imibabaro yacu, tuba twizeye ko twayishyize mu biganza by'Imana idukunda. (Abakolosayi 2:14). Kubikura ku musaraba, tukabitwikira hamwe, bishimangira cya gikorwa cyo kwizera ko byose byashyizwe mu mutima w'Imana.

Iyo bikozwe, hasigara ivu. Nk'uko dusoma muri Yesaya 61, Imana icungura imibabaro yacu. Ku murongo wa 3 ko Yesu yifuza kuduha ikamba (ubwiza) mu cyimbo cy'ivu. Mu bihugu bimwe, hari ikimera (indabyo nziza) kimera ari uko batwitse aho hantu. Imbutu zishobora kumara igihe kinini mu butaka, ariko nyuma yo gutwika aho hantu, za mbuto zikameramo indabyo nziza. Izo ndabyo zitwa 'Fire-lilies.' Iki ni ikigereranyo cyiza cy'ibyho Imana ishaka gukora mu buzima bwacu. Imana ishobora kutuvanira ibyiza (indabyo), mu mibabaro twahuye nayo, iyo tuyishyize mu biganza byayo by'urukundo.

Iki gikorwa twagikoranye n'amatsinda menshi, mu bihugu n'imigabane itandukanye. Kizwi nk'igikorwa cy'umugaraba. Tuba dushyira mu bikorwa ihame ryo kwizera ko Yesu atwikorerera imibabaro, bigatuma twakira ugukira, kubohoka no kuruhuka. Muri iki gikorwa, abenshi bagize amahirwe yo kumva (ubwa mbere), imibabaro y'abantu badahuje itsinda (umuryango, itorerero, ubwoko, igihugu, umugabane), bakisanga bakozwe ku mutima (bagize impuhwe) n'ibyabaye kubo bitaga abanzi. Abantu batangira gukora ibyiringiro ko ibyabayeho ataribyo bifite ijamba rya nyuma ku buzima bwabo, ahubwo biringira ko Imana ishobora kubyaza inyungu igihombo bagize.

Ugukira tubonera muri iki gikorwa kuratangaje. Kuturemamo impuhwe ku baduhemukiye, kugatuma duhabwa imbabaga zo kubabarira.

Nubwo intego nyamukuru y'ikorwa cy'umugaraba' ari ugufasha abantu guha Yesu imibabaro, hari abakiriye imbabazi z'ibyaha kuko bari baruhijwe n'ibibi bakoze. Hari abacyinjyemo badakijjwe, bituma ubwa mbere batura ibyaha bakira agakiza. Hari abagiye babonamo ubutabazi bukomeye: gukora indwara zo ku mubiri, kwishyurirwa umwenda, kubona ishuri, n'ibindi. Hari abari baranze

gushaka umugore cyangwa umugabo bahinduye icyemezo ubu barubatse. Hari n'ibindi bitangaza tutabara byerekana ugukiza kw'Imana. icyitonderwa, ntitwizeza umuntu wese ko azabona ibi bitangaza ariko icyo twabonye kuri bese, ni ugukira ibikomere.

#### Kubyigaruraho

#### Incamake

- Niba umaze kwigishwa ko Yesu yikoreye imibabaro yacu ntubishyire mu bikorwa, uraba utakaje imwe mu mpamvu nyamukuru zatumye iki gitabo cyandikwa.
  - Tekereza niba wagikora wenyine cyangwa yagisangiye n'abandi (abo mu muryango, inshuti, abo musengana)
  - Turagushishikariza guhera ku bikomere byawe, mbere yuko wita ku by'abandi. Ukeneye urupapuro, ikaramu, ndetse n'umusaraba (utubaho 2 duto turahagije), inyundo, imisumali 2 n'ikibiriti
- Kubwirana ibyatubabaje mw'itsinda rito, tugategana amatwi mu rukundo ni intambwe ikomeye mu nzira yo gukira
  - Kwikoreza Yesu imibabaro yacu ni kimwe mu by'ingenzi mu gikorwa cy'umusaraba
  - Kwizera ko Imana icungura (ibyaza inyungu igihombo biduha ibyiringiro by'ejo hazaza heza.

# Icyiciro cya 3: Gushyiraho umukaba (lento)

## Gusobanukirwa kubabarira abandi icyo bivuze

Kuri benshi bibera imbogamizi ikomeye kubabarira abaguhemukiye, iyo udasobanukiwe icyo kubabarira aricyo. Kubera iyo mpamvu, tugomba gusobanukirwa neza icyo kubabarira ari cyo n'icyo atari cyo. Gukuraho urujijo kw'ijambo 'kubabarira' no gukosora ibyo abantu baryitiranya nabyo.

## Gufasha abantu gukira ibikomere biboroheraza kubabarira

Tumaze kubona ko gushyira imibabaro yacu ku musaraba bifasha. Ibi biha imbaraga umutima wacu, bikadushoboza kubabarira. Biragorana kubabarira igihe umutima ucyuzuye imibabaro. Twizera ko ari byiza kurushaho gufasha abantu bagakira ibikomere byo mu mutima. Umusaraba utwereka ko kubabarira biduhenze cyane, ariko na none iyo tutababariye biduhenda kurushaho (bidufiteho ingaruka zikomeye).

## Kwihana

Iyo tugeze ku musaraba bituganisha ku kwihana, iyi ikaba ari impano y'agaciro Imana yaduhaye itwinjiza mu mudendezo n'ibyishimo. Kwihana ni uguhindukira mu mitekereze n'umutima bikazana guhinduka kw'imyitwarire n'ingeso. Ukwihana ku giti cy'umuntu cyangwa mu cyimbo cy'itsinda ni amahame shingiro ya Bibiliya.

## Guhagarara mu cyuho

Kwemera ibyaha by'itsinda dukomokamo tukabisabira imbabazi ni bumwe mu buryo bwo gufasha abakomeretse kandi byimakaza ubwiyunge. Ibi biherekezwa no kwera imbuto zigaragaza ko tutemeranywa n'ibyo abacu bakoze, ibyo tukabyita 'kubaho mu cyuho.'



## **11. Kubabarira uwaguhemukiye**

### ***Gusobanukirwa neza imbabazi Bibiliya ivuga n'ingaruka zo kutababarira***

Nubwo kubabarira byigishwa mu nsengeru, iyo nyigisho itumvwa kimwe haba mu itorero ndetse no hanze yaryo. Kugira ngo umutima w'umuntu ubabarire abandi biragora. Tugerageza kubabarira ariko ya mibababaro ikanga ikagaruka.

Nubwo inyuma tugaragaza ko twemeye inyigisho, mu mitima yacu biba ari ibicika dutekereza, rimwe twumva ko Imana idushinyagurira mu gihe idusaba kubabarira. Mw'ibanga dushobora kwibaza 'Ese ntibihagije kuba twarakomeretse?' Kudusaba kubabarira, twumva ari ukutwongerera ibikomere. Akenshi dutekereza ko kubabarira abatugiriye nabi ari ukwamburwa ikintu cyari kidufitiye umumaro ndetse no kudukorera urugomo. Nyamara imbabazi nyakuri nkuko tubisanga muri Bibiliya, nitwe zifitiye inyungu.

Tugomba kumenya ko Imana ari inyambabazi n'inyampuhwe ariko ikaba n'Imana ikunda ubutabera no gukiranuka. Kamere y'Imana ntiyayemerera kudusaba kubabarira iyo ibona byatugirira nabi. Ni ngombwa kumenya neza icyo Imana idusaba gukora mu gihe idusaba kubabarira.

### **1. Kugira ngo dusobanukirwe neza icyo ukubabarira abandi aricyo, ni ngombwa kubanza kumenya icyo atari icyo (ukwitiranya)**

#### ***Kubabarira si ukuvuga ko ntacyo bitwaye cyangwa kwemeranya n'icyaha***

Ibi dushobora kubitekereza twumva ko Imana iduhatira kubabarira kuko ititaye na busa ku mibabaro n'igihombo abaduhemukiye baduteye. Hari igihe twumva ko Imana yashimishijwe n'akaga katubayeho cyangwa ko ishyigikiye abatugiriye nabi. Iyo mitekerereze nta kuri kurimo! Icyaha ni icyaha kandi gihabanye na kamere y'Imana, kimbura imibanire y'abantu kandi gihindanya ibyaremwe nayo byose. Icyaha icyo aricyo cyose ni kibi ku Mana kuko kimbura. Imana ntizigera gufata ikibi ngo icyite icyiza. Niba cyari icyanduye ubwo cyakorwaga, na n'ubu ni ko kiri kandi ni ko kizahora imyaka n'imyaka. Nta gihe na kimwe icyaha kizareka kwitwa icyaha. Nta gihe na kimwe Imana izavuga ngo ibibi byakozwe ntibikiri byanduye. Kubabarira ntibibigira ibyejewe.

Hari ahantu dushobora kwigira icyo imbabazi nyakuri ari cyo. Urugero rwiza rwo gufatiraho ni uburyo Imana yatubabariye. Imana ntiyigeze ireba mu isi yuzuye ibyaha ngo igire iti: 'Ntacyo bitwaye. Reka tubyibagirwe tubitwikire twikomereza umubano nk'aho ntacyabaye.'

Hakagombye kubaho ikiguzi cy'imbabazi. Hakagombye kubaho kumva uburemere bw'icyaha n'ingaruka zacyo. Ibi ni byo Umwami Yesu yakoze ku musaraba. Yikoreye ibyaha by'isi yose n'ingaruka zabyo. Iyo hatabaho umusaraba ntibyari gushoboka ko tubabarirwa n'Imana. Ibi rero biratwereka ko imbabazi ari ikintu cy'agaciro muni y'ijuru. Ibi bitwereka uburyo Imana itajenjekera icyaha: cyaba icyo twakoze cyangwa icyadukorewe. Imana yabifashe itajenjetse ku buryo yohereje umwana wayo ngo adupfire kubera byo. Ntabwo Imana idusaba kwirengagiza ibyadukorewe. Ahubwo idusaba kubishyira ku musaraba.

***Kubabarira si ugupfukirana cyangwa kwirengagiza uburakari, agahinda n’andi marangamutima twatewe n’ubuhemu***

Kugirango tubabarire tugomba kwemera ko twababajwe n’ibyadukorewe. Ibyo kuvuga ko bitatubabaje byaba ari uguhakana ububi bw’ibyadukorewe. Kubabarira byagombye kujyana no kugaragaza icyo ibyadukorewe byadutwaye: ‘Byarambabaje, byarandakaje...’

***Kubabarira si ukwibagirwa cyangwa kunanirwa kwibuka ibyatete umubabaro***

Ese birashoboka ko twakibagirwa akarengane twagiriwe cyane cyane hari nk’abavandimwe bacu bishwe? Nubwo tubabarira, ariko dukomeza kwibuka, ariko mu buryo butandukanye na mbere yo kubabarira – Umwe yavuze ko twibuka kabiri: twibuka ibyadukorewe, tukibuka ko twabihaye Yesu.

***Kubabarira ntibivuze kwanga gufasha ubutabera***

Hari abatekereza ko imbabazi n’ubutabera bitajyana, ariko Bibiliya idukangurira byombi (Abaroma 12:17;13:5). Byari mu mugambi w’Imana ko buri gihugu kigira urwego rw’ubutabera kugirango rurinde abaturage. Ni ngombwa gukorana n’ubutabera, ariko tunabusengera ngo bwuzuze neza inshingano yabwo, kwirinda ruswa, kubogama no kurenganya. Kwicuza ku Mana no k’uwahemukiwe ntibivuze ko icyaha kitagikurikiranwe n’amategeko. Icyo Imana itubwira ni uko mu rwacu ruhande dusabira umugisha abatugiriye nabi (Abaroma 12:19-21), ariko ntawe twashinja kutababarira ngo ni uko yatanze ikirego mu rukiko cyangwa yatanze ubuhamya bushinja uwamugiriye nabi mu gihe abajijwe.

***Kubabarira ntibikuyeho kwikiranura***

Mu rwego rw’abizera Yesu, dusabwa gusanga uwaduhemukiye tukikiranura nawe niba imibanire yangiritse. Muri Matayo 18:15 – 17, Yesu agira ati: Niba mwene so akugiriye nabi, umusange mwihereye umumenyeshe icyaha cye.’ Yesu ntabwo Yesu yananiwe kuvuga ngo ‘Umubabarire’ kubera ko yifuza ko amakosa agaragazwa. Yesu aha agaciro imibanire myiza mw’itorero. Ashaka ko twegera bene abaduhemukiye n’umutima w’imbabazi kugirango dusane umubano aho bishoboka.

Ubwiyunge ni ikintu cy’agaciro kuri Yesu. Kubabarira bishobora gukorwa n’uruhande rumwe gusa rw’abahemukiwe, ariko ubwiyunge bushoboka ari uko impande zombi zakoze ibyo zisabwa. Iyo uwahemutse yanze kwihana, hari izindi ntambwe zigomba guterwa n’itorero. Kugirango dukomeze ubuhamya bwiza bw’itorero, icyaha kitihanwe kigomba gufatirwa ibyemezo kuko ‘agasemburo gake gatubura irobe ryose’ (1 Abakorinto 5:6). Abinangira barakoze icyaha kigaragara bagombye gutandukanywa n’umuryango w’abizera (1 Abakorinto 5:12 – 13) kugira ngo bihane kandi bababarirwe babone gusubizwa mu bandi (2 Abakorinto 2:6 -8; Abagalatiya 6:1).

**2) Imbabazi nk’ uko Bibiliya ibibona zishatse kuvuga iki?**

***Guha uwacumuye impano adakwiye***

Imbabazi z’ukuri ni uguha uwacumuye impano ikomeye atarakwiriye guhabwa. Tekereza impano itangaje Imana yaduhaye itubabarira ibyaha byacu byose iduhanaguraho umugayo!

## **Kutihorera**

Mu isezerano rya kera kwihorera byari byemewe, ariko Yesu atuyobora inzira iboneye, kwitura ineza abatugirira nabi (Matayo 5:38 – 48).

## **Guhitamo impuhwe/imbabazi aho guca imanza**

Iyo dukoze ibi, tuba twigana Umwami Yesu wagaragarije abanyabyaha impuhwe zidasanzwe, kandi tuba twanze kwigana Satani, uhora arega (ashinja) abantu ashaka kubakurura mu rubanza n'ibihano.

## **Kubabarira birahenda (biravuna), ariko kutababarira bihenze kurushaho**

Kubabarira uwacumuye ni iby'igicro, ariko iyo tutababariye bitugiraho ingaruka mbi. Birangira aritwe tugize imvune nyinshi.

## **3) Ububi bwo kutababarira**

Kuki Imana ishaka ko tubabarira abatugiriye nabi?

### **a. *Kutababarira bizitira ubushobozi bwacu bwo kwakira imbabazi***

Urwango ku baduhemukiye rushobora kutuboha bigatuma tudashobora gushyikira imbabazi z'Imana. Ese buriya muri Matayo 6:15 haratwereka ko Imana yihimura kuri twe iyo twanze kubabarira? Oya! Kuva Umwami Yesu yatumenera amaraso ku musaraba, isi yacumuye yahawe impano y'imbabazi ku buntu. Imana si yo ifite ikibazo. Ubushobozi bwo kwakira izo mbabazi buturuka ku kwihana urwango n'inzika, bigaca umugozi wari utuboshye amaboko, tukabona kwakira za mbabazi z'Imana.

### **b. *Kutababarira bizitira ubushobozi bwacu bwo gukira ibikomere no kubaho mu mudendezo***

Inzika ituma duhora tuzirikanye n'uwatugiriye nabi. Ni nko gukurura umutwaro uremereye inyuma yacu. Ntidushobora na rimwe kugira icyo tugeraho. Tuguma muri uwo murungo w'umubabaro kugeza igihe tubabariye uwaduhemukiye. Inzika n'urwango bituma uwaduhemukiye akomeza kutugiraho imbaraga naho icyaha yadukoreye cyabayeho hashize imyaka myinshi. Akomeza kutwangiriza ubuzima, nubwo yaba atakiriho. Wisanga wahindutse umucakara w'uwakugiriye nabi. Iyo tubabariye tubohorwa ku ngoyi zose zari zituboshye.

### **c. *Kutababarira bitubuza kudasobanukirwa umusaraba mu buryo bwimbitse***


Yesu yaradupfiriye ngo tubabarirwe ibyaha, uko byaba biri kose n'iyi byaba ari indengakamere! Abantu bose babarwaho urupfu rwa Yesu kuko yiciwe ku musaraba ngo aryoze ibyaha twakoze. Niba tubona uburyo byahenze Yesu kugirango atubabarire, nititwakazuyaje kubabarira abandi, bitabayeye ibyo twaba twarahushije nititwasobanukirwa Ubutumwa bwiza.

### **d. *Kutababarira ni uguha icyuho Satani mu buzima bwacu (Abefeso 4 :26 -27, 2 Abakorinto 2 :7,11)***

Ntimugacire abandi imanza mu mitima yanyu kugirango namwe mutazazicirwa (Matayo 7:1 -2).

#### 4) Ese ubushobozi (bw'umutima) bwo kubabarira abatugiriye nabi buva kuki?

***Kwemera imibabaro tukayivuga, kuyisuka imbere y'Imana no kwemera Yesu kuyishyiraho***



Twabonye mw'isomo rya 9 ko Yesu yatwikorereye imibabaro yacu ndetse n'ibyaha. Biragoye kugirango ubabarire kandi umutima wawe ucyuzuye umujinya n'umubabaro. Dushobora kwishakamo imbabazi ku ngufu kubera ko tuzi ko Imana aribyo idukeneyeho, ndetse dushobora kuba twatera intambwe yo kubabarira kubera gutinya Imana ariko kwibuka ibyahise bigarura wa mubabaro na bwa burakari, bityo za mbabazi twagize ngo twagezeho, ntitumenye aho zirengeye!

Iki gishushanyo tugezeho cya gatatu kirerekana inzira itugeza ku kubabarira nyakuri. icyazanye Yesu mw'isi ni ugutangaza ati 'Mumbareho ibibi byose mwakorewe.

Nemeye gushyirwaho ubibi mwakorewe.' Ni cyo gituma dusabwa kumuha ibibi byose twakoze, ariko tutaretse n'ibibi byose twakorewe kuko Umwami Yesu yemeye kubyishyiraho.

Muri Matayo 18:35, Yesu adusaba kubabarira tubikuye ku mutima ariko ntibidushobokera tukibabaye 'akuzuye umutima niko gasesekara ku munwa.' Nyamara iyo twakiriye ukuri kuvuga ko Yesu yikoreye imibabaro yacu ku musaraba, kandi ko ariwe udukiza ibikomere, bitworohera kumuha ibyatubabaje byose tukabona ubushobozi bwo kubabarira.

***Twebwe n'abaduhemukiye twishyira mu maboko y'umucamanza mukuru utabera***

Biroroha kubabarira umuntu ugusabye imbabazi abikuye mu mutima. None byagenda bite niba uwaguhemukiye atemeye gusaba imbabazi? Byagenda gute aramutse akomeje kwigamba ibyo yagukoreye? Ikintu kimwe cyonyine wakora ni ugushyira abaguhemukiye n'ibyo bagukoreye mu maboko y'umucamanza utabera wo mu ijuru (1 Petero 2:23). Umwami Yesu yagize ati: 'Data ubababarire kuko batazi icyo bakora' (Luka 23:34), ubwo bamuteraga imisumari ku musaraba. Yanze kwemerera ubusharire, uburakari n'inzika kwinjira mu mutima we ahubwo yiringira Imana gusa. Yesu yabigenje atyo aho kugirango asubizanye uburakari, cyangwa abantu yiture inabi. Twizere uwo Mucamanza. Umunyabyaha niyihana azababarirwa, ariko natihana azahagarara imbere y'uwo Mucamanza udaca urwa kibera.

Ubundi buryo bwiza bwo gufasha ababuze ababasaba imbabazi, ni 'uguhagarara mu cyuho.' Ibi tuzabibona mw'isomo rya 13

***Kumenya ko natwe duhora dukeneye imbabazi z'Imana bidufasha kubabarira***

Guhishurirwa uburyo turi abanyabyaha n'ikiguzi Imana yatanze kugirango tubabarirwe, bituma natwe dushobora kubabarira abandi. Dusome Matayo 18: 21 – 35, inkuru y'umuntu wahariwe byinshi yanga kubabarira uwari umufitiye umwenda muto, byadufasha gusobanukirwa neza imbabazi z'Imana.

Twakwanzura tuvuga ko kubabarira bidufitiye inyungu, aho kuba ikintu kiduhombya. Imana ntigambiriye kudushinyagurira mu gihe idusaba kubabarira. Ahubwo byerekana uburyo idukunda.

### **Kubyigaruraho**

- Niba hari uwo utarababarira, saba Umwuka Wera akubwire icyo wakora.
- Ni izihe nzitizi zikubuza kubabarira?
- Hari urwango, inzika waba wifuza gusabira Imana imbabazi?

### **Incamake**

- **Ukubabarirwa n’Imana ku musaraba ni urugero ruhebuje rwo kubabarira.**
- **Kubabarira bisaba ko twemera imibabaro twagize tukayikoreza Yesu.**
- **Dufatira urugero rwiza kuri Yesu twizera umucamanza w’ukuri.**
- Kubabarira biravuna ariko kutababarira bituvuna kurushaho.

## 12. Inyungu zo kwihana no Gusaba Imbabazi

### *Uruhare rwo kwihana mu gukiza ibikomere by'amakimbirane ashingiye ku moko*

Twamaze kubona ko ubwiyunge butashoboka igihe nta kwihana no gusaba imbabazi bitabayeho. Uwahemutse ashobora kongera gutangira urugendo rushya iyo yihanye, agasaba imbabazi, agashyira ibibi yakoze ku musaraba. Aho ukwihana kuri n'ubuntu n'imbabazi by'Imana biba bihari. Ukwihana ni inyigisho yatwara iminsi, ariko iki gitabo cyandikiwe gukoreshwa mu bihugu byabayemo ubushyamirane hagati y'amatsinda. Muri iri somo ryo kwihana no gusaba imbabazi, turagaruka ku byaha byakoze mu gihe cya jenocide yakorewe Abatutsi mu w'1994.

### ***Ni nde usabwa kwihana no gusaba imbabazi?***

Kwihana bikenerwa igihe umuntu yambuye undi muntu ubuzima. Ariko dukenera kwihana na none igihe twagaragaje imigirire, ibitekerezo cyangwa se ibikorwa bibi nubwo ari bito. Nk'uko twabibonye mw'isomo rya 2 gutekereza ibibi ku bandi ubashyira mu gatebo kamwe ni inkomoko y'umwiryane ushingiyeye ku matsinda na jenocide. Mu gihe tugize urwango, tukagira ibitekerezo bibi ku bandi, tugacira urubanza rubi abo tudahuye idini, ubwoko cyangwa ubwenegihugu, icyo gihe dusabwa kwihana. Yesu avuga ko ibyo dutekereza bibi, binganya uburemere n'ibikorwa bibi (Matayo 5: 21 – 22).

## 2) Ukwihana nyakuri ni iki?

### **a. Ukwihana nyakuri ni uguhindukira mu mutima no mu mitekerereze**

Ukwihana Bibiliya itubwira ni ikintu cyiza cyane kandi gitangaje. Mu isezerano rya kera n'irishya, iryo jambo risobanura ukwicuzwa n'agahinda kenshi, uguhinduka mu mitekerereze, bikagaragazwa no guhinduka mu mutima no mu bikorwa. Mbese ni uguhindura icyerekezo. Ni ukumenya ko iyo dukoze ikibi, tuba tugikoreye Imana mbere na mbere. Niyo yaturemye mw'ishusho yayo, kandi yaturemeye kugirango tubeho mu buzima buyihesha icyubahiro. Tubyumvise muri ubu buryo, nibwo dusobanukirwa ko icyaha ari kibi, kuko gituma tutagera ku mugambi/ urugero Imana yadutegurirye.

Twanamaze kubona ko ibyo twemera aribyo bigena ibyo dukora. Ukwihana ni uguhindura imitekerereze yacu ku bituma n'imwitwarire n'ibikorwa byacu bihinduka. Ni impano y'igiciro duhabwa n'Imana ikadushoboza gutangira bundi bushya. Mu 2 Abakorinto 7:9 – 10 harabisobanura neza.

### **b. Ukwihana k'ukuri kugarura imibanire**

Ntibihagije kwihana uri wenyine. Ukwihana kwa nyako gukorerwa imbere y'Imana ariko niba twarahemukiye undi muntu, dusabwa gusaba imbabazi (Matayo 5: 23 – 24). Iyo dusabye imbabazi abo twahemukiye, siko buri gihe bitugeza ku bwiyunge. Ntituzigere duhatira abo twahemukiye kutubabarira. Kuba twarangije gukora uruhare rwacu, ibisigaye tubiharira Imana.

### **c. Ukwihana kwa nyako ni ukwakira inshingano y'icyaha (responsibility)**

Akenshi tugerageza kwisobanura iyo twagize imyitwarire mibi cyangwa amakosa, tuvuga ko ari abandi babiduteye. Tumera nk'ababyikuraho. Abantu benshi bakunda guhunga umugayo w'ibibi bakoze, ahubwo ugasanga barashaka kubyegera ku bandi. Ariko ukwihana nyakuri ntigukora ibyo. Mu nkuru y'umwana w'ikirara, haratugaragariza uburyo yicujije atitwaza abandi cyangwa ibindi (Luka 15: 18 – 19).

### **d. Ukwihana nyakuri ni ukwemera ingaruka**

Ukwihana imbere y'Imana, uwakorewe icyaha n'imbere y'itorero ntibikuraho ingaruka zikomoka ku byaha byakozwe, cyane cyane iyo habayeho kwica amategeko y'igihugu. Umupasitori cyangwa umujyanama mwiza, ntiyakagombye guhishira ibyaha bikomeye, ahubwo yagombye gushishikariza uwabikoze kwishyikiriza ubutabera nubwo byamuviramo guhanwa bikomeye.

Ukwihana Bibiliya ivuga kuzirikana ko icyaha gifite inkurikizi zikomeye. Kuva 34:7 hatubwira uburyo gukiranirwa kw'ababyeyi kugira ingaruka ku babakomokaho n'abazavuka inyuma. Mu busobanuro bundi, uyu murongo uvuga ko ibyaha byakozwe n'iki gisekeruruzwa bikurikirana abazakurikiraho. Birashoboka ko umuntu yakwihana agasaba imbabazi ariko inkurikizi zigakomeza. Kwihana guhagarika uruhererekane rw'imivumo. Ibyiringiro byacu ni uko Imana ibasha gucungura n'ibibi bikabije twakoze, duhora twicuzwa, ikagira icyiza ivanamo. Muri Luka 3:8, Yohana Umubatiza atubwira ko kwihana nyakuri tugomba kukwerekana imbuta twera.

### **e. Ukwihana nyakuri ni ukuriha ibyangijwe aho bishoboka**

Ukwihana ntiguhagararira gusa ku kwicuzwa kubera ibibi twakoze, ahubwo kujyana no kuriha ibyangijwe aho bishoboka. Mu nkuru ya Zakayo (Luka 19) dusangamo uburyo nyuma y'aho ahuriye na Yesu yemeye kwishyura abo yambuye ashiraho n'inyungu. Ntiyabikoze kubwo kubihatirwa na Yesu, ahubwo yagaragaje imbuta zerekana ko yahindutse koko.

## **3) Icyo Imana ivuga ku kwihana**

Mu Byanditswe Byera dusangamo ahenshi Imana ihamagarira abantu kwihana. Muri Yesaya 1:18, hati: 'Nimuze tujye inama', niko Uwitwaga avugaga. 'Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka bise n'ubwoya bw'intama.' Nubwo twaba tutarakoreye icyaha ku karubanda, twese turi abanyabyaha kandi twananiwe gushyikira ubwiza bw'Imana. Icyaha ni kibi ku buryo gishobora kuturimbura kikatumaraho. Icyaha cyakururiye akaga n'ibyaremwe bindi (Hoseya 4:1 – 3).

Kubera urukundo rwinshi Imana idukunda, yari yarateguye, na mbere yo kurema isi, kohereza Umwana wayo. Yesu yaje kwikorera ibyaha n'umubabaro by'isi yose ku musaraba. Nitwihana tukizeza Yesu imitima yacu duhabwa imitima mishya. Ibi nibyo Imana ishaka. Ntiyifuzaga ko hari n'umwe urimbuka. Umuriro utazima ubaho, ariko Imana yawuremeye satani n'abadayimoni, ntiwaremewe abantu Imana yaremye mu ishusho yayo. Imana ntiyifuzaga ko twazawujyamo, niyo mpamvu yohereje Yesu ngo adupfire.

Imana ni inyebambe, ariko twinangiye ntitwihane tuba twibuza kugerwaho n'imbabazi zayo. Imana iradukunda ndetse iduha agaciro kuruta uko twabyumva; ishaka ko twihana kugira ngo twiyunge nayo. Abamarayika mu ijuru baranezerwa iyo umunyabyaha umwe yihanye (Luka 15:10).

Imitima yacu ntihindurwa n'amategeko, ahubwo ihindurwa n'imbabazi. Kwiciraho iteka no gutsindwa n'Umwuka Wera biratandukanye. Imana itwemeza icyaha kubera imbabazi idufitiye ishaka ko twihana tukiyunga nayo, ariko Satani aturega atwihebesha, atwumvisha ko nta mbabazi twabona kugira ngo atujyane kure y'Imana. Mu kwihana, niho tubonera ubuzima bushya.

***Inyungu zo kwihana:***

- a. kudukesha amahoro kandi bitwunga n'Imana
- b. gukuraho umutima uducira urubanza (Imigani 28:13)
- c. gutera kunesha icyaha
- d. guhesha umudendezo, kugakuraho ubwoba
- e. kuzana ubuzima bwiza– mu Mwuka, mu bwenge no mu mubiri (Zaburi 32:1-5).
- f. kutugarurira icyizere
- g. gutuma twiyunga n'uwo twakoreye icyaha (hari igihe bitashoboka, ntitubihatira abahemukiwe). Kwihana kutabayeho ubwiyunge ntibwashoboka
- h. gutuma abahemukiwe bababarira
- i. gufasha ubutabera
- j. gutuma abahemutse bagabanirizwa ibihano n'inkiko
- k. gutuma abantu bongera kubana
- l. gutuma abahemukiwe batekana
- m. gufasha gukiza ihungabana
- n. kugarurira abantu kwizerana
- o. kuduhamiriza ko imbabazi z'Imana ziriho kandi zihindura
- p. kudukesha ubugingo buhoraho no kuzabana n'Imana iteka mw'ijuru!

Turabona ko uretse umuntu ku giti cye, n'umuryango mugari uhabwa umugisha iyo habayeho kwihana. Ndetse n'ibyaremwe bibona inyungu iyo twihanye tugahinduka (Abaroma 8: 19–21).

#### 4) Bigenda bite iyo kwihana kutabayeho?

Kutihana ni ugupfa uhagaze. Hari abashakira ubuhungiro mu bisindisha, ibiyobyabwenge cyangwa ibindi byangiza ubuzima. Hari n’abagera ku rugero rwo kwiciraho iteka bakiyemeza kwiambura ubuzima. Abandi binangira imitima bagayoboka inzira yo gukora ibibi birenze. Abo bitwa ‘akahebwe’ cyangwa ‘ibyohwe.’

##### *Inzitizi zo kwihana*

Abenhi ntibiyumvisha impamvu abakoze ibikorwa bibi batihana, ariko hari impamvu nyinshi zituma bigorana. Izo ni nka :

- kamere y’icyaha irwanya Umwuka Wera
- kudatsindwa mu mutima (kutiyumvamo kwicuza) – hari usanga umuntu yigamba ibibi yakoze
- ubwoba bw’ingaruka – nk’ibihano, uko abandi babifata, gutakaza icyubahiro cyangwa akazi
- ihungabana riterwa n’ibyo umuntu yakoze
- n’ibindi.....

#### 5) Kwihana no gusaba imbabazi

##### *Ese ni nde ukwiriye gusabwa imbabazi?*

- Mbere na mbere Imana. Niyo tuba twaracumuyeho mbere ya byose. Niba ducumuye mu ntekerezo, ntihagira undi ubimenya, twasaba Imana imbabazi bikagarukira aho.
- Uwahemukiwe: ntibihagije gusaba imbabazi Imana gusa niba hari uwo twakoreye icyaha mu buryo bugaragara (Matayo 5: 23-24).
- Itorero n’abantu muri rusange: niba icyaha cyarakorewe mu ruhame abantu benshi bakabimenya.
- Ku byaha nk’ubwicanyi cyangwa gufata ku ngufu byaba byiza uko kwihana bikorewe imbere y’umukozi w’Imana wabisigiwe agasengera gukurwaho imivumo, agatanga n’ubujyanama.

##### *Ibyitabwaho mu gusaba imbabazi*

- Kwemera icyaha no kucyatura mu magambo asobanutse.
- Gusaba imbabazi, atari ibya nikize byo gupfa kwivugira ngo ‘sorry!’
- Kwirinda kuvuga ngo ‘Niba narakubabaje.....’ Ibi bishaka kumvikanisha ko tutaremera ko ibyo twakoze ari bibi.

- Kwirinda gushinja uwo wahemukiye werekana ko ari we waguteye kumukorera amakosa.
- Kwirinda gusaba imbabazi nk'uwikinira.
- Kwirinda kubwiriza (kwereka umuntu imirongo myinshi ivuga ku mbabazi) igihe usaba imbabazi.
- Kwirinda gutanga ibisobanuro byinshi, uretse igihe byafasha gusobanura neza ikosa ryakozwe.
- Kwihutira gusaba imbabazi nta gutinda, imbonankubone, keretse igihe ari icyaha kijyanye n'ubusambanyi, cyangwa niba byazana izindi ngorane. icyo gihe hakoresha inyandiko.
- Kugaragaza ubushake bwo kuriha aho bishoboka. Bibiliya yigisha ihame ryo kuriha mu Kuva 22:3, Abalewi 6:4, Kubara 5: 6-7, Imigani 6:31, Ezekiyeli 33:15.
- Luka 3:8 no mu Byakozwe n'Intumwa 26:20 hagaragaza ko kwihana biherekezwa no kwera imbuto zikwiriye abihanye.

Mu kwanzura, twavugaga ko ukwihana kwa nyako ari impano y'Imana. Imana ntifata icyaha nk'ikintu cyoroshye, bityo iyo tutihanye, bidukururira ingaruka mur' iki gihe no mu gihe kizaza. Imana ishaka ko twihana tumaramaje ni Imana yishimira kubabarira (Mika 7:18), ntinezweza no kugira uwo yababaza (Amaganya ya Yeremiya 3:33). Ukwihana nyakuri si amagambo gusa. Guhindura ubuzima bwacu bwose.

### **Kubyigaruraho**

### **Incamake**

- |  |  |
|--|--|
| <ul style="list-style-type: none"> <li>➤ Hari ibyaha, amakosa ukeneye kwihana?</li> <li>➤ Kora urutonde rw'ibibi waba warabikoze utabigambiriye.</li> <li>➤ Ni iki wumva utekereza wabikoraho?</li> <li>➤ Saba Umwuka Wera agufashe gukora icyo Imana yishimira</li> </ul> | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kwihana niyo nzira rukumbiha umudenzezo umutimanama wihebeshejwe n'agahinda.</li> <li>• Kwihana bikorerwa imbere y'Imana n'undi muntu kandi bigakoranwa ubushake bwo kwemera ingaruka.</li> <li>• Kwihana bihesha uwakiraniwe ikizere cy'ahazaza, bigafasha abakiraniwe gukira kandi bigatuma ubwiyunge bushoboka.</li> </ul> |
|--|--|

## 13. Guhagarara mu cyuho

### *Guhagarara mu cyuho watura ibyaha by'itsinda ubarwamo*

Iyo abantu bahemukiwe, ntibarakarira gusa uwabahemukiye; inshuro nyinshi banga n'ababakomokaho, ubwoko bwabo, igitsina cyabo, igihugu bakomokamo..... Mu makimbirane ashingiye ku matsinda (amoko, ibara, idini), abantu bakora ibyaha bitwaje ayo matsinda babarizwamo. Kubw'iyi mpamvu rero ni ngombwa ko dusobanukirwa n'umurimo wacu w'ubutambyi nk'abizera, n'uburyo ushobora gukiza ibikomere bikomoka ku makimbirane ashingiye ku matsinda.

#### 1) Inshingano yacu

Mu gice cya nyuma twabonye uko icyaha gikorwa n'umuntu, n'uburyo uwo kibayeho ashobora kwihana ku giti cye. Bibliya ivuga ku byaha bikorwa n'itsinda cyangwa mw'izina ry'itsinda, no kwihana mw'izina ry'itsinda. Abahanuzi bo mu isezerano rya kera barimo Ezira, Nehemiya na Daniyeli basobanukiwe iri hame. Bari abakiranutsi bemera kwishyiraho ibi byakozwe na bene wabo kugira ngo ishyanga ryose rikurweho igitsure n'igihano cy'Imana. Ibyo bakoze, byabaye urugero ku Bakristo bo mw'Isezerao rishya ngo bumve umurimo wabo w'ubutambyi bw'ubwami. Mu isezerao rishya Yesu yigisha abigishwa be gusenga 'Utubabarire *ibyaha byacu*' (Matayo 6:12).

#### **'Muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera' 1 Petero 2:9**

Aya magambo ntiyabwiwe abantu bari bafite inshingano zikomereye mw'idini ahubwo yabwiwe abizera Kristo bose. Isezerao rya kera ritwigisha inshingano z'umutambyi, ibi bidufasha kumva neza icyo Imana idutegerejeho twabwira abizera Kristo, aritwe abatambyi bo mw'isezerano rishya.

Umurimo w'ibanze w'umutambyi wari ubuhuzi. Yajyanaga ibyaha by' abantu imbere y'Imana, akabaserukira nk'umwe muri bo muri ya shusho y'icyaha. Muri Ezekiyei 22:30 Imana ivuga ko yashatse uwahagarara imbere yayo mu cyuho ngo kugira ngo itarimbura gihugu. Yesu niwe Mutambyi mukuru muri bose kuko 'yabaranwe n'abagome' (Yesaya 53:12). Ntiyifataniye n'isi y'icyaha gusa, ahubwo yahindutse icyaha ku bwacu (2 Abakorinto 5:21), kugirango duhinduke gukiranuka kw'Imana.

Yesu yadusabye kwikorera umusaraba, tumukurikire. Kimwe mu bigize ukwikorera umusaraba, ni ukwemera kubaranwa n'abagome nkuko nawe yabikoze. Hagize ubaza ati: 'Ninde waguha uburenganzira bwo kudukurikira uagenda udusabira imbabazi?' twasubiza ko ari ijamba ry'Imana ribiduhera uburenganzira kandi ko Imana ishaka ko tuyumvira.

2 Abakorinto 10: 3-5, nk'abizera tubwirwa ko tutarwana mu buryo bw'abantu. Nk'abatambyi bw'ubwami dukoresha guhagarara mu cyuho nk'intwari y'Umwuka, bituma tubasha gufasha imitima y'abahemukiwe, tukayambura uburakari n'umubabaro. Ibi nibyo byabaye aho Abigayeli yahagararaga mu cyuho cy'umugabo we udashobotse Nabali (1 Samweli 25:14-35). Ibi byatumye umutima wa Dawidi ucururuka nuko umuryango wose urokoze inkota.

Iyo duhagaze mu cyuho cy'abandi, hari igihita kiba mw'isi y'Umwuka. Tubwirwa ko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri (Abefeso 6:12). Guhagarara mu cyuho si igikorwa washakira ibisobanuro mu bitabo by'amategeko n'ubutabera, ni igikorwa cy'Umwuka (Ezekieli 22:30). Guhagarara mu cyuho bikingurira inzira imbabazi mu mwanya w'urubanza (Yakobo 2: 13).

## 2) Ese guhagarara mu cyuho bisobanuye iki?

Hashobora kubaho ukudasobanukirwa neza iki gikorwa cyo guhagara mu cyuho, bikazana impaka z'amagambo zabo zituruka ko butamenya, ku marangamutima n'imyumvire ya Bibliya. Niyo mpamvu ibisobunuro birambuye bikenewe.

Iyo umuntu ahagaze mu cyuho aba agaragaza ibi:

- Ndemera ko ibyo abo mw'itsinda ryanjye twakoze ari bibi.
- Ndemera ko itsinda ryabikorewe ryakomeretse.
- Mbabajwe cyane n'ibyabaye kandi ndinginga Imana ngo itugirire imbabazi.
- Twese ntidutekereza kimwe sinshyigikiye ibibi byakozwe n'abacu. Nubwo ntabikoze ku giti cyanjye ndemera ko nanjye nshobora kugwa mu bibi nk'ibyo (Sindi igitangaza).
- Niyemeje kwera imbuto (kugira imitekerereze n'ibikorwa) zidasa n'ibibi mwakorewe.

### ***Guhagarara mu cyuho ntibivuga:***

- Guhanaguraho icyaha abagikoze.
- Gukuraho abakoze icyaha inshingano yo kugisabira imbabazi ubwabo.
- Ko abanyabyaha batakurikiranwa n'ubutabera.
- Ko duhagarariye abantu bacu nk'intumwa zibifitiye ububasha, ahubwo ni kubw'umurimo w'ubutambyi duhabwa n'Imana.



### 3) Kuki guhagarara mu cyuho bikenewe ?

Kwemera icyaha nk'uwagikoze bifasha uwahemukiwe gukira no kubabarira. Ingorane nuko hari abatazigeria babona ababahemukiye ngo babasabe imbabazi. Bamwe ntibakiriho, abandi ntibazigeria baca bugufi ngo basabe imbabazi. Ese icyo gihemu kigumeho n'ingaruka zacyo ?(Reba Amaganya ya Yeremiya 5:7).

Bibliya itwerekako uko twabigenza igihe hari ibibi bitasabiwe imbabazi. Abafite inshingano z'ubutambyi nibo bahuza bahagarara hagati y'Imana n'abantu, no hagati y'abantu n'abandi (Kuva 32 : 32 ; Ezekiyeli 22 :30). Mu Balewi 26 :40 twigishwa kwihana ibyaha byacu ndetse n'ibya ba sogokuru mu gihe dusengera ugukira kw'igihugu. Ni ngombwa ko abakora uyu murimo wo guhagarara mu cyuho bababazwa n'ibibi byakozwe.

Ibikomere bizahaza cyane biterwa n'ibikorwa by'ihohoterwa n'urugomo bikorwa n'amatsinda cyangwa mu mazina y'amatsinda (ubwoko, za leta, amadini, imitwe y'abarwanyu, imiryango...). Nubwo tubarwa muri ayo matsinda, usanga umuntu wese yigurutsa ibyabaye kuko atari we ku giti cye wabikoze. Iyo ibyo bibi bitasabiwe imbabazi, ibikomere bihoraho bikaba byakurura uruhererekane rw'amakimbirane (agatereranzamba).

Twabyemera tutabyemera buri wese agira itsinda abarizwamo. Kwishyiraho ibyaha byakozwe n'itsinda umuntu abarwamo ntibisobanuye ko ababikoze babihanaguweho. Bagomba kwihana ku giti cyabo imbere y'Imana, bagasaba imbabazi abo babigiriye. Ukwemera icyaha kwacu ntibihindura ibyahise, ahubwo bihindura igihe kizaza.

Abizera Yesu nibo byiringiro byo gukira kw'igihugu. Guhagarara mu cyuho ntibikorwa mu buryo bwa nikize. Bigomba gukorwa bivuye ku mutima koko. Kwatura ibyaha by'abasokuruza n'iby'itsinda tubarwamo bigomba kujyana n'ibikorwa bigaragaza ko twahindutse koko. Kwemera icyaha, kukihana n'ubwiyunge bigomba guhinduka imibereho ya buri muni, si amahugurwa n'ibiterane gusa. Umugambi w'Imana ni uko abizera Yesu bahinduka abatambyi bunga (2 Ibyo ku ngoma 7 :14).

### 4) Imigisha ikomoka ku guhagarara mu cyuho :

- Byomora imitima yakomeretse.
- Bihumanuro ibitekerezo byanduye.
- Guhindura ibihe turimo n'ibizaza (kuzana amahoro no kubana neza).
- Gukuraho urwikekwe no gucirana imanza (bose ni bamwe).
- Gusenya inkuta z'amacakubiri
- Guhumanura ibyaremwe bindi (Itangiriro 4:10; Abalewi 18:24 – 25; 2 Samweli 22:1; Hoseya 4:1-3; 2 Ngoma 7:14).
- Kudukura ku bubata bw'amateka mabi.
- Gukura mw'ipfunwe abakomoka mu matsinda yahemutse, bityo bakongera kwigirira icyizere.

- Guhinduka intwara idufasha mu ntambara y'umwuka (2 Abakorinto 10:4).
- Gukuraho akaga kw'itsinda tubarwamo (Ezekiyeli 22:30).
- Guhagarika uruhererekane rw'imivumo iva ku babyeyi ikagera ku bana (Yeremiya 31:29).

## 5) Ibyitonderwa

### ***Ni nde wahagarara mu cyuho?***

- Uwumva Umwuka Wera amuhatira kubikora.
- Umuntu wese ushishikajwe no kubona abahemukiwe bomorwa ibikomere.
- Uwemera kuvuga mu magambo atomoye ibibi byakozwe, akiyumva inshingano yo gusaba imbabazi.
- Umuntu wishingikiriza ku Mana, wemera kuyisaba kumushoboza kwihana nk'aho ari ubwa mbere aho ariho hose.
- Umuntu ufite ishyaka ryo kugeza abantu ku bwiye.

***Icyitonderwa: Iyo iki gikorwa gikorewe mu ruhame, dusaba Imana ubwenge kuko hari ababyumva uko bishakiye, ariko na none twirinda kugoreka ukuri, kuko ibi byaba bibi bigakomeretsa benshi, bikarutwa no kutabikora.***

### ***Inshingano (ibikorwa) zigendana no guhagarara mu cyuho***

Abahagarara mu cyuho bahamagariwe kubyerekanisha mu myifatire n'ibikorwa ibi bikurikira:

- Guha agaciro abahemukiwe.
- Gukora ibyatuma ubuzima n'imibereho yabo bizamuka.
- Kugira imitekerereze itandukanye n'iy'abagize nabi
- Gukangurira abo dusangiye itsinda guhinduka no kureka ibibi.

### ***Wagarara mu cyuho kugeza ryayi, inshuro zingahe?***

Igihe cyose duhuye n'uwahemukiwe n'itsinda tubarwamo ukeneye abamusaba imbabazi. Iyo dufashe iki gikorwa nk'igihano, twumva twagikora rimwe cyangwa gacye gashoboka, ariko tukibonye nk'impano y'Imana igeneye abakomeretse kubona icyomoro (umuti), tugikora kenshi, aho gikenewe, n'igihe cyose.

### ***Ikiguzi cyo guhagarara mu cyuho***

Guhagarara mu cyuho biradusaba ikiguzi kinini. Kubikora bituvuye ku mutima bidusigamo imvune mu marangamutima. Nubwo bitanga umusaruro mwiza, ntawakwizera ko buri gihe ariko byakirwa neza. Hari abahemukiwe bamwe batekereza ko ari uguhishira abagize nabi. Guhagarara mu cyuho ni ukwikorera umusaraba. Ni ukubaranwa n'abagome (Yesaya 53 :12). Bityo ntibitangaje ko bamwe bazaturwanya, bakatwamagana cyangwa bakatwanga.

Uguhagarara mu cyuho bishobora kurakaza abo musangiye itsinda, iyo batemera ibibi byakozwe n'itsinda. Abantu bashobora kubyumva nabi, bakumva ari ubuyobe, no guhindura itsinda ryose abagome n'abicanyi. Hari abashaka imirongo ya Bibliya yo guhakana iki gikorwa.

Nubwo guhagarara mu cyuho bigereranywa n'ubutumwa bw' umusaraba ari ubupfu kuri bamwe n'ikigusha ku bandi (1 abakorinto 1: 23 –24), ntibibuza ko ari imbaraga izanira abakoze iki gikorwa n'abagikorewe kubohoka no guhinduka.

### **Kubyigaruraho**

### **Incamake**

- |  |   |
|--|---|
| <ul style="list-style-type: none"> <li>➤ Ni irihe tsinda ry'abantu ubarwamo (wahagararira): umuryango, ubwoko, igihugu, abo muhuje igitsina, umurimo, n'abandi?</li> <li>➤ Ni ibihe bibi itsinda ubarizwamo rishinjwa ko ryakoreye abandi?</li> <li>➤ Saba Imana igushoboze guhagarara mu cyuho usaba imbabazi?</li> </ul> | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Ukwihana Bibiliya itubwira ni uk'umuntu ku giti cye ndetse no mw'izina ry'itsinda.</li> <li>• Abizera basabwa guhagarara mu cyuyo cy'itsinda babarwamo.</li> <li>• Kumva umuntu asaba imbabazi bikiza ibikomere by'abahemukiwe, bifasha kuzana ubwiyunge.</li> <li>• Tugomba kwera imbuto zishyigikira uguhagarara mu cyuho kwacu kugira ngo guhabwe agaciro.</li> </ul> |
|--|---|

# Igice cya 4: Gushyiraho Isakaro!

Iyo gusaba no gutanga imbabazi kwabayeye, ubwiyunge buba bwatangiye kuboneka. Twisanga imitima yakingukiranye, bityo tugatangira kwishimira ubudasa bwacu nk'abagize ishyanga ryera.

Dusubira kuri wa mugambi w'Imana wo kwizihiza ubumwe mu budasa. Mw'ishyanga ryera, dufite agaciro kangana kandi twemererwa kuba abo turibo nta pfunwe biduteye.

Yaba mu gihe cy'amakimbirane cyangwa nyuma yayo, tugomba gufata umwanya wo kuzamurana, twemeza buri tsinda ko rifite agaciro tunasabira buri tsinda umugisha. Bya bibi twatekerezaga ku bandi bisimburwa no kubaturaho ibyiza. Tuba tuvuguruza ibya mbere. Iyo dukoze ibi, tuba dukoresha intwari ikomeye mu ntambara y'Umwuka (gusabira abanda umugisha), dusenya inkuta z'urwango.

Iyo itorero rikize ibikomere, risobanukirwa umuhamagarari w'Imana wo gusana imitima, komora ibikomere no kuzana ubwiyunge hagati y'amatsinda yagiranye ibibazo.



## 14. kwatura umugisha

### *Kwiga kuzamurana no guhesha umugisha andi matsinda*

Twabanje kurebera hamwe uko guhagarara mu cyuho ari igikorwa kimwe mu nshingano zacu nk'abatambyi b'ubwami. Ikindi gikorwa abatambyi bakoraga tugisanga mu Gutegeka kwa kabiri 10:8. Abatambyi bagombaga guhesha abantu umugisha mu izina ry'Uwiteka. Ni ngombwa ko twiga kwatura umugisha ku bantu n'amatsinda kuko ari umurimo wacu nk'abatambyi.

### 1) Imbaraga z'imigisha

Twamaze kubona ububi bwo gucira abandi imanza no kubashyira mu gatebo kamwe. Ahari amacakubiri cyangwa amakimbirane ashingiye hagati y'amatsinda, gucirana imanza biragwira, Satani abikoresha akomeza amakimbirane. Bibiliya itubwira mu rurimo, harima imbaraga zizana ubugingo cyangwa urupfu (Imigani 18:21). Ururimi rushoborakuzana ugukira cyangwa gukomeretsa umutima (Imigani 12:18). Imana irahamagarira ubwoko bwayo kwatura umugisha ku bantu aho gucirana imanza zikurura imivumo.

Mu muco w'abaheburayo, kwatura umugisha ku muntu byahabwaga agaciro. Amagambo y'umugisha yagiraga imbaraga, kandi nanone kwimana umugisha byatumaga uwimwe agira agahinda gakomeye (Reba Itangiriro 27). Umuco w'Abayahudi watwigisha byinshi ku gutanga no kwakira umugisha. Muri iyi minsi abenshi baraboroga nkuko Esawu yabigenje bagira bati 'nta mugisha wasigaye?' (Itangiriro 27:36). Hari amatsinda (amako, ibihugu, uturere) atakishwa ko abantu babaturaho ibibi gusa, bameze nk'abavuga bati: 'Nta mugisha n'umwe usigaranye data?' (Itangiriro 27:38).

### 2) Umugisha akenshi ugaragara muri Bibliya

Ababyeyi baturaga umugisha ku bana, abayobozi baturaga umugisha ku gihugu, abami baheshaga umugisha abo bayobora, abatambyi bakatura umugisha ku muntu, itsinda cyangwa ubwoko bose. Umwami Yesu aduhamagarira gusabira umugisha abanzi bacu! (Luka 6:28) Paulo nawe atwigisha ibyo gusabira abanzi umugisha mu Baroma 12:24.

Ingero zimwe na zimwe zivuga ku migisha ziri mu Itangiriro 49; Gutegeka kwa kabiri 33; Kubara 6:24-26; Zaburi 115:14-15; 134:3; 129:8(b gusa).

### **'Impano y'umugisha'**

Mu gitabo cyabo cyiza cyane, *The gift of the Blessing (Impano y'umugisha)*, Gary Smalley na John Trent bavuze ibyo guhesha abana umugisha nk'uko wabisanga mu muco w'Abahaheburayo. Bagaragaza ibintu bitanu byakorwaga:

- Kurambikwaho ikiganza
- Kwatura ibyiza mu magambo
- Guha agaciro gakomeye uhabwa umugisha
- Kwifuriza uhabwa umugisha ejo hazaza heza cyane
- Kwiyemeza gufasha uhabwa umugisha kugera ku byiza umwifuriza

### 3) Kwifuriza imigisha abo tudahuje itsinda tubarwamo (ubwoko, akarere, igihugu, idini)

Twahamagariwe guha agaciro abandi. ‘Kubyo gukunda bene Data, mukundane rwose, ku by’icyubahiro, umuntu wese ashire imbere mugenzi we’ (Abaroma 12:10). Muri Bibliya ‘kubaha’ bisobanura kugaragaza ko undi afite agaciro gakomeye. Mu Bafilipi 2:3 ‘. mwicishe bugufi mu mitima yanyu umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta’. 1 Petero 2:17 hatubwira ngo ‘mwubahe abantu bose, Mukunde bene Data.’ Ibi ntibivugwa ku bantu ku giti cyabo gusa, bivugwa no ku matsinda atandukanye.

Ese murumva ukuntu ugukira ibikomere kwagerwaho niba twe, abo mw’Ishyamba ryera twiyemeje kwaturanaho umugisha hagati y’amatsinda atandukanye! Twafata umwanya tukavugaga tubona mu yandi matsinda tudahuje. Nk’uko Umwuka atuyobora, dusabire abandi umugisha umeze nk’ubuhanuzi bw’ibyiza twifuzaga ko Imana ibakorera. Byongeye kandi dushobora kwiyemeza twe ubwacu kubafasha kubigeraho.

### 4) Uko ibi byashyirwa mu bikorwa

- Kubwira abo tudahuje itsinda uburyo tubahaye agaciro, tubatura ibyiza twifuzaga ko Imana ibakorera, ibyo twabikora buri gihe mu buzima bwa buri muni.
- Duhamagarira abana mu mahuriro atandukanye kwiga guha agaciro no kuvugaga ibyiza by’abo badahuje itsinda (ubwoko, akarere, igihugu).

Dushobora kuvuganira abo mu rindi tsinda, tubavugaga neza mu gihe abandi batangiye kubasuzugura no kubacunaguza.

### Kubyigaruraho

- Tekereza ibintu byiza ushobora kuvugaga kubo mudahuje.
- N’iyihe migisha wabasabira?

### Incamake

- Ururimi rurakomeye, ruzana urup-fu cyangwa ubuzima.
- Nkabagize Ishyamba ryera, dusabwira kwatura umugisha ku bandi mw’isizna ry’Imana.
- Iyo abadahuje itsinda bubahanye, ubwiyunge buraboneka.

## 15. icyo twakora nyuma y'aya mahugurwa

Ni gute wafasha itorero gukora umurimo wo komora ibikomere no kuzana impinduka nziza aho rikorera?

Iki gitabo kivuga ukuntu Imana ikiza ibikomere Abanyetorero kugira ngo nabo bashobora gutanga ubutumwa buzana ugukira kw'ibikomere n'ubwiyunge mu gihugu. Aya mahugurwa agamije gute-gura no gutoza abanyetorero. Nyuma yayo, hagombye kuba ibikorwa. Reka twongere twibukiranye umugambi w'Imana kw'Itorero, ndetse turebere hamwe uburyo butandukanye abanyetorero bakoresha kugira ngo bagira uruhare rukomeye mu gukira kw'igihugu cyari cyarashegeshwe n'amateka y'umwiryane yatugejeje kuri jenoside yakorewe Abatutsi n'ingaruka zayo.

### 1. Umugambi w'Imana kw'itorero

Ufate umwanya utekereze Itorero ryakize, ryahindutse uko Imana ishaka. Hakorwa iki kugira ngo ibyo bigerweho? Wowe se, wabigiramo uruhe ruhare?

- a. Abizera nibo bagombye kubanza gukira. Ntidushobora gutanga icyo tudafite (Ibyakozwe n'Intumwa 3:6). Nyuma yo kwakira ihumure ry'Imana, nibwo dushobora guhumuriza abandi (II Abakorinto 1:3-4).
- b. Yesu niwe Muganga! Azi gukiza imitima ikomeretse. Yaje mw'isi kwishyiraho ibyaha ndetse n'intimba zacu, abijyana ku musaraba (Yesaya 53:4-5), 2 Abakorinto 5:17-19, 1 Peter 2:24). Tugomba kuzana imibabaro yacu kuri We, ndetse n'ibyaha byacu, tukakira ihumure rye (Zaburi 55:22, 1 Petero 5:7).
- c. Imana irashaka ko duhinduka rwose tugatandukana n'ibibi byabo dutuyemo (Yohana 17:16), ibyo bikabanzirizwa no guhinduka mu mitekereze yacu (Abaroma 12:1-2). Imana ishaka kuvugurura imyumvire yacu (Abafilipi 2:5, 2 Abakorinto 10:5).
- d. Imana irashaka gusenya inkuta zitandukanya abagize umuryango w'abizera (Abefeso 2: 14-18). Iduhamagarira kwakira ibituranga bishya mw'Ishyamba ryera (I Petero 2:9) no kwerekana urugero rw'imibanire ihebuje izira amacakukiri ayariyo yose.
- e. Aho Itorero ryagaragaje gutandukira no kutuzuzura inshingano zo kuba umucyo, umuhanuzi n'umurinzi w'igihugu, bigatuma 'tumera nk'abandi,' abanyetorero basabwa guhagarara mu cyuho no gusaba imbabazi. Ibi ntibikuyeho ko umunyetorero wagize intege nke agomba kwisabira imbabazi ku giti cye. Tugomba kureka urwitwazo rwo kuvuga ko bamwe mu bakoze amahano bari Abakristo kw'izina gusa kuko nabo batwitirirwa.
- f. Imana ishaka ko tuba umuryango urangwa n'urukundo (Yohana 13:34-35, Abaroma 12:9-21, Abakolosai 3:12-14, 1 Abatesalonike 3:12, 1 Petero 1:22). Urukundo ni intwari ikomeye mu komora ibikomere.

## **In box:**

### **Ibyiringiro ni iki?**

Ibyiringiro by'ubugingo bw'iteka mw'ijuru: Nyuma y'ubu buzima hari ubundi. Imana yateguriye abayizeye aho bazaba heza cyane kurusha hano kw'isi (2 Abakorinto 4:17-18)! Kumenya ibi, bituma twihanganira imibabaro ya hano mw'isi, Imana ikaduha kuba twagira ibyishimo no gihe kidukomereye cyane.

Ibyiringiro by'uko ejo hazaza haba heza tukiri mw'isi. Imana ishaka itorerero rigira umwete wo kwamamaza ubwami bw'Imana (Ibya Imana ishaka bibeho mw'isi) kugira ngo imibereho y'abantu irushaho guhinduka myiza. Ntidukwiye guhora twizeza abantu ko bazabone ibyiza ari uko bageze mw'ijuru!

- g. Imana irashaka ko itorerero rihinduka umuryango. Ibi bifasha cyane aho abantu benshi bagiye batabwa n'imiryango yabo kubera ukwizera kwabo, abandi bakagirwa abapfakazi n'impfubyi. Imibanire myiza mw'itorero ishobora gutuma ba bandi badafite ubitaho bagira abantu bagira uruhare mu buzima bwabo basimbura abo babuze (ababyeyi, abana, abavandimwe,...Zaburi 68:6, Yohana 19:27, Abefeso 2:19, 1 Timoteo 6: 1-2, Abaheburayo 2:11).
- h. Itorero risabwa kuba ahantu abantu bavoma ibyiringiro biva ku Mana (Abaroma 15:13). Uko ibihugu bihindukirira Imana, nayo itanga ibyiringiro (Matayo 12:21), kuko umugambi w'Imana ku bantu ari mwiza iteka ryose (Yeremia 29:11).
- i. Itorero rifite inshingano yo kuba umuhanuzi (ijwi ry'Imana) aho rituye no mu gihugu. Bivuga ko rigomba kwamagana akarengane akariko kose rivuganira abatagira kivugira, rikerekana ubushake bw'Imana ku gihugu.
- j. Itorero rigomba kugaragaza imiyoberere myiza (ubuyobozi bukorera abandi: Matayo 20:25-28), Yohana 13:12-17, Abafilipi 2:3-8), ndetse rikirinda umuco wa ruswa no kwikubira (Yakobo 3:13-18).

## **2. Uburyo itorerero ryakoresha kugira ngo rigire uruhare mu komora ibikomere no kuzana ubwiyunge mu gihugu.**

Urigusoma ibitekerezo n'ibibazo, wakwandika ibyo itorerero ritarakora neza, utekereza ku nzitizi, utekereze n'icyakorwa kugira itorerero rishobore kuba umucyo n'umunyu koko.

Ni iki wakora kugira ngo ufashe abanyetorerero kubona uruhare rwabo no kurwinjiramo?

Hari izindi nama watanga?

### ***Ugukira ibikomere:***

Wasura incike, impfubyi n'abapfakazi, abacitse intege n'abatakaje ibyiringiro

Washishikariza abantu kuganira ku byababayeho n'ingaruka bibafiteho

Usengere abagikomeretse kugira ngo bature Yesu umubabaro wabo

Wigishe abayobora abanda mw'itorero kugira ngo bafashe abandi

Ukoreshe amahugurwa y'Isanamitima mu banyetoro

Ukangurira abasengera mu byumba cyangwa mu matsinda mato gutega amatwi mu rukundo no gusengera abababaye.

Ureme amatsinda y'abahuje ingorane (abapfakazi, impfubyi, ababana n'ubumuga) kugira ngo bajye bahura basengerane, bagirane inama kandi bamwe bafashe abanda.

### ***Ukoreshe izi nyigisho mu kubwiriza***

Werekana ko Imana ifitiye impuhwe abababaye

Ujye ubwiriza ko Yesu akiza ibyaha, agakiza n'intimba

Ubwire abantu kuzana imibabaro yabo ku musaraba

Ubwirize abantu ibijyanye no kubabarira nyakuri

Ubwirize abantu ko muri Kristo twahawe ibituranga bishya mw'ishyamba ryera

Ubwirize abantu kurenga imipaka y'amatsinda babarwamo bakaba umuryango w'urukundo, uzira amacakubiri

### ***Gufasha abatishoboye***

Abanyetoro bashobora guteranye inkunga bagafasha cyangwa bakaremera abatishoboye

Abanyetoro bashobora gushyira amatsinda yo kwiteza imbere ahuriwemo n'abatuye aho bakorera;

### ***Ubwiyunge***

Wigishe abantu umugambi w'Imana ku mibanire y'amatsinda atandukanye

Usengere igihugu kandi ubishishikarize abanda

Uhagarare mu cyuho usaba imbabazi z'ibyaha byakozwe kandi utandukanye n'amacakubiri

Ushakarize abanyetoro kubana n'abantu bose amahoro no kwakira bose nta vangura

Ubigire intego gufasha no kubera umugisha abo mudahuje

Wamagane akarengane kandi werekane urugero rwiza rw'ubunyangamugayo

Mube intangarugero mw'itorero mu mibanire myiza nubwo mudahuje byose

Uvuganire abo mu yandi matsinda mu gihe abo muhuje babavuga nabi

Ushyigikire abagiye kurushinga nubwo baba badahuje

Niba uri mu kindi gihugu, wakwiga kuvuga ururimi rw'abo utuyemo n'ibigize umuco wabo, bitavuzako wataye uwawe!

### 3. Itorero risabwa kuba urumuri!

Igihe kirageze ngo itorero rihaguruke, rimurike, kandi risohoze inshingano yo kuba umucyo w'isi. Nibwo abandi bazagana umucyo waryo (Yesaya 60:3)! Bazamenya ko Imana iri hagati mu bwoko bwayo, kandi inzira zayo zigana mu buzima (Zekariya 8:23).

#### **Kubiyerekezaho**

Ibyiringiro ufite ko itorero rishobora kuzana ugukira no kwiyunga mu gihugu cyawe bingana iki?

Ni uruhe ruhare wabigiramo wowe ubwawe?

#### **Incamake**

Itorero ryakize nibyo byiringiro byo gukira kw'igihugu

Uko itorero ryinjira mu nshingano zaryo, niko igihugu kirushaho gukira

Buri muntu ashobora kugira uruhare rwe

# Umugereka

## Umugereka

### A. Ibitekerezo byimbitse ku 'mibabaro n'urukundo rw'Imana'

Intego z'iki cyiciro ni ugusesengura mu Byanditswe tukarushaho gusobanukirwa isano riri hagati y'umudendeze w'umuntu wo gukora icyo ashaka n' ubwami bw' Imana. Tuzareba ibitekerezo bitandukanye kuri iyi nyigisho n'icyo Bibliya ibivugaho.

#### **Ese ibibera mu isi byose ni ubushake bw'Imana?**

Mu itangiriro igice cya 1 n'icya 2, tubona ko umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana ahabwa n'uburenganzira bwo kwihitiramo ibyo ashaka. Imana ntiyahatiye umuntu gukora ibyo ishaka ahubwo yagirana nawe umubumo ushingiyeye ku rukundo n'umudendeze.

Zaburi 115:16 hagira hati, 'Ijuru ni iry'Uwiteka, ariko isi yayihaye abantu.' Imana yaduhaye uburenganzira bwo kubungabunga iyi si no gutegeka ibiyiraho byose. Umugambi wari ukubaho tuyubashye tugasohoza imigambi yayo hano ku isi. Ariko umuntu yigometse ku Mana ahitamo kubaho mu bwigenge. Soma itangiriro 3 urebe ingaruka ziteye ubwoba hanyuma utekereze ku byiyumvo Imana yaba yaragize.

Imana yanga akarengane iyo kava kakagera, bityo rero ntiyaba nyirabayazana wako (Imigani 6:16-19; Zekariya 8: 16-17; Zaburi 5:6; 50:16-21). Ntishimishwa n'urupfu urwo arirwo rwose (Ezekiyeli 18:32; 33:11). Yanga ikibi, ntiyanakoshya umuntu kugikora (Yakobo 1:13). Ahubwo umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka bikaba byanamurimbura (Yakobo 1:14-15).

Ntitugomba kuyobywa. Imana yonyine niyo iduha impano nziza kandi itunganye (Yakobo 1:16-17). Ntuhinduka uko yahoze na n'ubu niko iri ntihindurwa n'iminsi. Twizere ugushaka kwayo. Imana ni umucyo, nta mwijima muri yo (1 Yohana 1:5; 2:16).

Tekereza ku magambo ari muri Yeremiya 29:11-13<sup>1</sup>. Ni iki Imana ikubwira? Ni iki ibwira umuryango wawe? Ni iki ibwira igihugu cyawe?

#### **Ibitekerezo byagaragaye kenshi**

Mu mitima yacu hashobora kuba hakiri ibibazo n'ibitekerezo bivuguruza.

#### **Imana imenya ibigiye kubaho kandi biba biri mu bushake bwayo**

Ibi abantu bakunze kubivuga, ariko kuba Imana izi byose ntibisobanuye ko ari ubushake bwayo. Akenshi ubuhanuzi bwatambutse nk'imbuzi, bwiringira abantu kwihana (Reba Yeremiya 18:7-10). Nenewi hatubera urugero rwiza nyuma y'uko Yona amaze kuhabwiriza.

Muri iki gihe mu Rwanda, abayobozi b'inzego za gikirisitu bazi neza ko batabyitwayemo neza igihe babonaga inzozu ndetse n'amayerekwa y' imibabaro myinshi ndetse n'imivu y'amaraso itemba. Babifashe nk'ibitari kugira icyo byakorwaho ngo kuko Imana yari yabigennye ityo. Ariko ubu bazi neza ko Imana yababuriraga ishaka ko babisengera bikanitanga bakarwanya imigambi mibi y'abayobozi mu nzego za Leta zariho icyo gihe.

Muri Yesu niho tubonera neza cyane umutima w'Imana. Muri Luka 13:34, Yesu yitegeye umujyi wa Yerusalemu aravuga ati, 'Ni kangahe nashatse kubundikira abana bawe nk' uko inkoko ibundikira imishwi mu mababa ntimunkundire!' Rwose, Imana icyo ishaka ni urukundo n'uburuzi kuri twe. Yesu arira agira ati: 'Uyu munsi nawe, iyo umenya ibyaguhesha amahoro, ariko noneho bihishwe amaso yawe (Luka 19:42)'.

Ni nde uguhumye amaso? 2 Abakorinto 4:4 haratubwira ko ari Satani, umwami w'isi. Yesu yababwiye 11Ibi ntibyabwiwe intungane zakoze ibiboneye gusa, ahubwo byabwiwe abantu bari mu buhungiro barigometse. Niba byarashobotse Imana ikabibabwira, nitwe ibibwira ubu.

icyabagarurira amahoro- gukunda abanzi babo no gusabira imigisha abisha babo. Ariko bahinyuye ubu butumwa bitegurira intambara. Yesu yari azi neza ko amahitamo yabo yari kubagiraho ingaruka. Nubwo Yesu yashoboraga kubivuga mbere y'uko bibaho, uburyo yabivuzemo bugaragaza neza ko atari icyo yashakaga.

Mu myaka ya za 70 mbere ya Yesu habaye kurwanira ubutegetsu i Roma. Abayahudi bageraje kurwanya abanzi babo (abarama) ariko baratsindwa. Yerusalemu harasenyuka bikabije; inzirikarengane z'abana zirahagwa haba imibabaro iteye agahinda. Imana birayibabaza. Igihe abayobozi mu gihugu batumviye ijwi ry'Imana, inzirikane nyinshi zirahagwa. Ibi rero si ubushake bw'Imana – birayibabaza kubona ubwoko bwayo bubabazwa ku bw'ubuyobozi budakiranuka. Abayobozi b'igihugu bafite inshingano zo kurengera abaturage bacyo.

### ***Ibya Yobu byotwabivugaho iki?***

Abantu bafatira urugero kuri Yobu bagaraza ko ibyamubayeho byari ubushake bw'Imana. Reka twongere turebe icyo Ibyanditswe bibivugaho. Cyari igitekerezo cya Satani ntabwo cyari icy'Imana kugirango yobu ababazwe. Imana yarimo kwishimira Yobu, Satani ikavuga ko Yobu yubahaga Imana kubera imigisha. 'Ndaguhamiriza ko atazongera kugukorerwa ukundi, iriya migisha uyimunyaze.' Imana nayo igira iti, 'Oya, ibyo ntibishoboka.' Satani nayo iti, 'Urutinye ukuri kubera ko ibyo mvuga byose ari ko biri. Ntwagukurikira atabibonamo inyungu z'imigisha.'

Nubwo byababaje Imana, yaretse Satani iramugerageza, yizeye yobu ko azatsinda ibigeragezo atihakanye imana. Nta muntu n'umwe wigeze amenya ibi birego bya Satani. Inshuti za Yobu zo zavugaga ko yaba yarakoze icyaha ariko akababwirira ari umukiranutsi mbere y'Imana. Inshuti ze ntizari zizi ibiri kubera mu bwami bw'ijuru.

Ariko nyuma Imana yaje kubonekera Yobu, ariko Imana ntiyabimusobanurira byose. Imana ntiyari kumubwirira ngo, 'Satani arimo kukugerageza hagarara kigabo!' Yobu niwe wagombaga kwihitiramo ntawe umubwirije ngo ahitemo kwizera Imana. Imana igira iti, 'Yobu, Ndi Imana yaremye byose. Uranyizera? Yobu yemeza ko yakundaga Imana, satani icecekesha ityo kubw'instinzi ya Yobu.

### ***Ibya Farawo byo twabivugaho iki?***

Abantu na none bakunze gufatatira urugero ku byabaye kuri Farawo berekana ko imihitiramo yacu igengwa n'Imana. 'Nanjye nzanangira umutimawa Farawo' (Kuva 7:3-4). Ariko imirongo ikurikira uyu yerekana ko Farawo ariwe wifatiye ibyemezo (Kuva 7: 14; 8:32). Tugumye tugasoma inkuru y'ibyorezo, ahantu ha mbere herekana Imana inangira umutima wa Farawo ni mu Kuva 9:12 bigaragara ko ibi byabayeho nyuma y'aho Farawo ubwe yinangiye umutima inshuro nyinshi yanga gukora ibyo Imana yamusabaga. Muri Zaburi 95:8 (No mu Baheburayo 3:8;4:7 habisubiramo) hagaragaza ko ukwinangira imitima kutubuzza imbabazi z'Imana. Wenda uburyo bwiza bwo kumva ibyabaye kuri Farawo ni uko Imana n'ubundi yahamije ibyo we ubwe yari yihitiyemo maze igakoresha uburyo bwose bushoboka bwo kwerekana imbaraga zayo zikomeye ku mana z'Abanyegiputa.

### ***Ese twumva ibyanditswe dutse nko muri Yesaya 45:7?***

Yesaya 45:7 hagira hati, 'Nijye urema umucyo nkazana n'umwijima, nkazana amahoro n'amakuba, Jye Uwiteka nijye ukora ibyo byose.' Aha niho haturuka ibitekerezo bya bamwe bemeza ko ibibi bituruka ku Mana. Bizera ko Imana ariyo yohereza ibyiza n'ibibi none ubwo ninde wayizera? Iyi myizere ishinjura umuntu ku kuba nyirabayazana w'ibikorwa bye byose.

Reka dusuzume uyu murongo. Ese waba uvuga ko Imana ariyo nyirabayazana y'ibyaha byacu? Ariko twabonye ko icyaha cyacu ari ukwigomeka ku bushake bwayo. Reba ubwigomeke Adamu yagize mu itangiriro 2:16-17, 'wemerewe kurya imbuto zose zo muri ubu busitani ariko ntuzigere urya ku giti kimenyeshya ikibi n'icyiza, nukiryaho no gupfa uzapfa.' Urumuri n'umucyo biratandukanye ariko Adamu yihitiyemo umwijima bityo bikurikirwa n'amakuba.

Ese ni gute umwijima uza mu cyumba? Ntidushobora kubona umwijima igihe umucyo ugihari kabone niyo twakoresha uko dushoboye tukawutangira. Umwijima uboneka gusa igihe dukuyeho umucyo. Umwijima ni ukutahaba k'umucyo. Imana yohereje umucyo wayomu isi ariko abantu bawurutisha umwijima (Yohana 3:19). Iyo abantu banze umucyo, Imana irawisubiza bityo umwijima ugahamaho. Ni muri ubwo buryo Imana itwereka inzira y'amahoro n'imigisha. Ariko tuyanze, Imana yisubiza imigisha hagakurikiraho ingaruka z'amakuba. Igihano gikabije kuba kibi ni igihe Ima yadukuyeho ikiganza cyayo iturindishije. Ibi bigaragara cyane mu Baroma 1: 'Imana irabareka.....' kugirango baterwe ubwoba n'amahitamo nganabyaha bagize. icyaha kigira ingaruka mbi, kuko byanditswe ngo'ibihembo by'ibyaha ni urupfu'(Abaroma 6:23).

Nk'uko mu nkuru y'umwana w'ikirara, Imana ishobora kwemera ko dukora ibinyuranye n'ibyo itwifuriza kugirango twibonere ingaruka zo guhitamo kwacu kutari ko kugirango tuyigarukire.

### ***Kuki Imana igoboka hamwe na hamwe ahandi ntihagere?***

Isengesho ni iry'agaciro. Iyo dusenga tuba dutumira Imana ngo ize mu buzima turimo. Iyo ubwoko bw'Imana busenze Imana irakora (2 Ibyo ku ngoma 7:14).

Mu itangiriro 1:28, itubwira ko dufite ubutware ku biri mu isi byose.' Isi yayihaye abantu' (Zaburi 115:16). Imana ihitamo kutihatira kuza mu buzima turimo ahubwo igategereza ko tuyambaza tubinyujije mu masengesho. Ishaka ko dukorana. Isengesho ritubera umwanya mwiza wo kwiga uko twayoborana n'Imana. Mu ivanjiri ibitangaza byinshi byabaga igihe abantu babaga bagize ukwizera bakegera Yesu.

**Ariko** hari igihe abantu basengaga ntibagire igitangaza babona. Ibi biragoye kubyumva, ariko mu byanditswe tubona ko abantu bose atariko barokorwa ibyago. Mu byakozwe n'intumwa 12 :2-11, tubona ko Yakobo yiciwe muri gereza ariko Petero akahakirira mu buryo butangaje. Bamwe bavugaga ko byaba biterwa n'ukwizera dufite uko kungana, ariko mu Baheburayo 11 siko habivugaga. Nubwo ahenshi mu gice cya 11 cyo mu Baheburayo havugwamo ibitangaza byavuye mu kwizera, guhera ku murongo wa 35b gukomeza imbere tuhasanga uburyo abantu bagiye babazwa ariko ntihagire igitangaza kiba. Ntitwavugaga ko bari bafite kwizera gucye kuko ku murongo wa 39 hagira hati, 'Abo bese ubwo bamaze guhamywa neza kubwo kwizera kwabo, nyamara ntibahabwa ibyasezeranjwe.' Mu Byahishuwe habisobanura neza havugaga ko byakwitwaga guhorwaga Imana. Haracyari amayobera menshi ndetse n'ibibazo bidafitiwe ibisubizo kuri ibi bibazo. Imana ntiduha ibisubizo byose ahubwo idusaba kuyizera.

Icyo tuzi neza gusa ni uko Imana itigeze ikunda abantu batigeze bababazwa kuruta ababajwe. 'Urupfu rw'abakunzi be ni urw'igiciro cyinshi mu maso y'Uwiteka' (Zaburi 72:14; 116:15). Imana izarinda ubugingo bwabo kugeza ku bugingo buhoraho (Yohana 12:24-26).

## B. Kumenya Data wo mu ijuru utangaje

Yesu aravuga ati, ‘Iyo mumenye, na Data muba mumumenye’ (Yohana 8:19; 14:7,9). Niwe shusho y’ Imana itaboneka(Abaheburayo 1:3). Imana Data niwe Yesu!

Iga iyi mirongo ikurikira bizagufasha gusobanukirwa Data uwo ariwe:

- Aradukunda – Yeremiya 31:3; Yohana 13:1; 16:27; Abefeso 5:1;1 Yohana 3:1
- Atugirira impuhwe – Zaburi 103:13; Matayo 9: 36; 14:14; Luka 15:20; 2 Abakorinto 1:3
- Aratwishimira – Zaburi 147:11; 149:4; Imigani 8:30-31; Zefaniya 3:17
- Adukunda nta kiguzi ategereje – Abaroma 9:16; 11:6; Tito 3:4-7
- Yaradukunze ku buryo yadupfiriye – Yohana 15:13; Abaroma 5:8
- Atwitaho – Gutegeka kwa kabiri 32:10-11;1 Petero 5:7
- Atwita inshuti ze – gutegeka kwa kabiri 33:12; Yohana 15:13-15;Yakobo 2:23
- Turi abe aduhamagara mu mazina yacu – yobu 29:4; Yesaya 43:1-2; Yohana 10:14,27
- Turi kumwe iminsi yose – Gutegeka kwa kabiri 31:8; Zaburi 34:15; 139:16; Matayo 28:20
- Aratwiyegereza akatwitaho Zaburi 27:10; Hoseya 11: 1-4
- Araduhumuriza iyo turi mu magorwa – Zaburi 23:4; 71:21; 94:19; Yesaya 51:12; 2 abakorinto 1:3-5
- Aradutinyura – Yesaya 41:8-31; Luka 12:32
- Aratwihanganira - Zaburi 103:8; Matayo 11:29; 2 Abakorinto 10:1; 1 Timoteyo 1:16; 2 Petero 3:9
- Yumva ibyo dukeneye akaturambikaho ibiganza – gutegeka kwa kabiri 33:12; Yesaya 40:11; Mariko 10:16
- Aratuyobora – Zaburi 32:8; Yesaya 48:17; Yohana 8:12; 14:26
- Araduhaza – Zaburi 23:1; 34:9-10; Abafilipi 4:19; 1 Timoteyo 6:17
- Yishimira kuduha impano nziza – Yeremiya 32:40; Luka 11:13; Yakobo 1:17
- Ni nziza kandi ni inyambabazi – Zaburi 86 :5; Yeremiya 9 :24; Mika 7 :18-20; Abefeso 2:7
- Iraduhugura kubera ko idukunda- Yeremiya 46:28; Abaheburayo 12:5-11
- Atwereka urukundo rwa kibyezi – Yesaya 49: 15-16;66:13; Zaburi 27:10

Mu by’ukuri buri muntu wese akumbuye kubona umubyeyi nk’uyu!

## C. Ibyerekeye ihungabana no gupfusha

### *Icyo abahanga bavuga ku ihungabana n'ibimenyetso biriranga*

Ubumenyi bwacu ku bimenyetso biranga ihungabana n'ibyakusaniywe mu bushakashatsi twakoreye ku isi hose. Byagaragaye ko abantu bose bagira imyitwarire imwe iyo bagize ihungabana uko ryaba rimeze kose. Ni imyitwarire isanzwe mu gihe kidasanzwe.

### **Ibimenyetso by'ako kanya by'ihungabana**

#### ***a. Ibigaragarira amaso (ku mubiri)***

- Ukwihuta k'ugutera k'umutima
- Ukwivumbagatanya mu gifu (kuruka no guhitwa)
- Guhinda umushyitsi
- Kubira ibyuya
- Umunaniro

#### ***b. Ibijyana***

##### ***n'amarangamutima***

- Ubwoba, guhangayika
- Umubabaro, agahinda
- uburakari
- Ukwiheba

#### ***c. Ibitagaragarira amaso (Imitekereze)***

- Guteshaguzwa
- Ibitekerezo byisubiramo nko kubaza ngo, 'njye nzahindurwamo iki?'
- Kunanirwa gutekereza neza, ahubwo agatwarwa n'ibitotsi

### ***Ibimenyetso nyuma y'igihe biranga uwahungabanye***

- Guhora yibuka ibyabaye
- Kubura ibitotsi no kugira inzosi ziteye ubwoba
- Gushikagurika no kugira ibisubizo bitunguranye
- Kongera guhungabana (iyo habaye ikimwibutsa icyamuhungabanyije)
- Kwirinda icyatuma yibuka icyamuhungabaniye
- Kutagira ikimushishikaza
- Kwicuza icyatumye asigara abandi barapfuye
- Kumva ko nta kintu kibaho gishimisha

Icyagaragara cyose muri ibi bivuzwe hejuru cyaba ari ikimenyetso cy'ihungabana.

Urugero ihungabana ririho rwerekanwa Na:

- Ingano y'ibimenyetso bimaze kuvugwa hejuru
- Ubwigaragaze mu nshuro bw'ibimenyetso bivuzwe hejuru
- Uburyo ibimenyetso bivuzwe ruguru bihembera imico idakwiye mu buzima bwa buri muni (nk'urugero kureba niba abo bagishoboye kwiyitaho cyangwa bakeneye ugufashwa n'abanyamuryango, kureba niba bagishobora kujya ku kazi, n'ibindi)

### ***Ibimenyetso bigaragaza uko uwahungabanye azamera***

#### ***Ibigaragara inyuma***

- Ese ibyamugoye byamaze igihe kingana iki?
- Ese yabonye ubuhe bufasha haba ubuvuye mu muryango cyangwa ahandi?

#### ***Iby'imbere***

- Umutuzo w'imbere (uterwa n'ibyo twagiye duhura nabyo mu mikurire yacu)
- Imigirire (hari abantu bagerwaho n'ingaruka z'ibibaye ako kanya kurusha abandi)
- Kwizera Imana
- Ukuba harigeze kubaho ihungabana n'ingaruka ryagize ku muntu
- Amateka ashingiye ku muryango ku bijyanye no kurwara indwara zo mu mutwe

### ***Uko twafasha uwahungabanye***

Abahungabanye bavugira mu mitima yabo ibibabaje, ariko kugirango bavuge ni ngombwa ko hagira ubatega amatwi kuko birabafasha!

#### ***Ibyitabwaho mu gihe cyo kubatega amatwi***

- Kubashihikariza kuvuga ibyababayeho byose buri kantu, uko byabamereye n'ingaruka byabagizeho.

- Kubaha umwanya uhagije no kwita kubyo bavuga.
- Kubahanga amaso kandi agaragaza impuhwe igihe bavuga.
- Kugaragaza ikinyabupfura.
- Kubaza ibibazo kugirango inkuru isobanuke neza –mu gihe nta kibazo ceceka!
- Kubareka bakagaragaza uburakari n’ishidikanya ntihagire ubugororangingo butangwa.
- Kubareka bagasuka amarira.
- Kutareba ku isaha, kutayura, cyangwa kureba mu idirishya.
- Gutanga inama igihe ubisabwe gusa.
- Igihe barangije kukubwira inkuru, kubahumuriza no kubaha icyizere.
- Kubabashikariza kwikoreza imibabaro yabo Yesu.

### **Ibyerekeye gupfusha n’ikiriyo**

Nk’ uko ihungabana rigira ibiriranga, gupfusha nabyo bituma imyitwarire n’imigirire bihinduka mu buryo butandukanye. Imigaragarire y’agahinda itandukana bitewe na:

- Uburyo urupfu rwatunguranye
- Imiterere y’ urupfu, cyane cyane nk’iyo rwabaye nyuma yo kubabara gukabije cyanga imyivumbagatanyo
- Imibanire ya nyakwigendera n’abasigaye (nk’urugero niba ariwe wari ubabeshejeho, cyangwa asize amakimbirane)
- Niba hari ibindi bihombi nyakwigendera yigeze agira cyane cyane mu bwana
- Niba hari ibyamugiyeho bafasha nyakwigendera
- Niba gushyingura nyakwigendera byarashobotse
- Umubare w’abo mufitanye isano umaze kwitaba Imana

### **Imyitwarire y’uri mu gahinda ko gupfusha**

#### ***Ishegeshwa, ukutemera ko ibyabaye ari ukuri, kugira ibinya***

Iyi myitwarire ikurikira igaragara igihe urupfu rwabaye rutunguranye

- Kutemera ko byabayeho koko
- Kugumya kumva ko ibyo uri kubona ari inzozo mbi wagize uri buze gukanguka
- Kumva ko nyakwigendera wenda yaba agihari (kubera ko imitekerereze itemera ibyabaye)

#### ***Ibigerwaho***

- Ibyiyumvo by’igihombo no gukumbura nyakwigendera
- Kubika ibintu by’agaciro bya nyakwigendera

- Agahinda kenshi (gashobora kumara imyaka myinshi)

### ***Uburakari***

- Ku bateje urupfu, igihe rwatewe n’ubwicanyi
- Ku baganga batakoze ibisabwa
- Ku Mana yemeye ko bibaho
- K’uwagiye akabasiga, nubwo baba bazi ko gutekereza gutyo atari iby’ukuri
- Kuri we ubwe, yishinja amakosa

### ***Ukwishinja n’ukwicuza***

Iyo nza.....

- kuba naragize icyo nkora kirenzeho
- kugira icyo mbikoraho mu buryo bwihuse
- biza kuba mpari
- kuba naramubereye inshuti nziza, umwana, inshuti, umukobwa, umubyeyi, mwiza n’ibindi
- kuba naramusezeye uko bikwiye
- kuba ntarasigaye- ‘Kuki nagumya kubaho badahari?’

### ***Imihangayiko***

- Nzabaho gute ntamubona?
- Nzatumwe n’iki adahari?
- Ubwoba bwo guterwa n’imyuka y’uwapfuye

### ***Imyitwarire igaragarira amaso***

- Umunaniro ukabije- nta ngufu zakora na kimwe
- Kutita ku murimo runaka no gukomeza kurwana nintekerezo za nyakwigendera
- Uburwayi (buterwa nuko umubiri watakaje ubudahangarwa kurwara biza igihe dufite agahinda)

### ***Ukutagira icyo yitaho no gutakaza icyizere***

- Ugutera icyizere ahazaza – ‘ibintu bimaze iki?’
- Ukudashishikarira kugira icyo akora

### ***Ukwiyakira***

Dutangira kwiyandayanda na none tukongera kwiyubaka aho bishoboka.

Igihe turi mu gahinda ntabwo ari ko iyi myitwarire itugaragaraho uko ikurikiranye uku, kuko hari n’ubwo dushobora kugaragarwaho na myinshi mu gihe kimwe. Iyi myitwarire yose tuyinyuramo bigenda byanga ubundi bigakunda kugeza ubwo twiyakiriye.

### **Icyo uri mu gahinda aba akeneye**

- Kurira akerekana agahinda ke, umubabaro we n'uburakari. (Imico ibigaragaza mu buryo butandukanye)
- Gusubira mu byabaye, kuvuga buri kantu kerekeranye n'ibyerekeranye n'urupfu ubudahagarara.
- Gusezera kuri nyakwigendera akamwifuriza iruhuko ridashira mu bwami bw'Imana.
- Gufashwa kugeza kuri Yesu ukwihana kwabo ubundi bakababarirwa.
- Kubafasha ko iyo myitwarire isanzwe ntibumve ko bataye ubwenge bakumva ko bizagenda bishira.
- Kubemerera imfashanyo mu gihe cy'ahazaza ndetse no kugira ikibakorerwa aho bishoboka.
- Niba gushyingura bitarashobotse byaba byiza habayeho igihe cyo kwibuka. Na none mu bihe nk'ibyo hariye hashyirwa indabo ku gituro cya nyakwigendera byafasha.

### ***Igihe kibi cyane cyo gucamo***

Igihe bitazwi neza niba umuntu ariho cyangwa niba yarapfuye, ntibitworohera gufata umwanzuro wo kugira agahinda cyangwa kugumya kwizera ko akiriho. Ntibidushobokera kugira amarangamutima tugaragaza. Icyo dukora gusa ni ugushyira mu biganza by'Imana uwo muntu wabuze yaba ariho cyangwa atariho. Abantu bari mu gihe nk'iki baba bakeneye gufashwa bya hafi n'itorero.

## D. Gukiza ibikomere by'imbere mu mutima

Uwiteka ku bafite imitima imenetse akabakiza ibikomere byabo (Zaburi 34:18; 147:2-3; Yesaya 61:1-4; Luka 4:18). Ugukiza ibyago n'amakuba si ugutanga inama. Aradukikira akatubwira amagambo y'ubugingo kuri twe. Ibi Imana ntibikorera mu bwihisho kuko ikoresha itorerero- 'musabirane kugirango mukizwe' (Yakobo 5:16).

### *Ni gute nakira ibikomere by'ibyho nibuka bibabaje?*

- Suka imibabaro yawe hasi. Muri Zaburi Dawidi agaragaza yivuye inyuma ibyiyumvo bye. Bwira Yesu byose bikugoye (Zaburi 42:3-4; 62:8).
- Emerera Yesu akwikorere imibabaro yishyireho n'intimba zawe (Yesaya 53:4). Shyira amarira yawe mubiganza by'Imana (Zaburi 56:8). Yumva ububabare bwacu.
- Umvira ijwi ry'Imana (Yohana 10:27). Yihamagare igihe uri mu mibabaro (Yesaya 43:1-2; 63:9). Umva kugiraneza kwayo (2Abakorinto 1:3-4). Akira ijambo ry'ubugingo – ukuri niko kuzababatura (Yohana 8:32).
- Ihane imyitwarire mibi uterwa n'ibikubabaza mu buzima- indahiro, guca imanza, ugushaka kwihorera, imyizerere ipfuye. Sengera ubucakara (Zaburi 51:6; Abaroma 6:16; 14:10-13; Abaheburayo 12:15).
- Egera Imana ikugirire ubuntu ikubabarire. Ukutababarirwa kwakumerera nk'imigozi ikuboshye umutima. Nubabarira uzabaturwa (Matayo 5:43-48; Mariko 11:25; Luka 6:27-37; Abaroma 12:14; 17-21; abefeso 4:32; Abakolosayi 3:13).
- Akira urukundo rw'Imana uko bwije n'uko bukeye. Emerera ijambo ryayo rikugire mushya (Yeremiya 31:3; Zefaniya 3:17; Yohana 14: 21; 2 Abakorinto 4:16).
- Sabira imigisha abandi ubafashe gukira ibikomere (Yobu 42:10; Abafilipi 2:4; Yakobo 5: 16).
- Mera nka Yozefu kuko Imana ishobora kukubyariza inyungu aho wagiriye imibabaro (Itangiriro 41:52).
- Mera nka Yobu na none 'uzavemo umeze nk'izahabu' (Yobu 23:10). Muhe Imana icyubahiro!

## Gukorwa n'isoni

Nubwo abantu bikoreza Yesu ibyaha bishinje n' imibabaro yabo, birashoboka ko basigara bakozwe n'isoni. Bikaba rero ari ngombwa kureba icyo Imana ivuga ku gukorwa n'isoni.

Birakwiye ko tumenya ko iyi nteruro, 'Ntibakorwe n'isoni' ariyo magambo ya nyuma yabwiye umugabo n'umugore mbere yo kugwa (Itangiriro 2:25). Ukwambara ubusa ntikureberwa gusa mu kwambara ubusa tubonesha amaso; kugararagaza na none ukudahishanya, ukuri, guhanahana amakuru n'ubucuti.

Ugukorwa n'isoni gushobora kuzanwa no gukora icyaha cyangwa kugikorera. Ntaho bihuriye no kumva hari icyo wishinje. Ukwishinje bisobanuye, 'Ndumva narakoze ibidakwiye'. Ugukorwa n'isoni bisobanuye, 'Hari aho ntitwaye nza.' ntabwo binkwiye nk'ikiremwanuntu.

Ukwishinje kujyana n'icyakozwe naho ugukorwa n'isoni kujyana n'uwo uriwe (ubumuntu); kujyana

n'ubumenyi imbere mu mutima. Hari ibintu Imana itaduhishuriye – niyo mpamvu itashatse ko turya ku giti kimenyesha ikibi n'icyiza.

### ***Ugukorwa n'isoni k'umumaro n'ukutari uk'umumaro***

Habaho ugukorwa n'isoni k'umumaro igihe twakiraniwe ku Mana. Yatangajwe no kuba ubwoko bwayo nta soni bwagize igihe bwakoraga ibizira (Yeremiya 8:12). Habaho ugukorwa n'isoni kutari uk'umumaro igihe kudushyirwaho kubw'icyaha cyakozwe n'undi.

### ***Inkomoko yo gukorwa n'isoni***

- Imigaragarire mboneshwamaso (ishusho, aho utandukaniye n'abandi)
- Inkomoko (umujiyi, amateka yawe, ubukene)
- Amateka y'igihugu (kuba nta budahangarwa, kwambura uburenganzira abandi)
- Ihohoterwa (Urwango, gufatwa ku ngufu, ifata ku ngufu ku bana)
- Kubika amabanga (kugirwa umubitsi w'amabanga cyane cyane ayerekeye ibitsina, ubunyendaro, ikimwaro gishingiye ku muryango, ukwemezwa icyaha kigeze gukorwa kera)

### ***Ingaruka zo gukorwa n'isoni n'uburyo tugerageza kwiyakira***

Reka turebere hamwe uburyo Adamu na Eva bagerageje kubwitwaramo ubwo isoni zabakoraga.

1. Kwihisha – kugerageza, bya nta kamaro, kwambara amababi (Itangiriro 3:7).
2. Kwihisha mu bihuru – Imana irabaza iti, 'Uri he? (Itangiriro 3:8-9)- Ikibazo kigaragaza ko bari bamenye ko bambaye ubusa. Ntiyakibajije kubera ko itari ibizi ahubwo kobo batari babizi. Muntu yatangiye kwihisha kuva ubwo! Ntidushobora kurebana n'Imana amaso ku yandi.
3. Ubwoba bwo kwigaragaza - 'Ntinyishwa.....' (Itangiriro 3:10).
4. Kwikuraho ikimwaro – 'Sijye ni umugore wampaye .....
5. Kutimenya – 'Ni nde wakubwiye?' Imana ntiyari yigeze ibibabwira! Ibinyoma byo kutimenya by'ukuri byavuye mu butumwa butari bwo bari bahawe.
6. Gucirwaho iteka no kugira icyangiro (kubera kutitwara neza).

Ugukorwa n'isoni si ukwa none gusa. Gushobora kuba ku bwoko dukomokamo.

### ***Kwigira uwo utari we***

Kimwe mu bintu dukora iyo dukozwe n'isoni ni ukwiyubakamo abo tutari bo.

Uwo utari we <i>Umuntu w'igitangaza</i>	Gushyira hasi abanda (Kubacisha bugufi) Kwisingiza cyane
Uwo utari we <i>Umuntu uri muni y'abandi</i>	Kwishyira hasi cyane (Kwici- sha bugufi) Gusingiza abandi cyane (N.B. Iki si igisuzuguriro !)
Uwo uri we w'ukuri <i>Umuntu nyamuntu(w'ukuri)</i>	Kwemera uwo uri we n'abandi

Yaba umuntu w'igitangaza n'uri muni y'abandi bombi bagaragara mu ishusho y'ubwishimagize! Bagaragaza mu buryo butari bwo uwo Imana yaturemye ngo tube we. Ingaruka ni uko turamya iyo shusho.

### ***Tumere nka Yesu***

Yigeze akorwa n'isoni? Byarashobokaga! Yiswe ikinyendaro, yabaye impunzi, yari uwo mu bwoko busuzuguritse, yakuriye mu bukene n'ibindi. Nyamara ntiyigeze akorwa n'isoni (Yohana 13:1-5).

Ku musaraba ntiyatwikorereye ibyaha gusa, ahubwo yageretseho n'imibabaro. Twanamwikoreje ikimwaro twari kugira. Byari isoni nsa kubambwa no kumanikwa ku giti yambaye ubusa mu ruhame ariko ntiyita ku isoni zo kubambwa ku musaraba (Abaheburayo 12:2). Kubwo kwishimira kutubona duhinduka abumudendezo yihanganiye ku musaraba atwikorerera ikimwaro *twari* kuhagirira. Mu rupfu rwe ku musaraba yikoreye ingaruka z'ibyaha byacu. Muri Zaburi 69:7, bumwe mu buhanuzi buhari bwateguriraga imibabaro yo ku musaraba butubwira ko mu maso ye huzuye isoni. Ibi byagenze gutya kugirango amaso namureba ntazigere agira isoni n'umunsin'umwe (Zaburi 34:5).

### ***Twakitwara dute igihe dukozwe n'isoni?***

1. Kwemera ko ikibazo dufite giteye isoni.
2. Kumenya ko gukorwa n'isoni arukwirengagiza ukuri ko kuba uwo uriwe imana yaremye
7. Kureba inkomoko y'uko gukorwa n'isoni, ugasaba Umwuka Wera kugufasha.
8. Kubwira Imana umubabaro wawe ukawushyira Yesu ku musaraba.
9. Kwakira umwitero wo gukiranuka ku Mana (Yesaya 61:10).
10. Twemerera Imana itwisangire iduhembure (Yesaya 54: 4; Yoweli 2: 26;27).
11. Kwakira ukugererwa kabiri ibyishimo n'imigisha Imana yifuzza kuhera mu buturo bwayo (Yesaya 61:7).

### **Uko twakitwara mu gihe habaye kurakara**

Uburakari ni amarangamutima imana yaduhaye ubundi adafatwa nk'icyaha. Imana yanga icyaha n'akarengane. Iyo tutarakajwe n'akarengane twaba dufite ikibazo! Turebe muri ibi Byanditswe.

### ***Ukurakara kw’Imana ni ukwera***

Kubara 32:10; Gutegeka kwa kabiri 29:27; Yesaya 63:3; Zefaniya 2:3; Zekaiya 10:3; abaroma 1:18; Abefeso 5:6; Abakolosayi 3:5-6

### ***Imana nubwo itinda kurakara uburakari bwayo bumara igihe gito***

Kuva 34:6; Kubar 14:18; Nehemiya 9:17; Zaburi 30:5; 78:38; 86:15; 103:8; 145:8; Yesaya 54:8; Yeremiya 3:12; Hoseya 14:4; Yoweli 2:13; Yonasi 3:9; Mika 7:18; Nahumu 1:3

### ***Ukurakara kwa nyako ku karengane n’icyaha***

Nehemiya 5:6; Yeremiya 6:11; Matayo 21:12-13; 23:13-36; Mariko 3:5;10:14; Luka 11: 39-52; 13:15-16; Yohana 2:13; Ibyakozwe n’intumwa 5:3; 9;8:20; 13:9-11; Abagalatiya 2:11, 14

Kugira uburakari kubw’akarengane cyangwa icyaha wakorewe birasanzwe. Birashoboka kurakara ariko ntukore icyaha (Abefeso 4:26-27). Reka twigire kuri Yesu. Nk’uko twabibonye mu mironko iri hejuru, Yarakaye ubwo yabonaga abantu bazira akarengane. Ariko we igihe yakagirirwaga nta kindi yakoze, yaracecetse yizera umucamanza w’ukuri wamutumye (1 Petero 2: 23).

Uburakari bushobora kuba bubuho iyo budakurikije amahame ya Bibiliya. Iyo dukomeje kurakara bihembera inzangano mu mitima yacu ibi bikaganisha ku cyaha. Uburakari budashira ni indwara mbi cyane.

### ***Imbuzi ku burakari***

Zaburi 37:8; Imigani 29:11; 22;30:33; Ecclesiastes 7:9;Matayo 5:22; Abefeso 4: 26-27; 31; ; Abakolosayi 3:8; 1 Timoteyo 2:8; Yakobo 1: 19-20; (Hari imbuzi nyinshi mu Migani ivuga ku burakari- Imigani 14:17; 29;15:18; 16: 32; 19:19).

### ***Uko abantu muri rusange bitwara igihe bagize uburakari***

- *Kwigarura* mu buryo bugaragarira amaso – kujya kure  
mu mitekerereze – kwitabira umurimo, kureba televiziyo, kunywa ibisindisha cyangwa ibiyobyabwenge
- *Kutabigaragaza* guseka ariko imbere ari ibicika
- *Kubirwanya* Ibi bishobora gutera indwara, ukwiheba, ukugira inzika, no kurakazwa n’ubusa
- *Kubitekerezaho igihe* kugumya ugaruka ku cyateye uburakari ku buryo wakihorera
- *Isimbuzza* Gutura umujinya abandi badafite aho bahuriye n’ikibazo (urugero: umugore, abana)
- *Isandaguzza* Kudashobora kwifata ku bw’umujinya
- *Kutavuga*, ariko guceceka bishobora kuba bibi!

Imana ntishaka ko hari na kimwe dukora mu bivuzwe ruguru. Ntishaka ko twirengagiza ko twababaye ngo bitume ducumura ahubwo ishako ko tuyitura ibyaturakaje byose.

### ***Ingabo y’umujinya – igikoresho kidufasha kumva uburakari bwacu***

Uburakari ni amarangamutima buri gihe ahisha andi marangamutima cyangwa ububabare. Nshobora

kuba nkoresha uburakari ngirango nirinde. Ibyo bizagufasha gutahura ibyo urigucamo, n' ibyo ushobora guha yesu.

Tekereza igihe uheruka kugirira uburakari maze wibaze ibi bibazo bikurikira:

- Ni izihe ngaruka byangizeho zigaragarira amaso? Numvaga meze nte mumubiri? (Urugero: Numvaga mu nda haka, numvaga ububabare mu mugongo, numvaga bitameze neza mu gifu.....)
- Ni ayahe marangamutima yandi wumvaga ufite ? (Urugero : Numvaga mfite ipfunwe ry'uko nitwaye imbere y'abana bange.....)
- Ni ibihe bitekerezo nagize? (Urugero: Sinzongera kumwizera!)
- Byagize izihe ngaruka hagati yange n'Imana? (Urugero: Nafashe ko Imana itigeze yita ku byo nacyemo, sinzigeze nsenga!)
- Byagize izihe ngaruka hagati yange n'abandi? (Urugero: Ntibyashobotse guhanahana amakuru; numvaga nitandukanije; umugore wanjye yangiriye ubwoba; sinongeye kwiyumvamo uwo muntu ukundi.....)

Habaho uburakari kubera ko wumva hari icyo wabuze. Ni ngombwa gusesengura icyo wumva ko urimo kubura. (Urugero: Kuba ukeneye gutegwa amatwi, kumenya ukuri ku kintu runaka, ubutabera mu kintu iki n'iki.....)

### ***Uko twakitwara igihe tugize uburakari***

1. Saba Imana Igufashe gusesengura:
  - Inkomoko y'ubwo burakari.
  - Amarangamutima n'ibindi bikubabaje kubw'ubwo burakari.
  - Ese ni iki umujura yaba yarakwibye ?
  - Icyo ukeneye mu by'ukuri muri icyo gihe.
2. Bwira Imana uko wiyumva kuri ibi tumaze kubona haruguru hanyuma wizere Yesu umuganyire ibikubabaje n'ibikurakaje wizere ko abijyanye ku musaraba.
3. Saba Imana iguhishurire umutima wayo hanyuma ikubwire uko yifuza kugucungura.
4. Saba Imana iguhe ubuntu bwo kubababarira abagukiraniweho bose no kubasabira imigisha.
5. Niba hari undi wazize akarengane, musabire ku Mana imurenganure.

Abantu bamwe na bamwe ntibiborohera kugararagaza impamvu yatumye barakara. Byashoboka ko byaba bitewe n'uburyo bukabije barenganirijwemo bakageraho barakarira ubuzima muri rusange. Byaba byiza bakoze urutonde rw'ibyo bibwe n'umujura (ibyo banyazwe na Satani)– ibihombo byose n'akarengane bamaze kugirirwa. Ibi byose rero bisukwa imbere y'Imana ukabikora wizeye ko Yesu yabikubambiwe ku musaraba. Muri Yohana 10:10 bashatse kubaza Yesu icyo yashaka kubagarurira bari baribwe n'uburyo yifuzaga ko babona ubugingo. Ibi nibyo Bizana umudendezo no gukira k' umutima.

## **Ibyerekeye ubwoba**

### ***Ubwoba busanzwe***

Kugira ubwoba igihe uhuye ‘ikintu kibi birasanzwe. Ubwoba buduteguza ko hari ikibi bityo tukikingira. Nk’urugero, tekereza ndimo ntaha nagera mu ishyamba intare ikansimbukira ivuye mu bihuru! Mpita nshaka uko nakiza amagara yange. Ubwoba bukoresha imitsi yange ubundi nkiruka (nkiruka kibuno mpa amaguru!). Nyamara intare ishobora kuba yinyuriye indi nzira itakinkurikiye. Iyo icyago kirangiye ubwoba burashira nkatangira kwisubiramo.... nyuma y’akanya birumvikana!

Mu bihe bikaze, Imana yonyine niyo idushoboza gutsinda ubwoba. Hari igihe tugira imbaraga zidasanzwe, umutuzo, n’ubunararibonye mu bihe bibi. Dukenera ubuntu bw’Imana ngo tuneshe ubwoba igihe cyose tubayeho mu makuba. Urukundo rwayo rutubera ingabo (Zaburi 5:12).

### ***Ubwoba budakwiye***

Igihe cyose twumva tugifite ubwoba kandi icyabuteye kitagihari ubwo buba bwatunesheje. Ubwoba bushobora kuba rusange ku buryo buri gihe wumva ufite ubwoba cyangwa uhangayitse. Ntibiterwa n’ibyo tubayemo hanze ahubwo n’ibiturimo imbere mu mitima yacu. Amarangamutima, imitekerereze biba byigaruriwe n’ubwoba n’imihangayiko. Dushobora guterwa ubwoba n’ahazaza uko tugiye kubaho, n’urupfu, n’abana bacu cyangwa se imiryango yacu. Dushobora guterwa ubwoba nuko dushobora gutsindwa cyangwa guhezwa cyangwa gucirwa urubanza n’Uwiteka cyangwa abandii. Ibi byose biradusenya bikangiza ubuzima bwacu bwose yaba mu buryo bugaragarira amaso, mu mitekerereze n’amarangamutima. Bishobora kugira n’ingaruka kubo turi kumwe, nabo bakigarurirwa n’ubwoba.

### ***Igisubizo cy’Imana***

‘Ntimugire ubwoba’. Uyu murongo ushobora kuba ugaragara cyane muri Bibiliya kurusha indi yose. Imana ntiyifuza ko twuzura ubwoba! Imana ntiyigeze iduha umwuka w’ubwoba, ahubwo yaduhaye uw’imbaraga, urukundo no kwirinda (2 Timoteyo 1:7). Yesu yasabye abigishwa be inshuro nyinshi kutagira ubwoba.

Ukugwa mu cyaha kwa muntu (Itangiriro 3:7 – 9) kwagize ingaruka ku marangamutima yacu. Ubwoba butuma buri gihe tugerageza kwihisha no kubaka ibikuta by’ubwirinzi (Nubwo twaba tutabizi). Butuma dutandukana n’Imana. Ariko Yesu adusaba kumuhamagara igihe tugeze mu mwijima w’ubwoba ngo aze atumurikire. Ku musaraba Yesu yahahanganiye n’umwijima arawunesha ku buryo uyu muni ubwoba butagishoye kudukuhemama.

Ni ngombwa ko iyo turi mu bihe by’ubwoba Imana idusanga tukongera tukamenya urukundo rwayo no kugira neza kwayo ku bwoko bwayo. Uko turushaho kuyimenya niko turushaho kuyizera. Muri Matayo 6: 25-34 hatubwira uburyo turi ab’igiciro ku Mana, akaba ari aho Yesu ahera atubwira kudahangayika. N’umubare w’umusatsi uri ku mutwe wacu arawuzi (Matayo 10:30)!

Ni ngombwa ko tumenya impamvu turi hano ku isi n’icyo Imana yahadushyiriye. Turi abambasaderi bayo ku isi. Nk’uko yaturemye mu ishusho yayo, iyo tubayeho ku bw’imigambi yayo turushaho kumenya Imana iyo ariyo n’imbaraga zayo zidukoreramo.

Ukwizera n’ubwoba ntibyabana. Ariko ubwoba ni amarangamutima akaze akaba adapfa gukurwaho n’igitekerezo ubwacyo. Ni ngombwa gusesengura icyateye ubwoba bityo n’igikomere cyakomotse ku bwoba kigakira. Niba tutabona neza igikomere dufite ni ngombwa ko dusaba Umwuka Wera kuduhishurira bityo tugasuka imitima yacu imbere y’Imana, imibabro yacu tuyijyana ku musaraba.

### ***Uko twakitwara igihe tugize ubwoba***

Tumeze nk’abahinzi bahinga ku butaka bw’imitima yacu. Tunesha ubwoba igihe cyose dukuye urukungu ku butaka bwo mu mitima yacu mbere y’uko tuhatere imbuto nshya. Dore intambwe zo kuneshya ubwoba:

1. Tahura ikirimo gukura usesengure imbuto. Igiti cyiza cyera imbuto nziza; ikibi

kikera imbi (Matayo 7:17).

2. Saba Imana iguhishurire imizi y'igiti.
3. Zanira Imana ubwoba n'imizi yabwo (nk'urugero bitewe no guhungabana ngira imyizerere itariyo ku Mana, kuri jye, ku bandi bigatuma ngira ubwoba. Nkeneye gushyikiriza Imana imibabaro yanjye, ibikomere n'imyizere ipfuye).
4. Saba gukira ibikomere.
5. Saba Imana ikoherereze ijamba ryayo, rigukuremo ubwoba.

### ***Ibohore***

Twimure Satani yo iduteza imibabaro igahora ishaka kutugumana bunyago ishaka kungukira mu byago byacu kugirango ituneshe. Muri Luka 10:19 Yesu yavuze ko yaduhaye ubutware kuri yo. Dukoreshe ubwo butware tuyirukane mu buzima bwacu. Mbere y'ibyho ni ngombwa ko Imana idukiza ibikomere tukababarira abaduteje ubwoba bose kubera ko Ukudatanga imbabazi guha urwaho Satani ku buzima bwacu (Abefeso 4: 26-27).

### ***Saba imyumvire mishya***

Guca mu bikomeye cyane bituma bitugora kwizera Imana ko yazaturinda mu gihe kiri imbere. Biranatugora kwemera ko abanzi bacu bihannye iyo bavuze ko babikoze. Ibi ni ibintu bibaho ariko bikaba bituma tutagira icyizere cy'ahazaza. Iyo tumaze gukira ibikomere ni ngombwa ko dusaba Imana kudufasha kubaho uko ibishaka. Hari inkuru iri mu Bami ba kabiri 6:8-17 itubwira uburyo abagaragu ba eliya bagize ubwoba igihe bari babonye bagoswe n'imbaraga z'umwanzi. Eliya yasabye Imana ko yamufungurira amaso y'umwuka nuko ahita abona uburyo ijuru ryari ribarinze kandi abamarayika bakaba bararutaga abanzi babo.

Hari izindi ngero nyinshi muri Bibiliya zigaragaza uburyo Imana yarinze ubwoko bwayo. Muri Zaburi 34:7 havuga ko 'Malayika w'Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha akabakiza.' Zaburi ya 91 idusezeranya bitangaje kurindwa ikibi. Igihe bajugunywaga mu itanura ryaka umuriro abagabo batatu, kubw'ibitangaza basohotse mu muriro (Daniyeli 6: 19-30). Imana yohereje abamalayika bafunga iminwa y'intare ntizarya Daniyeli ubwo bamujugunyaga mu rwobo rw'intare. (Daniyeli 6: 16-22). Iyi ni imwe mu mirongo n'inkuru igaragaraza urukundo Imana idukunda ikaturinda iyo tugeze mu makuba.

Nyamara nk'uko twabibonye ku mugereka w'igitabo mubitekerezo byinshi kumibabaro y'abantu, n'imana y'urukundo, ntabwo twigeze tubona impamvu uko tubabajwe Atari ko tubona ibisubizo byose uko tubishaka. Twishyira mu maboko y'Imana gusa tugatumbira umugambi idufiteho. Niyo ibona ishushonagiri y'ubuzima bwacu. Ukunesha ni ukwayo. Tutitaye ku banzi bacu tugomba kumwizera kuko ashobora guhindura imitima yabo. Tugomba gusaba Imana ubushishozi muri byose. Muri Yohana 16:33 Yesu adusezeranya amahoro n'iyaha ari mu gihe cy'amakuba.

### ***Hanyuma na none.....***

'Urukundo rutunganiye rwose rumara ubwoba' (1 Yohana 4:18). Kwizera urukundo rutunganye Imana idufitiye niwo muti rukumbi w'ubwoba. Ikintu cyatumara ubwoba ni ugutumbira urukundo rutunganye Imana idufitiye. Ntacyadutandukanya n'urukundo rwayo (Abaroma 8:35-39)! Tugomba kubisengera kugirango tubigireho ihishurirwa ryo mu mwuka atari ibyigishirijwe mu itorero gusa.

## E. Gufasha imbabare z'umwihariko

### Abagore bafashwe ku ngufu

Abagore benshi bakunze gufatwa ku ngufu mu gihe cy'amakimbirane ashingiye ku moko bityo bakaba bakenera ukwitabwaho n'itorero kwihariye. Abagore bafashwe ku ngufu akenshi biyumvamo ko:

- Nta gaciro bagifite
- Banduye, ko hari ubwandubaba barakongejwe n'uwabafashe
- Barishinja, nubwo nta kibi bakoze – ni ukwishinja kutariko
- Barakomerekejwe kandi buzuye umubabaro
- Bagira ubwoba cyane cyane mu bahuriyemo n'indwara cyane cyane SIDA
- Barakararira uburyo bahohotewemo
- Baterwa isoni n'ibyababyeho

Muri Yohana 10:10 Yesu agira ati, 'Umujura azenzwa no kwica, kwiba no kurimbura'. Abagore bafashwe ku ngufu baba baribwe na Satani ibintu byinshi: Amahoro, umunezero, ubusugi, agaciro, ubuziranenge, igitinyiro, uburenganziro bwo gufata ibyemezo bikwiriye umubiri wabo, ikizere cy'urushako, ubuzima n'ibindi. Ariko Yesu akomeza agira ati, 'Nazanywe no kugira ngo zigire ubugingo, zibugire kandi bwuzuye'. Duhe Imana icyubahiro kubw'uko Yesu yaje kutugarurira ibyo umujurayatwibye! Mu Byanditswe byera henshi hatubwira uburyo Imana iducungura.

- Yeremiya 30:17 'Ariko nzakugarurira amagara yawe nzagukiza inguma zawe.'
- Yoweli 2:25 'Nzabashumbusha imyaka inzige zariye'
- Zaburi 23:3 'Asubiza intege mu bugingo bwanjye'

Reba na none Zaburi 71: 20-21; Yesaya 51: 3; 57:18-19; Ezekiyeli 36: 34-36; Nahumu 2:2; Zefaniya 3:20; zekariya 10:6; 1 Petero 5:10.

### *Nidusengera umugore wafashwe ku ngufu ni ngombwa ko dusengera*

- Kwezwa, atari kubwe gusa ahubwo n'umwanda w'ibyaha by'abandi. Ntibikenewe ko bihana! Dusenga dusaba Imana kohereza amazi y'umwuka wayo kugirango yoze kandi yeze imibiri yabo, umwuka wabo, n'imitekerereze yabo. Mu Byanditswe nko muri Ezekiyeli 36:25 hadufasha, ariko ukuyemo'.....n'ibigirwamana byanyu byose' kuko ibi ntaho bihuriye n'ikibazo cyabo.
- Kubakuramo ukwishinja icyaha dushimangira ko atari ikosa ryabo.
- Kubakuraho ipfunwe. Bakeneye kumenya ko Yesu yabikorereye ipfunwe ku musaraba. Mu maso he huzuye ipfunwe (Zaburi 69:7,19) kugirango bo barikurweho (Zaburi 34: 5). Ahandi mu byanditswe hadufasha ni muri Yesaya 54:4-5, 61:7 no muri yoweli 2:27.

Tumaze kubasengera ibibi bigakurwaho, tunabasengera kugarurirwa ibyabo byibwe na Satani. Ni ngombwa kugaragaza byose bakeneye ko Imana ibagarurira. Bakeneye kumenya ukuntu natwe tubaha agaciro tukanabubaha.

Mu Gutegeka kwa kabiri 10:8 hatubwira ko umwe mu mirimo y'umutambyi ari ukwifuriza imigisha mu izina ry'Imana. Mu isezerano rishya abizera bose ni abatambyi (1 Petero 2:9, Iyahishuwe 5:9-10).

Bityo dushishikarire kwifuriza imigisha abakomeretse bose. Abagore bafashwe ku ngufu baba bakeneye guhabwa umugisha no kwezwa bushyashya. Twabasabira umugisha ku buzima bwabo bwose nk' uko tubisanga mu Kubara 6:24-26; Zaburi 129:8(hatarimo igice cya mbere!); Zaburi 115:15; 134:3.

Ni byiza na none kubahwiturira kongera kwigirira ikizere (nk'urugero Indirimbo za Salomo 4:7, ni ubutumwa bw'umukunzi wabo wo mu ijuru). Reba umuzingo w'ibyanditswe witwa '*How valuable we are to God*' (*Agaciro dufite ku Mana*) harimo imirongo ihagije yafasha.

Twizera ko nyuma yo kwakira izi nyigisho, bazibonera inzira zo kubabarira kuko bizongera ugukira ibikomere kwabo.

### ***Ni nde wo kugira inama akanasengera abagore bafashwe ku ngufu?***

Birumvikana ko ari undi mugore, kubera ko byabagora kwizera umugabo. Niba umuyobozi w'umugabo mu itorero asabwe kugira ibyo afashamo byaba byiza hagize umugore ubaherekeza. Byaba byiza bahisemo abagore bafite umutima w'impuhwe ku bandi bagahabwa amahugurwa y'uko bafasha umugore wafashwe ku ngufu.

Bigenda gute iyo hagize umugore ufatwa ku ngufu ntabivuge kubera guhungabana cyane? Ese hari uburyo bwihariye bwo gufasha abagore bafite amabanga atari meza mu mitima yabo? Ni byiza ko abayobozi b'itorero babivugaho muri rusange mu mpuguro batanga. Igihe babwiriza uburyo Imana ikiza ibikomere by'imbere, ababwirizabutumwa bashobora no kubwiriza ku ngaruka ziva ku gufatwa ku ngufu. Yerekana uburyo yumva ububabare bwabo akagerageza kwerekana impuhwe abafitiye.

Byaba byiza hari abihaye Imana b'igitsina gabo babagiriye mu cyimbo maze bakavuga ku gahinda kabo ku byabakorewe, bavuga ko bitari bikwiye, ko byababaje Imana. Basaba imbabazi mu mwanya wa ba bandi bahohoteye ba bagore. Ibi bishoboza ba bagore gushinjura ababafashe ku ngufu.

### ***Ni iki twavuga ku mwana ubyawe n'uwafashwe ku ngufu?***

Bigora abo bagore gukunda umwana babyaye mu buryo nk'ubwo. Bitewe n'uko kwangwa, wa mwana yiyumvamo nk'ikosa. Umusanzu w'itorero ni ugukunda abo bana kubera ko Imana ibaha agaciro kandi ikaba ibakunda. Iba izi neza ko ikosa atari iryabo. Ikunda byihariye imfubyi n' abasuzuguritse bose (Gutegeka kwa kabiri 10:18; aburi 68: 5-6; 27:10; Yesaya 49: 51; 1 abakolinto 1:26-29). Yesu yari azi neza ko yari busuzugurwe ndetse akanangwa n'ab'isi (Yesaya 53:3). Nubwo yanzwe n'ab'isi Imana yamuhisemo ab'uw'igiciro kuriyo aba umusingi (1 Petero 2:4, 7). Imana ishobora kudukiza aya makuba yose igasuka imigisha kuri abo bana baba batifuzwa. Nk'itorero ryayo tugombagukunda abo bana na ba nyina.

### **Ibyerekeye kwibuka ahantu runaka bikagutera ubwoba**

Hari abantu badashobora gusura uduce tumwe na tumwe bitewe n'ibyo bibuka bikabatera ubwoba bijyanye n'aho hantu. Bafashwa bate?

Ugukira ibikomere buri gihe kugendana no kubinyuranamo n' imana atari ukugerageza kubisunikira kure ubima amaso. Nk'abayobozi mu itorero tugomba guherekeza abo bantu tugasura aho hantu hatara imibabaro. Iyo tuhageze tubereka ko tubitayeho hanyuma tugasengana nabo. Tubasaba gusuka imitima yabo imbere y'Imana bayibwira ibyababereyeho aho hantu (Ibi ushobora kubibavugira igihe bo batabishoboye). Bashishikarize gutura imibabaro yabo Yesu. Ubabwira ko igihe bababaraga aho hantu Imana yari kumwe nabo (Zaburi 139:7-8; Yesaya 63:9), ukababwira ko yababajwe n'ibyahabereye. Dusengera ihishurirwa ry'urukundo n'impuhwe by'Imana kuri bo mu gihe bari mu mibabaro aho. Usoza uvuga ko Yesu ari umwami bityo mukishimira intsinzi ya Yesu kuri Satani.

Bigenda bite iyo gusura aho hantu bidashoboka kuko ari kure, hasenyutse? Tuhasurira mu isengesho cyangwa mu ntekerezo.

### **Ibyerekeye abagira inzosi mbi kubyo bigeze kubona**

Aba nabo baba bakeneye kwitabwaho mu rukundo rw’Imana. Kugerageza kubibakuramo muntekerezo zabo ntiwabigeraho. Baba bakeneye kuzana izo nzozi imbere y’Imana bakaziyiharira. Ntibayibwira gusa ibikorwa banavuga uko biyumva n’ingaruka bibagiraho. Bagomba kumwikoreza imibabaro bakamusaba kubavugira. Akenshi nyuma yo gusenga, muri ubu buryo uwakomeretse abona Yesu mu mitekerereze ye. Imana ishobora kubavugisha mu buryo bwinshi- mu Byanditswe, mu ijwi ryayo mu mitima yabo, mu bakiristu basengana. Yesu agira ati, ‘Muzamenya ukuri (Nk’urugero, ukuri ku mpuhwe z’Imana) ukuri ni ko kuzababatura’(Yohana 8:32).

## F. Ibyanditswe

### Imico y’Imana

#### *Imana ni inyebambe*

Kuva 34:6	Gutegeka kwa kabiri Abacamanza 2:18 30:3		Nehemiya 9:17,19
Nehemiya 9:27	Zaburi 86:15	Zaburi 103:4, 8	Zaburi 103:13
Zaburi 111:4	Zaburi 116:5	Zaburi 119:156	Zaburi 135:14
Zaburi 145:8	Yesaya 30:18	Yesaya 49:10, 13	Yesaya 49:15
Yesaya 51:3	Yesaya 54:7,10	Yesaya	Yeremiya 31:20
Amaganya ya Yeremiya 3:22,32	Ezekiyeli 39:25	Hoseya 63:7	Hoseya 11:8
Yoweli 2:13	Mika 7:19	Zekariya 10:6	Malaki 3:17
Matayo 9:36	Matayo 14:14	Matayo 20:34	Mariko 1:41
Luka 7:13	Luka 15:20	2 Abakorinto 1:3	Yakobo 5:11

#### *Imana ni inyambabazi*

Kuva 33:19	Gutegeka kwa kabiri 1 Ibyo ku ngoma 21:13 4:31		Nehemiya 9:31
Zaburi 5:7	Zaburi 6:9	Zaburi 25:6	Zaburi 28:6
Zaburi 31:22	Zaburi 78:38	Zaburi 116:1	Zaburi 142:1
Imigani 28:13	Yesaya 55:7	Yesaya 63:9	Yeremiya 3:12
Daniyeli 9:9,18	Hoseya 6:6	Mika 6: 8	Mika 7:18
Habakuki 3:2	Zekariya 1:16	Zekariya 7:9	Matayo 5:7
Matayo 9:13	Matayo 18:33	Matayo 23:23	Mariko 5:19
Luka 1:50	Luka 1:78-79	Luka 6:36	Luka 10:36-37
Abaroma 9:16	Abaroma 11:32	2 Abakorinto 4:1	Abefeso 2:4
1 Timoteyo 1:2	1 Timoteyo 1:13,16	Tito 3:5	Abaheburayo 2:17
Abaheburayo 4:16	Yakobo 2:13	James 3:17	Yakobo 5:11
1 Petero 1:3	1 Petero 2:10	2 Yohana 1:3	Yuda 21-23

#### *Imana igwa neza*

Itangiriro 24:27	Itangiriro 39:21	2 Samweli 9:3	Ezira 9:9
Yobu 10:12	Imigani 14:21, 31	Imigani 19:17	Yesaya 54:8
Yeremiya 9:24	Yeremiya 31:3	Hoseya 11:4	Luka 6:35
Ibyakozwe 14:17	Abaroma 2:4	Abaroma 11:22	1 Abakorinto 13:4
Abagalatiya 5:22	Abefeso 2:7	Abakolosay 3:12	Tito 3:4

#### *Urukundo rw’Imana ntiruhinduka*

Kuva 15:13	Zaburi 13:5	Zaburi 21:7	Zaburi 32:10
------------	-------------	-------------	--------------

Zaburi 33:5,18	Zaburi 36:7	Zaburi 48:9	Zaburi 52:8
Zaburi 107:8	Zaburi 147:11	Zaburi 54:10	Amaganya ya Yeremiya 3:32
Hoseya 10:12			

***Imana ihumuriza***

Zaburi 10:17	Zaburi 23:4	Zaburi 71:21	Zaburi 86:17
Zaburi 94:19	Zaburi 119:50	Zaburi 119:52	Zaburi 119:76
Yesaya 25:8	Yesaya 40:1	Yesaya 49:13	Yesaya 51:3
Yesaya 51:2-3	Yesaya 52:9	Yesaya 57:18	Yesaya 61:2
Yesaya 66:13	Yeremiya 31:13	Zechariah 1:17	Matayo 5:4
Yohana 14:18	2 Abakorinto 1:3-7	Abafilipi 1:2	2 Abatesalonike 2:16-17
Ibyahishuwe 7:17	Ibyahishuwe 21:4		

***Imana itabera***

Gutegeka kwa kabiri 32:4	2 Chronicles 19:7	Job 37:23	Zaburi 9:8
Zaburi 9:16	Zaburi 11:7	Zaburi 33:5	Zaburi 36:6
Zaburi 45:6	Zaburi 89:14	Zaburi 97:2	Zaburi 99:4
Zaburi 101:1	Zaburi 103:6	Zaburi 111:7	Zaburi 140:12
Imigani 29:26	Yesaya 5:16	Yesaya 28:17	Yesaya 30:18
Yesaya 33:5	Yesaya 42:1	Yesaya 51:4	Yesaya 61:8
Yeremiya 9:24	Ezekiyeli 18:25	Ezekiyeli 33:17	Ezekiyeli 34:16
Daniyeli 4:37	Hoseya 2:19	Zephaniah 3:5	Matayo 12:18
Luka 18:7	Yohana 5:30	Abaroma 2:2	Abaroma 3:25
2 Abatesalonike 1:6	Ibyahishuwe 15:3	Ibyahishuwe 16:5	Ibyahishuwe 19:2

***Imana yanga akarengane***

Kuva 23:2, 6	Ugutegeka kwa kabiri 24:17	Ugutegeka kwa kabiri 27:19	Yesaya 5:7
Yesaya 29:21	Yesaya 58:6	Isaiah 59:15	Yeremiya 22:13
Amaganya 3:34-36	Ezekiyeli 9:9	Ezekiel 22:29	Amosi 5:24
Amosi 6:12	Mika 3:1	Zechariah 7:9	Zekariya 8:16
Malaki 3:5	Matayo 23:23		

***Icyo Imana ivuga ku isumbanisha n'urwikekwe***

Abalewi 19:15	Ugutegeka kwa kabiri 16:19	2 Ibyo ku ngoma 19:7	Yobu 13:10
Yobu 34:19	Malachi 2:9-10	Matayo 5:45	Ibyakozwe 10:28
Ibyakozwe 10:34-35	Acts 15:7-9	Abaroma 2:11	Abaroma 10:12
1 Timoteyo 5:21	James 2:1,9	Mariko 6:2-3	Yohana 1:46

***Imana yita ku mfubyi, abapfakazi n'abambuwe uburenganzira***

Ugutegeka kwa kabiri 10:18	Ugutegeka kwa kabiri 24:19	Ugutegeka kwa kabiri 26:12	Ugutegeka kwa kabiri 27:19
Zaburi 9:9	Zaburi 10:14	Zaburi 10:18	Zaburi 68:5
Zaburi 82:3-4	Zaburi 103:6	Zaburi 146:7, 9	Yesaya1:17
Yesaya1:23	YesayaIsaiah 58:6,10	Yeremiya 5:28	Yeremiya 22:3
Yeremiya 49:11	Hosea 14:3	Zefaniya 3:19	Zekariya 7:10
Mariko 12:40	Luka 20:47	Yohana 14:18	1 Timoteyo 5:3
1 Timoteyo 5:16	Yakobo 1:27		

***Imana ni umugabo w'abapfakazi***

Yesaya 54:5	Yesaya 62:4-5	Hoseya 2:16-20
-------------	---------------	----------------

***Uburyo turi ab'agaciro imbere y'Imana***

***Iratwishimira***

Zaburi 147:11	Zaburi 149:4	Yesaya 62:2-4	Zefaniya 3:17
Yeremiya 31:20	Zaburi 35:27	Zaburi 37:23-24	Imigani 8:30-31

***Turi umutungo wayo***

Kuva 19:5-6	Ugutegeka kwa kabiri 7:6	Ugut. kwa kabiri 14:2	Ugut. kwa kabiri 26:18
Zaburi 135:4	Malaki 3:17		

***Turi imboni y'ijisho ryayo***

Ugut. kwa kabiri 32:10	Zaburi 17:8	Zekariya 2:8
------------------------	-------------	--------------

***Turi ab'igicro kuri yo***

Yesaya 43:4	Amaganya 4:2	Zaburi 27:14	Zaburi 116:15
-------------	--------------	--------------	---------------

***Umugeni we wamurimbishirijwe***

Indirimbo ya Salomo 4:7-10	Ezekiel 16:14	Zekariya 9:16-17
Ibyahishuwe 21:2		
Ibyahishuwe 21:9-11		

***Dukunzwe nawe***

Ugut. kwa kabiri 33:12	Yeremiya 31:3	Abefeso 1:7-8	Abefeso 5:1-2
Abefeso 5:25-27	1 Yohana 3:1		

***Yishimira kutugwizaho imigisha***

Ugut. kwa kabiri 23:5      Zaburi 24:5      Yeremiya 32:40-41      Luka 11:13  
Luka 12:32      Abaroma 10:12

***Ubwoko bw’Imana – Abantu batandukanye n’abandi***

***Ntiburambirwa kabone niyo umwanzi yakwigaragaza nk’ugiye kunesha***

Zaburi 37:1      Zaburi 37:7-13      Zaburi 73:1-28

***Bwihangana nk’ubareba itaboneka bikabaha imbaraga***

Abaheburayo 11:27      Yohana 14:19      2 Abakorinto 4:18      2 Abami 6:17

***Si nk’ab’isi***

Abaroma 12:2      Yohana 17:14-17      1 Yohana 2:15

***Bwubaha Imana kurusha abandi bantu***

Ibyakozwe 4:19      Yohana 12:42-43

***Buzi neza ko ubwoba ari umutego***

Imigani 29:25      Yohana 7:13      Abagalatiya 2:12

***Bwapfa kubera Kristo aho kubaha abagome***

Ibyakozwe 5:41      Abaroma 8:17      Abaheburayo 11:25      Yakobo 5:10  
1 Petero 2:20      Abaroma 8:18      2 Abakorinto 4:17      1 Petero 5:10

***Buzi ko ubwami bw’Imana aribwo nyambere***

Luka 14:26-27      Matayo 6:33

***Busabana cyane na bene se b’abakirisitu***

Abefeso 2:19      Abagalatiya 6:10      Yohana 13:34-35      Yohana 15:12-13  
Yohana 15:17      Abefeso 1:15, 16      Abakolosayi 1:4      1 Abatesalonike 4:9-10  
Abaheburayo 6:10      1 Petero 2:17      1 Yohana 2:9-11      Abagalatiya 3:28  
Abakolosayi 3:11

***Uko umukirisitu yitwara muri banzi be***

Kuva 23:4                      Imigani 24:17                      Imigani 25:21                      Matayo 5:44  
Luka 6:27                      Luka 6:35                      Ibyakozwe 7:60                      Abaroma 12:20  
1 Abatesalonike 5:15

**Icyo Bibiliya isvuga ku**

***Ukwizera***

Zaburi 9:18                      Zaburi 25:5, 21                      Zaburi 31:24                      Zaburi 33:18, 20  
Zaburi 33:22                      Zaburi 37:9                      Zaburi 42:5, 11                      Zaburi 62:5  
Zaburi 71:14                      Zaburi 119:114                      Zaburi 130:5, 7                      Zaburi 146:5  
Zaburi 147:11                      Yesaya 40:31                      Yesaya 49:23                      Yeremiya 29:11  
Amaganya 3:25                      Mika 7:7                      Matayo 12:21                      Abaroma 4:18  
Abaroma 5:2,5                      Abaroma 8:24-25                      Abaroma 12:12                      Abaroma 15:4,13  
1 Abakorinto 15:19                      2 Abakolinto 1:10                      2 Abakolinto 3:12                      Abagalatiya 5:5  
Abefeso 1:18                      Abefeso 4:4                      Abakolosayi 1:27                      1 Abatesalonike 1:3  
1 Abatesalonoike 4:13                      1 Abatesalonike 5:8                      1 Timoteyo 6:17                      2 Abatesalonike 2:16-17  
Tito 2:13                      Tito 3:7                      Abaheburayo 3:6                      Abaheburayo 6:11  
Abaheburayo 6:18-19                      Abaheburayo 10:23                      Abaheburayo 11:1                      1 Petero 1:3, 13  
1 Petero 1:21                      1 Petero 3:15                      1 Yohana 3:3

***Agahinda n'icyunamo***

Itangiriro 23:2                      Itangiriro 37:34                      Itangiriro 50:10                      Kubara 20:29  
Gut. kwa kabiri 34:8                      1 Samweli 30:4                      2 Samweli 18:33                      2 Samweli 19:2  
1 Ibyo ku ngoma 7:22                      Ezira 9:4                      Zaburi 10:14                      Zaburi 31:9  
Zaburi 35:14                      Zaburi 38:6                      Zaburi 56:8                      Zaburi 88:9  
Umubwiriza 3:4                      Yesaya 33:7                      Yesaya 61:2                      Yeremiya 9:1  
Amaganya 1:16                      Matayo 2:18                      Matayo 5:4                      Luka 6:21  
Yohana 11:33                      Yohana 16:20                      Yohana 16:22                      1 Abatesalonike 4:13  
Ibyahishuwe 21:4

***Ukwihorera kurabujijwe – kurekere Imana***

Abalewi 19:18                      Gut. kwa kabiri 32:35                      Zaburi 94:1                      Imigani 20:22  
Imigani 24:29                      Ezekiyeli 25:17                      Mika 5:15                      Nahumu 1:2  
Matayo 5:38-48                      Luka 6:27-36                      Abaroma 12:17-19                      1 Abakorinto 4:12-13  
1 Petero 2:23                      1 Petero 3:92                      Abatesalonike 1:5-10

**Gukiza ibikomere byatewe n'amakimbirane ashingiye ku moko.**



'Uru ni urugendo ruvana mu bwihebe ruganisha mu cyizere. Imana yarongeye ingaruramo icyizere.'(Afurika y'epfo)

'Umutima wange wakize ibikomere kubwo kubamba imibabaro yange ku musaraba. Mbere y'amahugurwa numvaga ubwoko bwange aribwo bumfitiye akamaro gusa. Sinigeze mfata umuhoro ariko mu mutima wanjye nari umwicanyi. Nyuma y'uko mbibambye ku musaraba umutima wange wararuhutse numva ndahindutse. Sinkishyira ubwoko imbere.'(Rwanda)

'Iwacu haratwitswe burundu none ubu nibera mu nkambi y'abakuwe mu byabo. Nahise mfata icyemezo cyo kutongera kuvugisha uwo ariwe wese wo mu bwoko bw'abakalenjini (Kalenjin). Niyumvisemo ko Imana inyanga. Nifuje kuba napfa. Numvaga ndakaye ku buryo numvaga ntakwitabira aya mahugurwa kuko numvaga nakwica umuntu. Ejo hashize nibwo nashoboye kubwira umukelenjini uko numvaga meze. Byari igitangaza! Ndumva natanga imbabazi nta mutwano nkikoreye. Ngiye iwacu gusura abakalenjini!'(Kenya)

'Ndashima Imana kubw'uko ejo hashize twese nk'amatsinda y'ubwokobutandukanye kuba twari ku musaraba twese. Ibi byaratwunze bitugira abavandimwe. Ndashima Imana kuko ejo narongeye ngarura urukundo muri jye. Satani yari yararutwibye. Sinari nigera nishima nk'uko byambayeho maze gushyira byose ku musaraba.'(Republika iharanira Demokrasi ya Kongo)

'Nyuma y'aya mahugurwa, hari ibyo tugezeho. Si amakuru gusa twabonye – byatugeze ku mitima yacu. Birasa nk'ibyo tubayemo. Bimeze nk'aho mwaducanyemo umuriro. Ubu tukaba tugiye kubikongeza mu bandi.'(Zimbabwe)

'Nari uwo mu bwoko bw'Abatamili (Tamil), bityo nkatekereza ko ari twe tugirirwaho akarengane gusa. Ubu ndashaka kwiga igisinhala (Sinhala) kugirango nge nshyikirana n'abo mu bwoko bw'Abasinihalizi (Sinhalese).' (Sri Lanka.)

**Dr Rhiannon Lloyd**, yahoze ari umuganga akaba yaritaga no ku bafite uburwayi bwo mu mutwe kuva mu 1985 akora umurimo wa gikiristu abwiriza abantu bafite imico itandukanye. Yamaze imyaka myinshi yigisha **amasomo** abakozi b'abakiristu akanita ku bantu babaga baragize ibikomere mu buzima ku mpamvu zitandukanye. Guhera mu 1994 yatangiye gahunda yo kwigisha ku bwiye mu Rwanda afatanije na 'African Enterprise'. Amaze gufasha abayobozi b'amatorero menshi bagafashwa gukirira ibikomere ku musaraba, akaba amaze no kugeza ku bwiye abantu benshi. Amatsinda yo gukiza ibikomere n'ubwiye amaze gutangira mu bihugu byinshi. Nubwo atuye i Wales (Weyilizi) akaba akoramu muryango witwa 'Healing the Nations' (Gukiza Amahanga) akorana na none n'undi muryango witwa 'Ministries International [www.lerucher.org](http://www.lerucher.org)' ufite icyicaro i Jeneve mu Busuwisi.

**Past. Nyamutera Joseph**, wahoze ari Mwalimu w'Icyongereza mu mashuri yisumbuye akaba n'umushumba w'icyubahiro mu itorero rya Pantekoti mu Rwanda yinjiye muri uyu muryango mu 1997. Nubwo akorera mu Rwanda niwe ukuriye agashami k'ubumwe n'ubwiye muri 'Mercy Ministries

International’ kandi akanayobora ‘Mercy Ministries’ mu biyaga bigari muri Afrika. Akaba ari impuguke kandi akaba n’umutoza

**Imana yabituvaniramo inyungu (Gutegeka kwa kabiri 23: 5).**

**4) Ni gute imibabaro yacu birangira iduhindukiye inyungu aho kuba ibihombo?**

***Dushobora kugirirwa impuhwe n’Imana***

Mu gihe twugarijwe n’imibabaro, hari ishusho y’umutima wuje w’Imana impuhwe itarigeze imenywa ukundi dushobora kubona. Imibabaro ishobora kongera ubukirisitu bwacu ku buryo dushobora kuba twahumuriza aberembejwe n’imibabaro mubo turi kumwe nabo. Niba Imana irinda abakristu ku buryo batazigera bahura n’imibabaro ni gute tutaba mu ruhande rwabo? Bashobora kwibwira ko ntacyo twumva ariko uko tugenda tugirirwa impuhwe n’Imana mu gihe turi mu mibabaro maze tugahumurizwa nayo, ibi niko biduhindukira umutungo ukomeye cyane dushobora gusangiza abandi.

***Ukwizera kwacu kuragerazwa hanyuma kugakomezwa***

Imibabaro ishyira ku munzani imyizerere yacu bityo igapima ubuziranenge bwayo bityo bigakomeza umugambi wacu wo gukurikira Imana. Imibabaro itwigisha gushikama. Abakristu baramutse basonewe imibabaro ibi byatuma abantu birukira guhindurwa ku mpamvu zipfuye. Ibi byagenda kuko twikunda kandi tukaba dukunda ubuzima bworoshye, ntabwo byaba ari ugukunda Imana.

Kubw’imibabaro tugira amahirwe yo kwiga kwishingikiriza ku Mana bityo tukayizera. Ituma (Imibabaro) ukwizera kwacu kwaguka. Imibabaro kandi idushoboza kwihanganira imwe mu mico yacu irangwa n’intege nke. Ikibabaje ariko ituma tugira agahinda tukumva ko Imana nta kuri igira bityo bigatuma kuyishaka no kuyishimisha bitugora.

Ibi ntibishatse kuvuga ko tugomba gusingiza imibabaro cyangwa no tuyiyegurira. Imana ishaka ko dukora ibishoboka byose ngo dukureho imibabaro no kurwanya akarengane. Ariko niba imibabaro ntaho twayihungira dushobora kuyikizwa ku bw’intsinzi Yesu aduhera muri yo nk’uko yabisezeranije muri Yohana 16:33.

***Birashoboka ko Imana yadukiza imibabaro***

Nk’uko tubibona mu byanditswe, bigaragara ko hari imibanire myiza hagati y’Imana n’abo yiremeye. Nubwo satani anyaga ibitari bike byagabiwe ubwoko bw’Imana, ariko Imana ifite ubushobozi bwo kubigarurira ubwoko bwayo ndetse bigasumba uko byahoze. Iremwa ryari ryiza ariko urupfu na rwo ruraza. Ukuremwa gushya kuzaba ari uk’umwuka kandi kuzaba gusumba ukwa mbere. Yozefu yatubera urugero rwiza rw’umuntu warenganijwe bikomeye ariko nyuma akabona ingororano yaba kuri we, ku muryango we ndetse no ku gihugu cye. Mu gitabo cya Rusi tuhasanga inkuru ivuga uburyo Naomi yagiye i Mowabu agatakarizayo umugabo we n’abahungu be babiri. Nyuma yaje kugaruka i Beterehemu n’umukazana we ahabonera Bowazi n’umwuzukuru akaba ariwe gisekuruza cya Yesu we ubwe. Hari n’izindi ngero nyinshi uburyo Imana yagiye ikiza ubwoko bwayo imibabaro

Imana ishobora gukiza ubuzima bwacu ingorane zose. Aho kugirango tubabazwe n’ibyo twabuze ahubwo ubwo buzima bw’imibabaro twacyiyemo bwagakwiye kudusigira ikintu cy’agaciro gahoraho iteka! Iyi ni inkuru nziza! ‘Ahubwo turushishwaho kuneshya n’uwadukunze’ (Abaroma 8:37).

Aho twigeze kugirira intege nke tukahakomerekerera, Imana irahigaragariza maze maze hagahinduka urufatiro, ndetse hakaba ubuhamya bwacu, ingabo y’imana mu biganza byacu. Ibi bitangira igihe twafatanije hamwe nayo imibabaro (Abaroma 8:28).



## Ministry Partners

- National Unity and Reconciliation Commission ,
- Forum of Churches in Kicukiro District ,
- Rwanda Correctional Services (RCS) ,
- Local and Regional Reconciliation organizations (Shalom,Dorcas,Caring for impact, ARBI,Wirira,Teams in Uganda, Way of Peace Kenya)
- Friends of Rabagirana(National and International)
- We are One Ministries UK,
- Resonate International Ukraine
- Association pour la Guerison et Reconciliation de la Cote d'Ivoire.

**Contact :** Joseph Nyamutera

**Phone:**+250 788 410 412

**Email:** director@rabagirana.org

**Web:** www.rabagirana.org

## Friends who have helped in the past 2 years

**Mercy Ministries**

**First Presbyterian Bellevue Church**

**God Cares**

**Healing the nations**

**Baptist Churches in New York (Rev. Jim-Suzi Harrif)**

**Rabagirana Friends (Larry Thomas and friends)**

**Local Churches in Rwanda**

**Trainees' contributions**

## Where from

### ... and where to

*Let us break dividing walls and Celebrate  
Diversity (Ephesians 2:14)*

## Rwanda, 24 years after the genocide against the Tutsi

More than 60 percent of youth born after the genocide are bewildered, unable to connect what they heard happened and in most cases are affected by secondary trauma or guilt by association need answers about who are we? Where do we come from? How could such a



horrible thing happen?  
What do I do now?

With appreciation to the great effort by different stakeholders for their effort, some victims still need help towards substantial healing, or material assistance for the

most destitute.

Released prisoners need more systems to help with reintegration, as most hit a wall and end in drugs and domestic violence. They need to be encouraged to reconcile with victims and find their place in the community. Those who have means should be encouraged to provide restitution, or show at least good will.

The church is still developing the right format and message to set the nation on the path of lasting healing and irreversible peace.

The region is also at the greatest need for the healing, reconciliation and stronger integration for mutual blessing and common prosperity.

## Vision

Our passion is to see Rwanda become a model of lasting peace, unity and light to the nations to the glory of God. (Isaiah 60:3)

## Mission

We help people find new freedom and hope through our *healing and reconciliation programs*

We strengthen peace through facilitating reconciled people to find creative solution to their common challenges through *community development initiatives*

We sustain community progress through develop-

## Our achievements 2017-2018

We raised 2700 reconciliation workers and with partners reached 8 million people in Rwanda and other nations through reconciliation events, arts, and media in universities, churches, prisons, stadiums and other public spaces.

New countries like South Sudan, Ethiopia, Hungary, added on the list of countries using the material we used.



We conducted 2 Schools of reconciliation in Ivory Coast releasing 50 new facilitators and enabled the team to reach West Africa and Fran-

cophone Africa in general.

We facilitated the making and release of the first reconciliation albums by prisoners (God Forgive us) and helped Ivory Coast come up with their first Album Aquaba or Welcome (to be released soon).

f  
e

Our team helped 200 get marketable skills, 40 graduate students learnt how to seek and find jobs, 100 vulnerable Trained 400 churches leaders in Community Development and facilitated community outreaches with focus on drugs, family conflicts (The rallies reached more than 10,000 people.

We graduated 100 students in Applied theology (transformative and holistic) and trained 400 church leaders and students leaders in short courses related to Church and community.

Conducted debriefing and renewal retreats for 30 national and 60 regional leaders.

**Come with us in the Exciting Upcoming 2019-2020**


**Through our Center for Reconciliation and Intercultural Studies (CRIS)**

Train 10 new reconciliation teams and encourage them to reach 100,000

Reach 30 universities with 'Educate for peace' in partnership with GBU (IFES) and CEP (Pentecostal Students Association);

Facilitate national healing around the 25<sup>th</sup> commemoration of the genocide against the Tutsi in partnership with the churches in Kicukiro District, and different media.

Promote reconciliation and inter-cultural acceptance and research through art ( Lighthouse) art gallery and music



Run prison outreach to Nyarugenge prison with 8000 inmates and support inmate community reintegration in Kicukiro district.

## Through local church empowerment and poverty reduction programs

Run 6 months training for 200 vulnerable youth/ women with priority to families of survivors and released prisoners. The training will include skills such as: Culinary Art, tailoring, pest control, Hair dressing, pedicure and manicure, decoration and events management)

Help 100 university graduate get jobs through our Job seeking and Career guidance training and professional apprenticeship

Support 4 existing cooperatives in Masaka (Soap making, tie and die, bakery, and crafts) and help formation of 10 new in Kicukiro District.



Mobilize 10 local churches in Kicukiro district response to Community challenge such as poverty, GBV, poor hygiene,

child abuse, and other of their choice.

## Raising servant leaders and build organizational capacity

Facilitate formal theological education for 200 church leaders (young) through running a Bachelor of Divinity with Uganda Christian University and Certificate in Applied Theology with Star University in the US.

Build Capacity of 400 leaders in different church ministries through running short relevant courses (Worship, early childhood Christian education, sound engineering, preaching/ teaching, effective youth ministry.)

Operate a community library open to the public with 5,000 to 10,000 printed books and computers to access 1 million of E-resources.

Run renewal events/debriefing for organizations with different focuses: team building, motivation, conflict, and organizational behavior.

